Ikaze muri AMERIKA

Igitabo gitegura impunzi
Kinyarwanda Version

CAL
COR Cultural Orientation Resource Center

Printed and distributed by the Cultural Orientation Resource Exchange

International Rescue Committee, Inc.

Silver Spring, Maryland

The CORE project is a technical assistance program funded by the Bureau of Population, Refugees, and Migration, United States Department of State.

The International Rescue Committee assumed responsibility for the project from the previous technical assistance provider, Center for Applied Linguistics (CAL), in March 2015. The materials attached to this cover sheet were produced by CAL under a federal grant, and CAL is the rights-holder. The materials are being provided here as an authorized federal activity of the United States Department of State.

http://www.coresourceexchange.org/

Ikaze muri
AMERIKA

Igitabo gitegura Impunzi

Icapwa rya kane

2013

Ikigo cy` Inyigisho Mbonezamuco (Cultural Orientation Resource Center)

Ikigo cy` Imikoreshereze y` Indimi (Center for Applied Linguistics)

Washington, DC

Ibikubiye muri iki gitabo byagezweho ku nkunga y` Ibiro bishinzwe Abaturage, Impunzi, n` Abimukira byo muri Minisiteri y` Ububanyi n` Amahanga y` Amerika (Bureau of Population, Refugees, and Migration, United States Department of State), ariko ntabwo bisobanura ko byanze bikunze bihuje n` imikorere y` ibyo biro, kandi ababikoresha ntibagombye kumva ko guverinoma nkuru ibishyigikiye.

Ibiri muri iri capwa rya Ikaze muri Amerika: Igitabo gitegura impunzi bishingiye ku makuru Ikigo cy`imikoreshereze y`indimi (Center for Applied Linguistics) cyahawe n`abakozi b`ibigo bikurikira:

Church World Service
Department of Health and Human Services, Administration for Children and Families, Office of Refugee Resettlement
Department of State, Bureau of Population, Refugees, and Migration
Episcopal Migration Ministries
Ethiopian Community Development Council
Hebrew Immigrant Aid Society
International Catholic Migration Commission
International Organization for Migration
International Rescue Committee
Lutheran Immigration and Refugee Service
U.S. Committee for Refugees and Immigrants
United States Conference of Catholic Bishops
World Relief

Abo dukesha amafoto:

Center for Applied Linguistics
Jibril Mohamed Hirsi
Lutheran Social Services of Fargo, North Dakota
Mike Stanley, Mike Stanley Productions
Resettlement Support Center Africa (Church World Service)
Resettlement Support Center East Asia (International Rescue Committee)
Resettlement Support Center South Asia (International Organization for Migration)
Resettlement Support Center Turkey and the Middle East (International Catholic Migration Commission)
Sichan Siv
Tri-Cities World Relief Office, Richland, WA
Youth Co-Op, Inc.
Zohra Daoud

Turashimira abagize uruhare kuri iki gitabo bose. Turashimira cyane cyane Ibigo bifasha mu Gutuza n`abagize  Urugaga rw`abakora inyigisho mbonezamuco.

Umuyobozi w'umushinga: Michal Panner
Umwanditsi: Donald A. Ranard
Ishusho ryo ku gifuniko: Ryashushanyijwe na Ahmad AlKarkhi
Gutunganya igifuniko no mu gitabo imbere& gukora igitabo: SW Creatives
ISBN: 978-0-87281-075-4

Amazina yakoreshejwe mu bikorwa biri muri iki gitabo ni amahimbano. Igisanira icyo ari cyo cyose n` umuntu usanzwe ni uruhurirane rusa.

IKAZE MU MAHUGURWA MBONEZAMUCO!

Iki gitabo cy`inyigisho z`*Ikaze muri Amerika* kizagufasha kwitegura amezi make yawe ya mbere muri Amerika. Kirakubwira uko bigenda iyo ubonye inzu yo kubamo, iyo ushaka akazi, umenyana n`Abanyamerika, unamenyera umuco n`agahugu by`Amerika.

Ibirimo

UMUTWE WA MBERE: Urugendo rwo gutuzwa 6

UMUTWE WA KABIRI: Amerika n`Umuco w`Amerika 14

UMUTWE WA GATATU: Kujya muri Amerika 26

UMUTWE WA KANE: Ikigo gishinzwe gutuza abantu 44

UMUTWE WA GATANU: Amazu yo guturamo 56

UMUTWE WA GATANDATU: Serivise Rusange 68

UMUTWE WA KARINDWI: Gutwara abantu n`ibintu 80

UMUTWE WA MUNANI: Kwita ku buzima 90

UMUTWE WA CYENDA: Icungamutungo 108

UMUTWE WA CUMI: Kubaho mu mico mishya no guhindura inshingano 126

**UMUTWE WA CUMI N`UMWE:** Uburenganzira n`inshingano mu mategeko y`Amerika 144

UMUTWE WA CUMI N`IBIRI: Akazi 160

UMUTWE WA CUMI N`ITATU: Kwiga Icyongereza 182

UMUTWE WA CUMI N`INE: Kwiga 196

UMUTWE WA CUMI N`ITANU: Urugendo Rurakomeje 212

IMIGEREKA: 220

A. URUFUNGUZO RW`IBISUBIZO 220

B. INKORANYA Y`AMAGAMBO AKUNDA GUKORESHWA MW`ITUZWA 223

C. AMARANGAMUTIMA 226

1

Umutwe wa Mbere
URUGENDO RWO GUTUZWA

Kimwe nk`izindi mpunzi zindi, wafashe icyemezo cyo gutuzwa no gutangira ubuzima bushya muri Amerika. Gutuzwa niyo ntambwe ibanza mu kuba umuturage wa burundu, ikindi gihe kuri benshi mu kuba abenegihugu b`Amerika. Gutuzwa ni inzira ndende izahindura ubuzima bwawe, ikazanabamo imbogamizi nyinshi n`amahirwe menshi. Buri wese abibamo ku buryo butandukanye n`ubwundi. Ni ibisanzwe ko usamara cyangwa ukagira igihunga mu gihe witegura kugenda.

Uyu mutwe uravuga ku

» Uruhare rw`abakozi bashinzwe gutuza mu kukurandata mu minsi ya mbere
» Kwigira nk`urufunguzo rw`iterambere ryawe

Gutuzwa ni inzira ndende uhuriramo n`imbogamizi nyinshi n`amahirwe menshi. Mu mezi yawe ya mbere ukigera muri Amerika, abakozi bashinzwe gutuza bazakubera abayobozi b`ibanze.

AMAGAMBO FATIZO Y` ICYONGEREZA

Amagambo akurikira y`Icyongereza akoreshwa mu byo gutuza abantu muri Amerika. Aya magambo kuyiga bizakugirira akamaro.

Vuga ijambo mu Cyongereza. Ryandike mu rurimi rwawe kavukire. Noneho shushanya icyo iryo jambo rivuga, andika icyo risobanuye, cyangwa urikoreshe mu nteruro. Icya mbere bakigukoreye.

Mu Kinyarwanda	Mu Cyongereza	Shushanya ishusho rijyanye n`ijambo, andika inyito yaryo, cyangwa se rikoreshe mu nteruro
ubutwari	courage	*Ubutwari bivuga kuba intwari no guhangana n`ubwoba cyangwa amakuba*
	determination	
	goals	
	independent	
	journey	
	resettlement	
	self-reliance	

Abakozi bashinzwe gutuza bazakubera abayobozi b`ibanze, bityo rero bagezeho ibibazo byawe n`impungenge zawe.

IBYIFUZO N`IMPUNGENGE

Mu tuzu turi hasi aha, shushanya cyangwa wandike ibyifuzo byawe n`impungenge utewe n`igihe kiri imbere.

ICYIFUZO	IMPUNGENGE

ICYIFUZO	IMPUNGENGE

Ni iki wumvise ku mibereho yo muri Amerika? Shushanya cyangwa wandike hasi aha ibyo wumvise. Nurangiza iki gitabo, ugaruke kuri iyi paje. Shyira uruziga ku byo wasanze ari ukuri maze unyuze umukato ku bitakiri ukuri.

UMUTWE WA MBERE 1

Ubuzima muri Amerika ntibuzoroha, cyane cyane mu minsi ya mbere, ariko hazaba hari abantu bo kugufasha gutangira. Mu mezi ya mbere ukigera muri Amerika, abakozi bashinzwe gutuza nibo ba mbere bazakurandata. Bazakorana nawe mu kukugezaho za serivise, nko gushaka akazi no kwiga icyongereza. Bafite ubumenyi n`uburambe mu kazi byo kugufasha, bityo rero bagezeho ibibazo byawe n`impungenge zawe.

Hari ubwo ubuzima buzagorana, ariko ni ukugerageza ntucike intege, ukibuka ko ibintu bizatungana!

Uzagira uruhare runini mu ituzwa ryawe. Abarenze miliyoni eshatu b`impunzi baje mbere yawe batangiye bushya  ubuzima bwabo banagira uruhare mu gihugu cy`Amerika, nawe uzabigeraho. Dore ingero nke za bamwe mu Banyamerika bamamaye baratangiye ubuzima bwabo muri Amerika ari impunzi.

Madeleine Albright: Minisitri w`Ububanyi n`Amahanga w`Amerika akomoka muri Repubulika ya Ceke (yahoze yitwa Cekosorovakiya)

Zohra Daoud: Ari mu bashinze ishyirahamwe ryo gufasha abagore bo muri Afuganisitani muri Amerika, akomoka muri Afuganisitani

Albert Einstein: Wabonye igihembo cya Nobel akomoka mu Budage

Gloria Estefan: Umuririmbyi w`icyamamare akomoka muri Kiba

Jibril Mohamed Hirsi: Umuyobozi nshingwabikorwa w`umuryango udaharanira inyungu utera inkunga Abakimara kuba Abanyamerika, akomoka muri Somaliya

Wyclef Jean: Umuhanzi w`icyamamare akaba n`umuririmbyi, akomoka muri Hayiti

Sichan Siv: Ambasaderi wa Amerika akomoka muri Kamboji

Kumar yagishije inama umukozi ushinzwe idosiye ye, n`umukozi ushinzwe iby`akazi mu kigo cye gishinzwe gutuza, nuko amenya uko yishakira akazi wenyine. Krishna yicaye iwe cyangwa mu biro by`ikigo gishinzwe gutuza ategereza ko abakozi bamushakira akazi. Uratekereza ko ushobora kuba yarabonye akazi mbere ari nde? Uratekereza ko nyuma yaho uwiteje imbere kurusha undi ari nde?

UMUTWE WA MBERE 1

Si ngombwa ko wamamara kugirango witeze imbere. Impunzi nyinshi ziteza imbere buri munsi ari ugukorana umuhate mu kugera ku ntego zisobanutse, nko guha ingo zabo umutekano n`ubuzima bwiza, kubona akazi gatuma bihaza, kwiga Icyongereza, no gushyigikira abana bazo n`aho batuye. Ubuhanga, ubumenyi, ubutwari, no kwiyemeza nabyo byatuma witeza imbere.

Ubwo Naw Paw yageraga muri Amerika ari kumwe n`abana be batatu, akazi ka mbere yakoze kari ako gukora isuku mu biro, nubwo mu gihugu cye bwite yari yarakoze akazi k`ubunyamabanga. Ntiyarakunze akazi ke, ariko yagakoze kuko yagombaga gutunga umuryango we. Nubwo yari azi Icyongereza gike, ntiyabashaga kukiganiramo neza. Ubu, nyuma y`imyaka 6, akora akazi ko kwakira abantu mu biro yakozemo isuku imyaka myinshi, kandi arigira ubunyamabanga. Yizeye ko hari ubwo azaba umuyobozi mukuru. Ni iki Naw Paw kugirango atere imbere?

IMIGAMBI YAWE

Ubu rero ni igihe cyo gutekereza ku migambi yawe nawe. Tekereza aho wari uri n`aho werekeje. Shushanya amashusho mu tuzu turi hasi aha asobanura urugendo rwawe.

Uri nde?	**Mu gihugu cy`iwanyu ukiri umwana wakoraga iki?**	**Umaze gukura wakoraga iki mu gihugu cy`iwanyu?**	**Wakoraga iki mu gihugu cy`ubuhungiro?**
Urashaka kuba wageze kuki mu kwezi kwawe kwa mbere umaze gutuzwa?	**Urashaka kuba wageze kuki mu mwaka wawe wa mbere umaze gutuzwa?**	**Urashaka kuba wageze kuki mu myaka 5 umaze gutuzwa?**	**Urashaka kuba wageze kuki mu myaka 10 umaze gutuzwa?**

GUSOZA*

Ni byo cyangwa si byo? Uratekereza ko uzi ibingana iki ku gutuzwa muri Amerika? Ikorere igerageza mu mvugo ziri hasi aha. Soma izi mvugo kandi ushyire uruziga iruhande rwa* Ni byo** ***niba ubona ko imvugo ari ukuri, ushyire uruziga iruhande rwa* Si byo** ***niba ubona ko imvugo atari ukuriro.

1.	Uzagira uruhare rukomeye mu gutungana kw`ituzwa ryawe.	**Ni byo**	**Si byo**
2.	Hari abantu bakomoka ku isi yose baba muri Amerika.	**Ni byo**	**Si byo**
3.	Imiturire yose yo muri Amerika irasa cyane.	**Ni byo**	**Si byo**
4.	Uzagomba gukorana n`ikigo gishinzwe kugutuza kugirango bikorohere kumenyera ibyo muri Amerika.	**Ni byo**	**Si byo**
5.	Uzashobora kubona serivise za Leta n`inkunga ya guverinoma aho uzaba utuye.	**Ni byo**	**Si byo**
6.	Uzagomba kugura imodoka waraye ugeze muri Amerika kugirango ushobore kugenda agace kawe gashya.	**Ni byo**	**Si byo**
7.	Benshi mu bagabo n`abagore bakuze bagomba gukora muri Amerika.	**Ni byo**	**Si byo**
8.	Ntuzakenera kwiga Icyongereza.	**Ni byo**	**Si byo**
9.	Amashuri ya Leta ni ubuntu kandi ni itegeko ku bana bose ku myaka 6–16.	**Ni byo**	**Si byo**
10.	Abaganga ntawundi bashobora kugira icyo babwira cy`ubuzima bwawe utari wowe utabitangiye uburenganzira.	**Ni byo**	**Si byo**

* Ibisubizo by`ukuri byatanzwe ku Mugereka A ku ipaje ya 220.

11. Abantu bose muri Amerika, harimo n`impunzi, bafite uburenganzira-shingiro bw`ikiremwa-muntu. **Ni byo** **Si byo**

12. Uzagomba kureka bimwe mu bigize umuco n`indemagaciro byawe bwite maze ukunde ube mu muco n`indemagaciro by`Amerika. **Ni byo** **Si byo**

Nta cyo bitwaye niba utabishubije neza byose. Iki gitabo kirasubiramo ibintu bya ngombwa bijyanye n`ituzwa kandi kirafasha kugutegura ku byo uzabamo ubwo uzaba ugiye kuba muri Amerika.

2

UMUTWE WA KABIRI
AMERIKA N`UMUCO W`AMERIKA

Leta zunzu Ubumwe z`Amerika ni igihugu cya gatatu ku isi mu bunini no mu guturwa. Ni igihugu gifite intara zinyuranye n`ibihe bitandukanye, kandi gituwe n`abantu b`amoko, inkomoko, amadini n`indimi binyuranye. Nyamara ariko ni igihugu kimwe: igihugu cy`Abanyamerika. Nubwo Abanyamerika bakomoka mu mpande zose z`isi, hari uburyo n`imikorere shingiro Abanyamerika bose bahuriyeho. Ubu buryo n`iyi myifatire bishobora kuba bitandukanye n`ibyo usanzwe umenyereye.

Uyu mutwe uravuga ku

» Itandukaniro mu duce
» Umuco n`indemagaciro by`Amerika



AMAGAMBO FATIZO Y` ICYONGEREZA

Amagambo y`Icyongereza akurikira akoreshwa iyo bavuga kuri Amerika n`umuco w`Abanyamerika. Aya magambo kuyiga bizakugirira akamaro.

Vuga ijambo mu Cyongereza. Ryandike mu rurimi rwawe kavukire. Noneho shushanya icyo iryo jambo rivuga, andika icyo risobanuye, cyangwa urikoreshe mu nteruro. Icya mbere bakigukoreye.

Mu Kinyarwanda	Mu Cyongereza	Shushanya ishusho rijyanye n`ijambo, andika inyito yaryo, cyangwa se rikoreshe mu nteruro
umuco	culture	*Umuryango wa Yahya utewe ishema n`umuco wabo wo muri Darfur kandi ushishikariye kwiga umuco w`Amerika*
	community	
	customs	
	diversity	
	identification	
	language	
	newcomers	
	population	
	tradition	

Buri gace muri Amerika gateye ukwako. Ibyo wumvise abandi bavuga kuri Amerika bishobora kuba kuri wowe atari ko bimeze.

ITANDUKANIRO MU DUCE

Muri Amerika, uduce dutandukanye mu buryo bwinshi. Uburyo bumwe dutandukanyemo ni uruvange rw`inkomoko n`amoko y`abatuye utwo duce. Amategeko y`ibanze nayo aratandukanye muri buri gace. Ikindi, buri gace kagira uko gakorana n`abakiza. Kubera iyo mpamvu, ibyo wabwiwe kuri Amerika, yewe n`ubwo waba warabibwiwe na bene wanyu cyangwa inshuti zawe zisanzwe ziba muri Amerika, bishora kutaba byo kuri wowe. Ikigo gishinzwe kugutuza kizagufasha kumenya iby`agace ugiye kubamo, no kumenya uko bigenda.

Igihe mubyara wa Dina n`umuryango we bazaga gutura Amerika, babaga mu nzu nini. Dina ntiyishimiye guhabwa icyumba mu nzu y`ibyumba bitatu hamwe n`abandi bagore babiri bo mu kigero cy`imyaka ye. Yumvaga yarakwiye kuba mu nzu imeze nk`iya mubyara we. Kuki inzu yo guturamo ya Dina yari itandukanye n`iya mubyara we? Ni iki yagombaga kuba yariyumvishije?

IKARITA Y` AMERIKA



Tekereza ku muco wawe bwite n`amateka yawe.

- ❒ Uvuga ururimi ruhe (indimi zihe)?
- ❒ Urya biryo ki?
- ❒ Inzu z`iwanyu ziteye zite?
- ❒ Imigenzo n`umuco karande byanyu bikomeye cyane ni ibihe?

Shushanya cyangwa wandike ku byerekeye umuco cyangwa amateka yawe hano hasi, urugero ni nk`imigenzo, umuco karande, cyangwa ibiryo.

Abanyamerika baha agaciro kwigira no gukora cyane, kandi bubaha abantu babaza ibibazo.

Abanyamerika baraseka iyo baramutsa inshuti zabo cyangwa abo batazi.

Bamwe mubo uhuranabo muri Amerika bashobora gushishikazwa no kumenya byinshi ku muco n`amateka yawe. Itoze ubwira mugenzi wawe ibyo washushanyije cyangwa wanditse ku ipaje ibanza

IBYEREKEYE ABANYAMERIKA N` UMUCO W` AMERIKA

Nta muco umwe rukumbi w`Amerika ubaho. Amerika ni igihugu cy`abantu bakomoka mu bindi bihugu, baje bazanye imico gakondo n`imigirire myinshi itandukanye. Nyamara ariko hari imyumvire rusange imwe n`imwe yemewe inakoreshwa na benshi mu Banyamerika. Hari ubwo yaba itandukanye n`iyo mu muco no mu gihugu cyawe bwite. Uziteza imbere muri Amerika niwitondera kureba ibibera aho uri ukanemera imigirire mishya, niba kandi uri umuntu usobanuza iyo hari imyifatire udasobanukiwe.

Hano hasi hari bimwe mu bintu ukwiriye kumenya ku ndemagaciro, imyifatire, n`imyitwarirey`Amerika, :

KWIGIRA. Benshi mu Banyamerika baha agaciro kwigira n`umurava. Baba bumva ko n`abakiza bagombye guherako batangira gukora bidatinze no kwimenya bo n`imiryango yabo. Baba bumva kandi ko abakiza batavuga Icyogereza bakwiriye kukiga bada-tindiganije.

KUBAZA IBIBAZO. Abanyamerika bubaha abantu babaza ibibazo. Bemera ko kubaza ibibazo bigaragaza ko uri kugerageza kwiga no kumva. Igihe utazi uko ikintu gikorwa, witinya kubaza. Benshi mu Banyamerika bazanezezwa no kugufasha.

UMUTWE WA KABIRI 2

Bikash yari umukorerabushake mu nzu y`ibitabo yo mu gace. Mu nzu y`ibitabo aza kuhahurira n`undi mukorerabushake, Umunyamerikakazi ukuze. Yari afite urugwiro kandi ashaka kumenya byose kuri Bikash n`umuco we. Ariko bimwe mi bibazo uwo mugore yabazaga byasaga no kurengera kuri Bikash. Murumva Bikash yarumvise ameze ate? Iyaba wari Bikash wari gukora iki?

Hamwe na mugenzi wawe, mwitoze kubazanya ibibazo. Dore bimwe mu bibazo mushobora kubazanya:

- ❒ Iwanyu ni he?
- ❒ Umaze igihe kingana iki uba ino?
- ❒ Ubana nan de?
- ❒ Mbese ufite abana?

Ni iki kindi wumva wamenya kuri mugenzi wawe? Zana nawe ibyawe bibazo.

Dore zimwe mu zindi ndemagaciro, imigirire, n`imyifatire by`Amerika:

KUDAHANIKA IBINTU. Akenshi Abanyamerika barorshya ugereranije n`abantu bo mu bindi bihugu. Mu bihe byo gusabana ubusanzwe bakoresha izina ribanza. Mu kazi izina rya nyuma rijyana n`ijambo ry`icyubahiro (Bwana, Madamu, Dogiteri) rikoreshwa iyo ihamagarwa rikozwe mu cyubahiro, ariko abakuru b`akazi benshi na benshi mu bo mukorana bashobora guhitamo gukoresha izina ribanza.

Mu gihugu cye bwite, Maung Thein yari umuyobozi aho yari atuye. Aho atuye ubu muri Amerika, umukozi ushinzwe idosiye ye, umugore Maung aruta kure mu myaka, ahamagara Maung mu izina rye ribanza, amureba mu maso hagati, no mu bindi afata Maung Thein nka mugenzi we. Iyaba wari Maung Thein wakumva umeze ute? Wakora iki?

GUSUHUZANYA. Abanyamerika baraseka cyane, bakanakoresha guseka mu gusuhuza inshuti zabo n`abo batazi. Ikindi, abagabo n`abagore bahana umukono iyo bibwirana, cyangwa iyo babwirwa abandi bantu.

Kubahiriza igihe ni ngombwa cyane ku Banyamerika, ushobora kwirukanwa mu kazi bivuye ku guhora ukererwa.

Itwaze ikikuranga igihe cyose usohotse iwawe. Niba utavuga Icyongereza, itwaze inomero ya telefone yawe na aderese yawe

KUBAHIRIZA IGIHE. Abanyamerika bemera ko kubahiriza igihe ari ngombwa cyane. Abanyamerika bagerageza kubahiriza igihe bakumva ko n`abandi nabo bagombye kubahiriza igihe. Gufata no kubahiriza gahunda ni ngombwa. Iyo nta gahunda ufitanye n`umuntu yo kuza kumureba mu biro, uwo muntu ashobora kutabasha kukwakira. Iyo udashobora kubahiriza gahunda cyangwa se uteganya gukererwa iminota irenze 15 ni byiza ko uhamagara, ukavuga ko uri ukererwe, ukanabisabira imbabazi. Na none kugerera ku gihe mu kazi buri munsi ni ngombwa cyane, ushobora kwirukanwa mu kazi kubera ko uhora ucyererwa.

IMIBEREHO BWITE. Abanyamerika baha cyane agaciro imibereho bwite ya buri muntu. Abantu ntibakunda gusurana mu ngo batabanje guhamagarana cyangwa gutumirana. Ibirebana n`amafaranga bifatwa nk`imibereho bwite, Abanyamerika babona ko kubaza umuntu umushahara we cyangwa igiciro yaguze inzu cyangwa imodoka ye ari ikinyabupfura gike. Abanyamerika kandi bumva ko kubaza umuntu mukimenyana cyangwa utazi neza ibibazo byerekeye amafaranga, imyaka, n`ubuzima bwite, ari ikinyabupfura gike.

Anna yari anejejwe no kuba yagiranye ubushuti n`abaturanyi be bo munsi y`umuhanda. Umugoroba umwe atashye yavugije inzogera y`umuryango wabo ngo abasure, atangazwa kandi ababazwa n`uko bamubwiye ko uwo utari umwanya wo kubasura kubera ko bari bari kurya ifunguro ry`ijoro. Ni ukuvuga ko abaturanyi ba Anna batari bagishaka ubushuti bwe? Iyaba wari Anna wari gukora iki?

TIPU. Ubusanzwe Abanyamerika batanga tipu ya 15% kugera kuri 20% bya fagitire ku museriveri muri resitora, umushoferi wa tagisi, cyangwa umukozi usokoza. Iyo hagize ugutwaza umuzigo wawe, ubundi ni $1 ku muzigo mununi. Ntiwagombye kugira amafaranga uha umupolisi cyangwa umukozi wa Leta kubera ko bishobora gufatwa nka ruswa.

UMUTWE WA KABIRI 2

**KUNYWA INZOGA N`ITABI.** Hari amategeko menshi agenga ibyo kunywa no gucuruza inzoga n`itabi muri Amerika. Umwanzuro wo kunywa inzoga ni icyemezo cy`umuntu ku giti cye, nta nubwo ari ikinyabupfura gike kwanga inzoga muri Amerika. Gutwara wanyoye bibujijwe n`amategeko. Ntushobora kunywera itabi mu nyubako n`ahantu hamwe na hamwe hahurira abantu benshi (nka za resitora), kandi mu mijyi n`insisiro zimwe na zimwe ntushobora kunywera itabi hafi y`inyubako. Abanyamerika benshi ntibanywera itabi mu mazu yabo kandi bumva ko n'abandi ari uko. (Reba Umutwe wa 11 kubijyanye n`amategeko ya Amerika).

Moe Aung yari afite imyaka 19. Yari yatumiwe gusangira n`abo kwa Smith ifunguro rya ni mugoroba. Ubwo yari ariyo Moe Aung bamuhaye ikirahure cya divayi hamwe n`ifunguro. Moe Aung ntiyamenye uko abigenza. Yari kuba anyuranyije n`itegeko iyo yakira inzoga? Moe Aung yagombaga kwemera divayi?

UMUTEKANO. Aho waba utuye hose, wagombye gufata ingamba zisanzwe zo kubungabunga umutekano, nko gufunga inzu n`imodoka byawe, kutagendana na rimwe umubare munini w`amafaranga, no kumenya uduce tw`aho utuye tutagendwa nijoro.

KWITWAZA IBYANGOMWA. Abanyamerika bakoresha ibyangombwa bizwi berekana mu nzego za Leta no mu kazi. Wagombye igihe cyose kugira kopi y`ikarita yawe ya I-94 n`iy`ikarita yawe ya EAD, kimwe n`izina, aderese n`inomero ya telefone by`ikigo gishinzwe kugutuza. Niba utavuga Icyongereza, itwaze inomero ya telefone na aderese byawe, cyangwa aderese n`inomero ya telefone y`uwo ari wewese ugiye gusura. Ntukagendane umwimerere w`ikarita y`inomero bwite yawe. Yibike kure mu nzu yawe.

KUGENDERA KU MATEGEKO. Abanyamerika bemerako ari ngombwa kugendera ku mategeko. Ibyo birimo no gutegerereza ku murongo no guhagarara ku byapa biguhagarika iyo utwaye.

Shyira uruziga ku ndemagaciro,imyifatire, cyangwa imyitwarire yarondowe ku mapaje ya 18, 19, 20 na 21 itandukanye n`iyo wari umenyereye.

Tekereza ku ndemagaciro mu zavuzwe ku mapaje ya 18 kugeza ku ya 21 zakubera ingorabahizi kuzimenyera. Uzuza igishushanyo kiri hasi aha. Baguhaye urugero.

Ni izihe ndemagaciro, imico, n`imyitwarire yakugora kumenyera muri Leta zunze Ubumwe z`Amerika?	**Uzifasha ute ngo ubashe kumenyera izi mpinduka?**
Nzagomba guhana umukono n`abagabo n`abagore mu gihe mpuye nabo	*Nzajya nsuhuza abantu nseka, kandi nzajya mbabwira uko nitwa n`aho nturuka.*

Maryam yageragezaga kumenyera imigenzo mishya n`indemagaciro byo muri Amerika. Yageragezaga kwigenga, kugerera ahantu ku gihe cyangwa se mbere y`igihe, no kwitwararika imibereho bwite y`umuturanyi we. Ariko buri munsi, yabaga ashavuye anakumbuye iwabo cyane. Uratekereza ko Maryam ababajwe n`iki? Iyaba wari Maryam, wakora iki?

Ganira na mugenzi wawe ku nzira zo kwirinda kugira igishyika muri Amerika.

GUSOZA*

Hitamo ibisubizo byiza kuruta ibindi mu biri hasi aha, uhitamo neza. Dore urugero:

Ni uruhe rurimi ruvugwa n`abantu benshi muri Amerika

a. Igishinwa.

(b.) Icyongereza.

c. Ikidage.

Benshi muri Amerika bavuga Icyongereza, rero igisubizo ni b. Icyongereza.

1. Mbese muri Amerika ince zose ni zimwe?

   a. Yego

   b. Oya

2. Ni ubuhe mu buryo bukurikira Abanyamerika basuzuhuzamo abanyamahanga?

   a. Barabahobera

   b. Barabasekera

   c. Babaha umukono

   d. Babasoma ku itama

   e. Ntoye b na c

* Ibisubizo by`ukuri byatanzwe ku Mugereka A ku ipaje ya 220.

3. Ni ikihe mu bikurikira Abanyamerika baha agaciro cyane?

   a. Kwigira

   b. Kubaza ibibazo

   c. Kuvugira hejuru

   d. Kugendera ku gihe

   e. Ntoye a, b, na d

4. Ni nde muntu mu ngero zikurikra utari mu nzira yo kwigira?

   a. Umuntu uherako atangira kwiga Icyongereza ako kanya.

   b. Umuntu ubaza inshuti ze n`abavandimwe be niba hari aho bazi akazi mu karere.

   c. Umuntu udashishikajwe no gushaka akazi akumva ko ikigo gishinzwe kumutuza cyagombye kumuha buri kintu.

   d. Umuntu ugerageza kwiga imibereho yo muri Amerika yitegereza akanabaza ibibazo.

5. Tekereza abaturanyi bawe b`Abanyamerika bagutumiye iwabo maze bakakuzimanira inzoga. Ni ikibazo kuri wowe kubera ko utanywa. Biragayitse kwanga inzoga muri Amerika?

   a. Yego

   b. Oya

UMUTWE WA KABIRI 2

3

Umutewe wa Gatatu
KUJYA MURI AMERIKA

Nyuma yo kwemererwa kujya muri Amerika, hari ibindi bike biba bisigaye gukora ngo ufate urugendo. Ibyo birimo ibizami byo kwa muganga n`ibirebana n`umutekano. Koresha uyu mwanya wo gutegereza wiga Icyongereza niba bishoboka.

Uyu mutwe uravuga ku

- Ibizami byo kwa muganga n`ibirebana n`umutekano
- Ikigo gishinzwe gutuza wandikiwe
- Imyiteguro y` urugendo
- Ibisobanuro birambuye ku rugendo rwawe ujya muri Amerika

Mbere y`uko ujya muri Amerika, uzakenera gukorerwa ibizami byo kwa muganga, n`isuzumwa ryerekeye umutekano.

AMAGAMBO FATIZO Y` ICYONGEREZA

Amagambo akurikira y`Icyongereza akoreshwa ku bijyanye no kujya muri Amerika. Aya magambo kuyiga bizakugirira akamaro.

Vuga ijambo mu Cyongereza. Ryandike mu rurimi rwawe kavukire. Noneho shushanya icyo iryo jambo rivuga, andika icyo risobanuye, cyangwa urikoreshe mu nteruro. Icya mbere bakigukoreye.

Mu Kinyarwanda	Mu Cyongereza	Shushanya ishusho rijyanye n`ijambo, andika inyito yaryo, cyangwa se rikoreshe mu nteruro
isaho	bags	
	departure	
	identification	
	luggage	
	medical	
	occupation	
	passport	
	travel	

Ibizami byo kwa muganga bigeza ku kigo gishinzwe kugutuza amakuru y`indwara waba ufite yakenerwa kuvurwa muri Amerika.

Mbere y`uko ugera muri Amerika, ikigo kigushinzwe kizaba kizi izina ryawe, imyaka yawe, ubwoko bwawe, n`ururimi uvuga.

Ikigo gishinzwe gutuza kizakoresha amakuru yawe mu gutoranya aho utuzwa.

IBIZAMI BYO KWA MUGANGA

Ibizami byo kwa muganga ni ngombwa ku bagize umuryango wawe bose. Ibizami ni ubuntu, kandi abakozi b`ibigo bifasha mu byo gutuza bazagufatira gahunda. Amakuru ku buzima bwawe azamenywa gusa n`abantu bagufasha mu byo gutuzwa.

Hari impamvu eshatu z`ibizami byo kwa muganga:

- ❒ Kumenya niba wowe cyangwa undi wo mu muryango wawe, hari uburwayi mufite bukeneye kuvurwa.
- ❒ Kwizera ko nta numwe mu muryango wawe ufute icyorezo cyakwanduza abandi kikaba cyatuma wowe cyangwa uwo mu muryango wawe mubuzwa kwinjira muri Amerika.
- ❒ Kugeza ku kigo gishinzwe kugutuza amakuru ku burwayi ubwo ari bwo bwose bwakenerwa kuvurwa muri Amerika.

INYIGISHO MBONEZAMUCO

Mbere yo kuza muri Amerika, abenshi mu mpunzi bahabwa inyigisho mbonezamuco (Cultural Orientation [CO]) zitangwa n`abakozi b`ibigo bifasha mu gutuza. CO itanga amakuru ku buzima muri Amerika igendeye ku makuru ari muri iki gitabo. Ikigenderewe muri CO ni ukugufasha kumva nyabyo uko imibereho yo muri Amerika izaba imeze no kuguha ishusho ry`ibyo uzanyuramo mu mezi yawe ya mbere muri Amerika.

IBY` UMUTEKANO

Impunzi zose zigomba gukorerwa isuzumwa ry`umutekano rikorwa n`inzego za guverinoma y`Amerika mbere yo kuza muri Amerika. Ubusanzwe, isuzumwa rikorwa mbere y`ibazwa ryo muri Minisiteri y`umutekano w`Igihugu. Rimwe na rimwe irindi suzumwa ry`umutekano rirakenerwa mbere yo gufata urugendo.

IKIGO GISHINZWE GUTUZA WANDIKIWE

Buri mpunzi yemerewe kujya muri Amerika yandikirwa ikigo gishinzwe kuyituza mbere yo gufata urugendo. Ikigo gifasha mu gutuza kizohereza ikigo gishinzwe gutuza amakuru yawe akurikira:

- ❒ Izina ryawe, imyaka, amashuri, n`umurimo ukora.
- ❒ Amazina, imyaka, amashuri, n`imirimo y`abagize umuryango wawe muzajyana.
- ❒ Ubwoko bwawe, igihugu ukomokamo, ururimi, n`idini.
- ❒ Uburwayi ubwo ari bwo bwose buzagomba kuvurwa nugera muri Amerika.
- ❒ Amazina, aderese n`inomero za telefone z`uwo ari we wese mufite icyo mupfana cyangwa inshuti baba muri Amerika.

GUHITAMO AHO UZATURA

Ikigo cy`igihugu gishinzwe gutuza kizakoresha amakuru yawe mu guhitamo aho uzatura. Niba umuryango wawe wa bugufi (uwo mwashakanye, umwana, umubyeyi, mukuru [murumuna] cyangwa mushiki) usanzwe uba muri Amerika, kandi ugaha ikigo gifasha mu gutuza inomero ya telefone na/cyangwa aderese bye, ikigo kizagerageza kugutuza mu mujyi umwe na we. Niba usabye gutuzwa hafi y`inshuti cyangwa mwene wanyu utari uwa bugufi, ikigo gishinzwe gutuza kizabanza kirebe niba ako agace karimo serivise uzakenera, niba kandi ushobora kuzahabona akazi. Niba bene wanyu batari aba bugufi bashobora kwifashishwa mu ituzwa ryawe muri Amerika, ushobora gusaba gutuzwa mu gace kamwe nabo, ariko nta garanti ko ari ko biba bizagenda.

Ni ngombwa gutanga amakuru aheruka ya bene wanyu baba muri Amerika niba ushaka gutuzwa hafi yabo.

Wicare uzi ko wabwiye abakozi ba IOM cyangwa b`ikigo gifasha mu gutuza impinduka zabayeho mu muryango wawe mu gihe ugitegereje gufata urugendo. Iyo utabikoze, ushobora kutagendera igihe.

Impapuro ziri mu isaho rya IOM ryawe zifite akamaro gakomeye. Izirikeho iryo saho mu gihe cyose cy`urugendo.

Iyo ikigo gishinzwe gutuza kidafite amakuru ya vuba y`umuryango wawe n`inshuti basanzwe baba muri Amerika, ushobora gutuzwa mu mujyi uri kure yabo. Ha abakozi b`ikigo gifasha mu gutuza amakuru yose ushoboye kubona, kugirango ikigo gishinzwe gutuza kizabashe guhitamo aho kugutuza habereye. Gutanga aya makuru nta cyo bitwara idosiye yawe y`ubuhunzi, cyangwa ngo bihindure igihe uzagendera. Bigira icyo bikora gusa ku kugena aho ushobora gutuzwa muri Amerika. Gutanga aya makuru ni wowe bifitiye akamaro.

Ikigo gishinzwe gutuza nikimara guhitamo umujyi uzabamo, ikigo gifasha mu gutuza kizagufasha gutegura urugendo. Mbere yuko ufata urugendo, uzamenyeshwa aho ugiye kuba muri Amerika.

Numara kubimenya, wuzuzemo aya makuru hasi aha. Hari igihe utamenya aya makuru utaragera muri Amerika.

Umujyi (muto/munini) wange mushya: _____

Leta yange nshya: _____

Ikigo gishinzwe kuntuza: _____

Amakuru y`ikigo gishinzwe kuntuza: _____

_____

IMYITEGURO Y` URUGENDO

Umuryango Mpuzamahanga wita ku Bimukira (IOM) uzategura urugendo rwawe rwo kuza muri Amerika. Niba hari igihundutse mu muryango wawe mu gihe utegereje kugenda, nko gushyingirwa, urupfu, cyangwa kubyara umwana, ugomba kubimenyesha IOM cyangwa abakozi b`ikigo gifasha mu gutuza. Kutabikora, byakuviramo kutagendera igihe giteganijwe. Urugendo rwawe rushobora kwigizwayo.

INGUZANYO Y`URUGENDO

Umuryango wawe wemerewe guhabwa inguzanyo yo kwishyura urugendo rwo muri Amerika. Abo mu muryango wawe barengeje imyaka 18 babona buri wese inguzanyo ye. Igihe kizagera usinye urupapuro rwita amasezerano y`ubwishyu. Aya masezerano y`ubwishyu ni isezerano ukora ryo kuzishyura inguzanyo y`urugendo mu gihe cy`imyaka itatu nyuma y`aho ugereye muri Amerika.

Nyuma y`amezi make umuryango wa Pooja wakiriye ibaruwa irimo inyandiko yishyuza y`amasezerano y`ubwishyu bwa IOM. Pooja yibutse ko hari ikintu nk`icyo yasinye ariko ntiyibuka ibya cyo. Ni gute wasobanurira Pooja iyi nyandiko yishyuza? Ni iki wamubwira ku byerekeye akamaro ko kwishyura inguzanyo? Iyo Pooja agira ibindi bibazo, yari kubaza nde?

Nyuma y`amezi make ugeze muri Amerika, ikigo gishinzwe kugutuza kizatangira kukohererezа buri kwezi inyandiko yishyuza cyangwa igaragaza amafaranga usigayemo. Amafaranga wishyura ajya mu kigega gifasha izindi mpunzi kuza muri Amerika. Iyo wishyuye iyi nguzanyo, ubwo uba utangiye kubaka amateka yo kugurizwa. (Reba Umutwe wa 9 ku byerekeye amateka yo kugurizwa). Gusibira kwishyura bishobora kukwangiriza amateka yo kugurizwa. Iyo utabashije kwishyura biturutse ku mpamvu iyi n`iyi, bibwire ako kanya ikigo cyawe gishinzwe gutuza.

ISAHO RYA IOM N`IMPAPURO ZO KWINJIRA

Mbere yuko uhaguruka, abakozi ba IOM bazaguha isaho rya purasitiki rizaba ririmo agafuka k`impapuro z`urugendo n`utundi dufuka twinshi duto. Utu dufuka tuzaba turimo inomero yawe ya I-94, impapuro za gasutamo, impapuro z`ibizami byo kwa muganga n`amafoto yo guca mu cyuma cyangwa za CD, impapuro z`umwimerere zo gutuzwa, urupapuro rwo kurira indege, n`itike yawe. Uzakenera izi mpapuro kugira ngo winjire muri Amerika, no kujya aho uzaba werekeje. Isaho n`impapuro bya IOM ubikomereho cyane. Ube uri kumwe nabyo igihe cyose. Ntufungure udufuka, kandi ntushyire isaho rya IOM cyangwa ibirimo mu ivarisi yawe cyangwa mu gikapu kigenda mu mizigo. Nugera ku cyambu cy`urwinjiriro (ikibuga cy`indege cya mbere ugeraho muri Amerika), umukozi wa IOM azagusanganira agufashe mu byo kwinjira. Wibuke ko umukozi wa IOM cyangwa wa gasutamo ya Amerika aribo bonyine bashobora gufungura impapuro zawe.

Hari ibintu udashobora kwinjirana mu gihugu. Ni byiza ko umenya ibyo bintu mbere yo kuzinga.

Dore ingero z`impapuro ushobora gukenera kujyana. Shyira uruziga ku mpapuro umuryango wawe uzajyana ziyongera ku mpapuro zo mu isaho rya IOM.

Imiti yanditswe na muganga

Impapuro z`amanota

Diporome cyagwa seritifika

Impampuro z`inkingo

Ibyemezo by`amavuko

Ibyemezo by`abashakanye

Impapuro za ngombwa zihinduwe mu Cyongereza

Impapuro zo kwa muganga

Shushanya cyangwa wandike izindi mpapuro za ngombaw uzakenera

Wibuke gushyira impapuro za ngombwa mu isaho ugendana!

IMIZIGO

Mu ndege bagira ibipimo ntarengwa by`ubunini, ibiro, n`umubare w`amasaho buri muntu ashobora gutwara. Ibyo bipimo ntarengwa biterwa n`aho ugiye n`indege ugendamo. Bazakubwira umubare w`amasaho ushora gutwara mbere y`uko uhaguruka. Ubusanzwe uba wemerewe isaho rimwe ugendana. Isaho rigendanwa ni isaho ugumana mu ndege. Uzaba wemerewe kandi isaho rimwe upimisha. Isaho upimisha ni isaho rigenda mu bubiko bw`indege. Urebe ko amasaho yawe afunze neza kugira ngo utaza kugira ibyo utakaza mu nzira.

Pray Meh yashyize ibintu mu masaho ye yitonze, ariko ayoberwa icyo akora ubwo abana be batatu batangiraga gutaka imbeho mu ndege. Ni iki Pray Meh yagombaga kuba yarashyize mu isaho rye rigendanwa, kugira ngo abana be badakonja mu ndege ?

IBINTU UDASHOBORA KUJYANA MURI AMERIKA

Amategeko yo muri Amerika ntiyemera ko ibintu bimwe na bimwe byinjizwa muri Amerika. Ntushobora kwinjiza intwaro. Ntushobora gutwara ibintu bityaye nk`imishyo cyangwa imikasi mu isaho ryawe rigendanwa, ariko ushobora kubishyira mu ishaho ripimwa. Ibindi bintu udashobora kuzana muri Amerika ni ingemwe, imbuto, imboga, inyama mbisi n`ibiyobyabwenge. Ushobona kuzana imiti yanditswe na muganga, ariko igomba kuba iri mu kintu yajemo n`icyapa cyayo. Wagombye kuba ufite urwandiko rw`imiti rwa muganga kuri buri muti wose uzanye.

Farah yashyize inshinge ze zidoda mu isaho rye rigendanwa, aza kubabazwa nuko abayobozi bo ku kibuga cy`indege bamubwiye ko adashobora kwinjirana inshinge mu ndege. Ukundi Farah yari kubigenza ni ukuhe?

Niba ufite ibyo ubaza ku byerekeye ibyo ushobora kwinjiza muri Amerika baza umukozi wa IOM.

Iyi paje n`ikurikiraho zirerekana amashusho y`amatsinda atatu y`ibintu. Andika nomero 1 mu itsinda ry`ibintu byagombye gushyirwa mu isaho ryawe ripimwa. Andika nomero 2 mu itsinda ry`ibintu byagombye gushyirwa mu isaho ryawe rigendanwa. Andika nomero 3 mu itsinda ry`ibintu udashobora kujyana.*

1. Ibi bintu byangombye gushyirwa mu isaho ryawe ripimwa.
2. Ibi bintu byangombye gushyirwa mu isaho ryawe rigendanwa.
3. Ntushobora gutwara ibi bintu.

a.

Ibiryo, amacupa, n`ibyahi by`abana

Igitabo cy`ikaze

Ibikinisho bituje by`abana

Impapuro z`amashuri, zo kwa muganga, n`izindi za ngombwa

Imyambaro y`imbeho

Itabi rikeya

Ibitabo cyangwa ibinyamakuru

Ibinyobwa mu rugero ruto mu mashashi abonerana

Amafaranga

Imiti yanditswe na muganga n`impapuro zayo

Isaha

Ibiryo

Umutaka

Imirimbo

*Ibisubizo by`ukuri byatanzwe ku Mugereka A ku ipaje ya 220.

b.

Intwaro cyangwa ikindi cyose cyakoreshawa nk`intwaro

Ingemwe n`inyamaswa

Ibyibano bya mudasobwa, bya muzika, n`ibya sinema

Imbuto n`imboga

Ibiyobyabwenge

Ibibiriti/imyambi y`ikibiriti

Ibinini bitazwi

Amazi/ibinyobwa

Imbuto n`ibirungo

c.

Ibikoresho bya muzika

Amacupa atarenze 2 y`inzoga apfundikiye kandi ariho ibyapa

Amafoto/inzibutso

Ibitabo

Imyambaro

Ibikoesho by`isuku

Ibintu bityaye

Iradiyo

Ijaketi y`imbeho

Ntiwemerewe kunywera itabi mu ndege.

Ibuka kurya no kunywa igihe bakugaburiye kugira ngo ukomere kandi ugire ubuzima bwiza ku rugendo.

Tekereza ku byo watwara ugiye muri Amerika, subiza ibibazo biri mu mbonerahamwe ikurikira ushushanya cyangwa wandika cyangwa ubikora byombi.

Bimwe mu byo watwara ni ibihe?	Bimwe mu byo wasiga ni ibihe?

URUGENDO RWAWE

MU NDEGE

Ubu bushobora kuba ari ubwa mbere ugenda mu ndege.

Tekereza ku mpungenge wowe cyangwa abo mu muryango wawe bafitiye urugendo. Wagombye kuvuga izi mpungenge mu mahugurwa mbonezamuco mbere yo kwinjira mu ndege.

Dore ibintu bya ngombwa byo kuzirikana:

IMIKANDARA. Ugomba kwambara umukandara wawe mu gihe indege ihaguruka, igwa, n`igihe ikimenyetso cy`umukandara cyatse. Ni byiza kwambara umukandara igihe cyose.

KUNYWA ITABI. Kunywa itabi ntibyemewe mu ndege zose

ABAKOZI BO MU NDEGE. Abakozi bo mu ndege bashinzwe kumenya ko abagenzi batekanye kandi bamerewe neza. Umva amabwiriza atangwa n`abakozi bo mu ndege. Nugira icyo ukenera, nk`amazi cyangwa uburingiti, baza umukozi wo mu ndege.

Win Tun ntiyariye ibiryob y`ubuntu yahawe mu ndege yari imuzanye muri Amerika kuko atari abimenyereye. Yageze muri Amerika ashonje cyane. Wakwirinda ute ibintu nk`ibi? Ushonje cyangwa ufite inyota, ni nde wasaba ngo agufashe?

IBIRYO. Ibiryo n`ibinyobwa mu ndege mpuzamahanga ni ubuntu. Bazakugaburira incuro nyinshi mu ndege y`urugendo rurerure. Ni byiza kurya ibiryo bakugaburiye kugira ngo ukomere kandi ugire ubuzima bwiza ku rugendo rwawe rurerure.

AMAZI. Mu ndege umwuka uba wumagaye, bityo rero kunywa amazi ni ingirakamaro. Iyo utanyoye, ushobora kumerewa nabi cyangwa kumva unaniwe birenze.

INZOGA. Ku ndege nyinshi ushobora kugura inzoga, ariko si byiza kunywa inzoga mu ndege kuko bishobora gutera umubiri wawe gutakaza amazi ukagira umwuma.

KWINANURA. Kubera ko uzamara amasaha menshi wicaye, ni byiza guhaguruka, ukinanura, ukangendagenda mu ndege incuro nyinshi mu gihe cy`urugendo.

**IHINDUKA MU ISUNIKA RY`UMWUKA.** Amatwi yawe azaba nk`ayazibye. Kubigabanya, kanja gamu, wayure cyangwa unywe amazi.

GUHINDURA IBYICARO. Buri wese mu ndege aba afite icyicaro cye kandi agomba kuguma mu cyicaro cye mu gihe cyose cy`urugendo. Ushobora guhinduranya icyicaro na mwene wanyu cyangwa inshuti niba babyemeye.

Abakozi ba IOM bashobora guherekeza impunzi zirwaye cyane cyangwa zitigenza.

Nugera ku kibuga cy`indege cy`aho ugiye, mwene wanyu, inshuti, cyangwa umukozi w`ikigo gishinzwe gutuza azaba yaje kukwakira.

IMPINJA. Abana bari munsi y`imyaka ibiri bishyura make cyane iyo bagenda bakikiwe urugendo rwose. Ibuka kujyana ibiryo by`abana n`ibyahi bikoreshwa rimwe bihagije ku rugendo rwawe.

IMISARANI. Mu ndege harimo imisarani. Impapuro z`isuku z`umusarani nizo zonyine zagombye gutabwa mu musarani. Amazi yo ku ibomba ryo mu musarani ni ayo gukaraba intoki, si ayo kunywa.

KUGIRA ISESEMI. Niba ujya ugira isesemi mu ndege ukaba ushaka kuruka, hari amasaho mu mufuka uri mugongo w`intebe y`imbere yawe. Numara gukoresha isaho, rijugunye mu kintu kijyamo imyanda mu musarani.

GUHINDURA INDEGE

Ku mpunzi zimwe bishobora kuba ngombwa ko zihagarara rimwe cyangwa kenshi mu nzira mbere yo kugera muri Amerika. Ubusanzwe ibi biba igihe cyo guhindura indege. Icyo gihe cyo guhindura indege, ushobora kongera gukorerwa igenzurwa. Umukozi wo muri IOM cyangwa w`ikompanyi y`indege azagufasha kumenya aho unyura kugira ngo ugere ku ndege yawe ikurikiraho. Muri Amerika, abakozi ba IOM bazagusanganira ku cyambu cy`urwinjiriro bagufashe mu byo kwinjira. Bazagufasha kandi kubona aho urara iryo joro, niba bikenewe, cyangwa bagufashe kujya aho uzatuzwa.Niba ufite uburwayi, IOM izaguha umuntu wo kugufasha mu rugendo.

IBYO KWINJIRA

Abakozi b`Amerika bo mu biro by`abinjira bazafungura igipfunyika cyawe cyo kwinjira basuzume impapuro zirimo. Incuro nke, ku cyambu cy`urwinjiriro amakosa arakorwa mu mpampro, nko kwandika nabi izina ryawe. Nubona ikosa muri izi mpapuro, icyiza wakora ni ukubwira ikigo cyawe gishinzwe gutuza aho uzaba ugiye iby`ikosa kugira ngo mu kigo hagire urikosora.

Amakarita ya I-94 na EAD

Ikarita yawe ya I-94 izaterwamo kashe bayigusubize. Bazagufotora, baguteze igikumwe kubera ikarita yawe ikwemerera gukora (Employment Authorization Document [EAD]). Ikarita yawe ya EAD izakorwa, yoherezwe ku kigo cyawe gishinzwe gutuza. Amakarita ya I-94 na EAD ni impapuro zikomeye cyane kuko ari zo zihamya ko ufite urwego rw`ubuhunzi muri Amerika kandi wemerewe gukora.

GASUTAMO

Nurangizanya n`ibiro by`abinjira, uzajya gufata imizigo yawe ubundi ujye mu biro bya Gasutamo. Abakozi ba Gasutamo bazasuzuma impapuro zawe za gasutamo, bashobora no gusaka amasaho yawe. Ibiri mu masaho yawe nibiba bimaze gutambuka kuri Gasutamo uzaba witeguye gukora igice cya nyuma cy`urugendo rwawe.

UGUHAGARARA NIJORO

Hari ubwo uzagomba kurara ku cyambu cy`urwinjiriro niba ukererewe ku ndege yawe ikurikiraho. Ibi nibiba, IOM izagushakira (inishyure) icyumba cy`ihoteri n`ibyo kurya kugera bukeye bw`aho ubonye indege ikugeza aho ugiye.

AHO UGIYE

Ku cyambu cy`urwinjiriro, uzahabwa ikarita ya IOM iriho amakuru kuri wowe n`inomero ya telefone y`ibihe bikomeye yo guhamagara igihe ukeneye gufashwa. Ikarita izaba iri ku mushumi ushobora kwambara mu ijosi. Nugera ku kibuga cy`indege cy`aho ugiye, umuvandimwe, inshuti, cyangwa umukozi wo mu kigo cyawe gishinzwe gutuza, bazagusanganira mu gace babarizamo imizigo. Niba ku mpamvu izo arizo zose nta waje kugusanganira, herako ubibwira umukozi w`ikibuga cy`indege. Uwo muntu azagufasha kuvugana n`umukozi w`ikigo cyawe gishinzwe gutuza, umuvandimwe wawe, cyangwa IOM akoresheje inomero ya telefone iri ku ikarita ya IOM.

Umuryango wa Rai wageze ku kibuga cy`indege mu mujyi wabo mushya bumva bananiwe ariko banezerewe. Ariko ku kibuga cy`indege nta numwe wari waje kubasanganira. Ni iki umuryango wa Rai wagombaga gukora?

Niba nta numwe waje kugusanganira ku kibuga cy`indege, wigira impungenge! Shyira umutima hamwe, uvugane n`abapolisi b`ikibuga cy`indege kugira ngo bagufashe.

Tekereza uko ushobora kumva umeze ugeze aho wajyaga. Jya ku Mugereka C : Amasura y`Amarangamutima ku ipaje ya 226 unatekereze ku masura yagaragaza ayo marangamutima. Yashushanye mu nziga ziri hasi aho.



- ❒ Uzaba unaniwe? Ushonje cyangwa ufite inyota?
- ❒ Uzumva wishimye ? Ufite igihunga ?
- ❒ Uzaba ufite amashyushyu ? Ufite impungenge ?
- ❒ Uratekereza ko bifata igihe kingana iki kugirango umubiri wawe umenyere ahantu hashya

Ushobora kuba unaniwe nyuma y`urugendo rwawe rurerure, ariko uzatangira kumva umerewe neza nyuma y`umunsi umwe cyangwa ibiri!

GUSOZA*

Hitamo ibisubizo byiza kuruta ibindi mu biri hasi aha, uhitamo neza. Dore urugero:

Ni uruhe rurimi ruvugwa n`abantu benshi muri Amerika

a. Igishinwa.

b. Icyongereza.

c. Ikidage.

Benshi muri Amerika bavuga Icyongereza, rero igisubizo ni b. Icyongereza.

1. Inshuti yawe yarangije isuzumwa ryo kwa muganga n`ibyerekeye umutekano, yiteguye kujya muri Amerika. Hanyuma umugore we arabyara. Afite impungenge z`icyo yagombye gukora. Mbese yagombye kumenyesha IOM cyangwa umukozi w`ikigo gifasha gutuza iby`uku kwiyongera kw`umuryango we?

   a. Yego, kubera ko atabamenyesheje, urugendo rwe rushobora gukererezwa.

   b. Oya, kubera ko abamenyesheje, urugendo rwe rushobora gukererezwa.

2. Mbese wagombye gushyira isaho ryawe rya IOM mu muzigo upimwa?

   a. Yego

   b. Oya

   c. Aho washyira isaho ryawe rya IOM aho ariho hose.

* Ibisubizo by`ukuri byatanzwe ku Mugereka A ku ipaje ya 220.

3. Iyo ushyira ibintu mu masaho yawe, ni ibihe bintu utagombye gushyiramo kubera ko bitemewe kujyanwa muri Amerika?

   a. Ingemwe

   b. Imyambi y`ikibiriti

   c. Ibiyobyabwenge

   d. Imiti yanditswe na muganga (ifite impapuro za muganga)

   e. Ibisubizo a, b, na c

4. Mbese ugomba kwishyura ibiryo bakugaburiye mu ndege mpuzamahanga?

   a. Yego

   b. Oya

5. Iyo ugeze ku kibuga cy`indege cy`aho ugiye, ni nde ushobora kuhasanga yaje kukwakira?

   a. Inshuti

   b. Umuvandimwe

   c. Umukozi w`ikigo gishinzwe gutuza

   d. Byose (cyangwa kimwe muri byo)

6. Mu gusinya urwandiko rw`inguzanyo, wemera kwishyura inguzanyo yawe y`urugendo mu gihe cy`imyaka ingahe nyuma yo kugera muri Amerika?

   a. Umwaka 1

   b. Imyaka 3

   c. Imyaka 5

   d. Imyaka 10

UMUTEWE WA GATATU 3

4

Umutwe wa Kane
IKIGO GISHINZWE GUTUZA ABANTU

Abakozi b`ikigo gishinzwe gutuza bazaba abayobozi bawe b`ibanze mu gace kawe gashya. Tega amatwi ibyo bakubwira, kandi ubahe amakuru yose ashoboka kuri wowe no ku muryango wawe. Bamenyereye kuyobora impunzi mu byumweru byazo bya mbere muri Amerika, kandi bashobora kuguha amakuru nyayo ku buzima bwo mu gace kawe gashya.

Uyu mutwe uravuga ku

» Uruhare rw`ikigo cyawe gishinzwe gutuza
» Za serivise ikigo cyawe gishinzwe gutuza kizaguha cyangwa kizagushakira.
» Uburenganzira n`inshingano zawe mu gihe uba ukorana n`ikigo cyawe gishinzwe gutuza

Tega amatwi neza ibyo abakozi b`ikigo gishinzwe gutuza bakubwira. Bashobora kuguha amakuru nyayo ku buzima muri Amerika.

AMAGAMBO FATIZO Y` ICYONGEREZA

Amagambo akurikira y`Icyongereza akoreshwa mu byo gutuza abantu muri Amerika. Aya magambo kuyiga bizakugirira akamaro.

Vuga ijambo mu Cyongereza. Ryandike mu rurimi rwawe kavukire. Noneho shushanya icyo iryo jambo rivuga, andika icyo risobanuye, cyangwa urikoreshe mu nteruro. Icya mbere bakigukoreye.

Mu Kinyarwanda	Mu Cyongereza	Shushanya ishusho rijyanye n`ijambo, andika inyito yaryo, cyangwa se rikoreshe mu nteruro
ikigo	agency	*Ikigo ni ikompanyi cyangwa umuryango ufasha ibindi bigo cyangwa abantu.*
	assistance	
	case manager/ caseworker	
	help	
	responsibilities	
	rights	
	services	
	staff	

Guverinoma ikorana n`ibigo bishinzwe gutuza mu rwego rwo gutuza impunzi.

Ikigo cyawe gishinzwe gutuza kizagufasha mu bwishyu bw`ibanze n`ibintu ukeneye mu minsi 30 yawe ya mbere muri Amerika.

Ni ibihe bintu bya ngombwa wagombye kubwira ikigo cyawe gishinzwe gutuza ku birebana nawe n`umuryango wawe? Urugero, amazina yawe, imyaka yawe n`ibindi

URUHARE RW` IKIGO GISHINZWE GUTUZA

Muri Amerika, guverinoma ikorana n`ibigo bishinzwe gutuza impunzi. Guverinoma ishyiraho amabwirizwa ngenderwaho kandi igatanga amafaranga ya za serivise z`ibanze impuzi zihabwa. Ibigo bishinzwe gutuza n`indi miryango, bitanga serivise; bishobora no gutanga ubundi bufasha. Ikigo gishinzwe gutuza kizaguha ibintu by`ibanze na za serivise ukeneye mu minsi n`amezi ya mbere y`ubuzima bwawe muri Amerika. Ikigo gishinzwe gutuza kandi kizaguhuza n`izindi serivise ukeneye ngo utangire ubuzima bwawe bushya.

Janet, umugore ukiri muto, amaze ukwezi 1 muri Amerika. Muri icyo gihe, abakozi b`ikigo gishinzwe gutuza bamuhaye serivise baha izindi mpunzi. Rimwe Janet ahamagara umukozi w`idosiye ye amusaba ko yamujyana ku iduka ry`ibiryo. Umukozi w`amadosiye abwira Janet ko ahugiye kujyana umuryamgo w`impunzi nshya kwa muganga ko adashobora kuza. Yibutsa Janet ko yajyanye nawe ku iduka ry`ibiryo inshuro nke, kandi ko azi uburyo bwo gukoresha ikarita ye y`ibiryo ngo agure ibiryo. Amubwira kandi ko iduka riri hafi y`iwe ko ashobora kujyayo n`amaguru. Abwira Janet ko ubu agomba kugerageza gukora ibi bintu wenyine, kandi ko ashobora gusaba musaza we, uba hafi aho, kumufasha. Janet ararakaye kandi arumva ko umukozi ushinzwe idosiye ye yamwirengagije. Kuki Janet ashaka ko umukozi ushinzwe idosiye ye amutwara? Kuki umukozi ushinzwe idosiye wa Janet adashobora kumujyana ku isoko ry`ibiryo? Wabwira iki Janet aramutse akuregeye umukozi ushinzwe idosiye ye?

IMINSI 30 YA MBERE

Ibigo bishinzwe gutuza bizagufasha ku byerekeye ibyishyurwa by`ibanze n`amafaranga yo kubaho mu minsi 30 ya mbere muri Amerika. Ibigo bimwe na bimwe ni byo bizishyura ibyisyurwa. Ibindi bizaguha amafaranga, maze ube ari wowe uzishyura ibyishyurwa.

KUGERA KU MINSI 90

Igihe cy`iminsi 30 gishobora kongerwa kugera ku minsi 90 nyuma yo kuza, niba serivise zo gutuzwa ukeneye zidashora kurangira mu minsi 30. Ariko ibuka: Abanyamerika baha agaciro kwigira, bityo rero uzaba usabwa gukora no kwimenya mu mibereho yawe vuba bishoboka.

Shyira uruziga iruhande rw`amafoto y`ibintu 5 bya ngombwa kuruta ibindi mu biri hasi aha bigaragaza ibyo wazashaka cyane kwiga ku buzima bwo muri Amerika.

Uburenganzira n`inshingano

Gutwara abantu n`ibintu

Amashuri y`Icyongereza

Amazu yo guturamo

Gukoresha neza amafaranga

Uruhare rw`ikigo gishinzwe gutuza

Serivise rusange

Akazi

Uburezi

Ubuzima

Kumenyera umuco wo muri Amerika

Ushobora kubona abakozi bashinzwe gutuza bakorana n`abakorerabushake, abavandimwe, n`abandi bantu bo mu gace mu kukugezaho serivise.

Hamwe na mugenzi wawe, nimwigane kuvugana n`umukozi w`idosiye yawe ku byerekeye ibyo ushaka kwigaho cyane. Uzuza izi interuro:

- ❒ Mbese ushobora kumbwira byinshi kuri ….
- ❒ Sinsobanukiwe n`ibyerekeye….
- ❒ Mbese ushobora kumfasha ku….
- ❒ Ndashaka kwiga birushijeho ibyerekeye….
- ❒ Sinzi icyo……isobanura/bisobanura.

Hanyuma muhinduranye!

Mbere yo kugera muri Amerika, Phurba na Sita Maya banditse ibyo bashakaga kugira icyo bamenyaho: amazu yo guturamo, amashuri y`abana babo, amashuri y`Icyongereza, no kubona akazi. Bamaze kuba muri Amerika igihe, Phurba na Sita Maya basanze urutonde rwabo rwarahindutse. Noneho bashakaga kumenya byinshi ku kuzamuka mu ntera mu kazi, gukoresha neza mafaranga, serivise rusange, n`uburyo bwo guhangana n`ibibazo by`umuco mushya. Ni iki utekereza cyateye urutonde rwabo guhinduka? Uratekereza ko urwawe narwo ruzahinduka nyuma y`igihe? Niba ibintu washakaga kwiga bihindutse, ibi byakubera imbogamizi?

SERIVISE ZA NGOMBWA

Iyi paje n`ikurikiraho ziragaragaza amashusho ya za serivise ibigo bishinzwe gutuza byose bigomba guha, cyangwa gushaka uziha impunzi mu minsi 30 yazo ya mbere muri Amerika. Ushobora kubona abakozi b`ikigo gishinzwe gutuza bakorana n`abakorerabushake, abavandimwe, n`abandi bantu batuye mu gace ngo bakugezeho izi serivise:

Kugusanganira ku kibuga cy`indenge no kukujyana ku nzu yawe yo guturamo.

Kuguha imyambaro ijyanye n`igihe. Si ngombwa ko imyambaro iba ari mishya, ariko igomba kuba ifite isuku kandi imeze neza.

Gutanga inzu yo guturamo, itekanye, ikwiye kandi ifite isuku.

Kuguha wowe na buri wese ukuze mu muryango. amafaranga yo kwitwaza akoreshwa mu kugura iby`umuntu ku giti cye.

Gutanga intebe, ameza utubati n`ibindi nk`ibyo n`ibindi bikoresho by`ibanze byo mu nzu. Si ngombwa ko ibintu biba ari bishya ariko bigomba kuba bifite isuku kandi bimeze neza.

Gutanga ibiryo cyangwa amafaranga yo kugura ibiryo hakurikijwe ingano y`umuryango kugeza ushoboye kubona ikarita y`ibiryo cyangwa kwihahira ibiryo.

Kugufasha gusaba amafaranga n`ubufasha bwo kwivuza.

Kugufasha gusaba ikarita y`inomero bwite (Social Security).

Ukimara kwinjira muri Amerika, uzagomba gutangira gushaka akazi kugirango wimenye ku bwishyu bwawe.

Kugufasha kwiyandikisha mu ishuri ry`lcyongereza, niba ari ngombwa.

Kuguha uburyo bwo kugera aho ukorerwa ibazwa ry`akazi, n`amahugurwa y`akazi.

Kugufasha kwiyandikisha muri za serivise z`akazi uko bikwiye.

Kuguha uburyo n`umusemuzi uko bikenewe muri za servise zose za ngombwa.

Kugufasha gukorerwa ibipimo bya ngombwa byo kwa muganga n`izindi serivise zo kwa muganga zose ukeneye.

Kugufasha kwiyandikisha mu gisirikare niba uri igitsina gabo uri mu bafite imyaka hagati ya 18 na 25.

Kwandikisha no gushyira abana bawe mu ishuri.

Kukwereka no kukubwira imikorerey`agace kawe gashya n`imibereho yo muri Amerika.

UMUTWE WA KANE 4

Shada n`umuryango we bageze mu nzu yabo nshya maze bazeyutswa no gusanga ibikoresho [intebe, ameza, utubati n`ibindi] byarakoreshejwe. Shada kandi yatunguwe n`uko ikigo gishinzwe gutuza kitari gifite akazi kamutegereje. Yari kuzagomba gukorana n`umukozi ushinzwe iby`akazi mu kukabona. Kuki Shada yatunguwe? Iyo uza kuba Shada, wari kwibuka iki?

Izi serivise zigenewe kugufasha gutangira inzira y`ubuzima bwawe. Uzakenera gukoresha neza izi serivise ikigo gishinzwe gutuza gitanga, kubera ko akenshi kizazitanga mu minsi 30 gusa nyuma y`uko uje. Izi serivise zishobora gukomeza kugeza ku minsi 90, ariko gusa niba zidashora kuba zisojwe mu gihe cy`imisi 30 ya mbere.

Iyo winjiye muri Amerika, wirengerera umuryango wawe na we ubwawe. Uzagomba gutangira gushaka akazi nta gutindiganya. Ikigo gishinzwe gutuza ntigitegetswe kugushakira akazi. Ikigo gishinzwe gutunza kandi ntigitegetswe kuguha telefone igendanwa, televiziyo, imodoka, mudasobwa, cyangwa kukwishyurira inguzanyo y`urugendo n`indi myenda. Uzagomba gukorera amafaranga yo kugura ibi bintu no kwiyishyurira ibyishyurwa byawe.

UBURENGANZIRA N` INSHINGANO ZAWE MU GIHE UKORANA N` IKIGO CYAWE GISHINZWE GUTUZA

Ufite uburenganzira n`inshingano mu gihe ukorana n`ikigo cyawe gishinzwe gutuza. Dore uburenganzira bwawe:

- ❒ Guhabwa serivise za ngombwa mu minsi 30 ya mbere muri Amerika.
- ❒ Kubahwa no guhabwa ibyo ukwiye n`abakozi b`ikigo gishinzwe gutuza.
- ❒ Kumenya idosiye yawe mu buryo burambuye.
- ❒ Kugirirwa ibanga ku makuru ari mu idosiye yawe. Abakozi b`ikigo gishinzwe gutuza ntibashobora kuvuga amakuru yawe y`ibanga cyangwa y`umuryango wawe utabitangiye uburenganzira, keretse ayo makuru akenewe mu kukurinda cyangwa kurinda undi muntu.

4 IKIGO GISHINZWE GUTUZA ABANTU

Mu gihe ukorana n`abakozi b`ikigo gishinzwe gutuza, ubahiriza amasaha ya gahunda kadi ubabwire ibibazo n`impungenge ufite.

Ufite kandi inshingano ugomba ikigo gishinzwe gutuza gikorana nawe. Izo nshingano zirimo izi:

- ❒ Kugerera ku gihe muri za gahunda
- ❒ Kwihangana mu gihe usaba ibintu bitihutirwa.
- ❒ Kubaha abakozi b`ikigo gishinzwe gutuza.
- ❒ Kuvugana n`abakozi b`ikigo gishinzwe gutuza ubamenyesha impinduka zabaye mu mibereho yawe (urugero, akazi gashya cyangwa uburwayi bukomeye) cyangwa ubaza ibibazo unavuga impungenge zawe.

Nubwo bimwe mu bigo bishinzwe gutuza bishingiye ku madini, ntibyemerewe gushishikariza impunzi kwinjira mu idini iryo ari ryo ryose.

Ca uruziga ku burenganzira n`inshingano birondowe ku ipaji ya 51 n`iya 52 bizaba ari bishya kuri wowe nk`impunzi muri Amerika.

Bwira mugenzi wawe iby`uburenganzira n`inshingano wowe n`ikigo cyawe gishinzwe gutuza muzagirana.

Uburenganzira n`inshingano bishyiraho imibanire inoze, mizima hagati yawe n`ikigo cyawe gishinzwe gutuza. Ku munzani uri hasi aha shushanya cyangwa wandike ku burenganzira n`inshingano uzagirana n`ikigo cyawe gishinzwe gutuza muri Amerika.



AMOKO Y` IBIGO BISHINZWE GUTUZA

Ikigo gishinzwe gutuza gishobora kuba umuryango ushingiye kw`idini, umuryango wigenga, cyangwa umuryango w`ubwoko. N`ubwo bimwe mu bigo bishinzwe gutuza bishingiye ku madini, ntabwo utegetswe kujya mu bikorwa by`amadini yabyo. Ibigo bishinzwe gutuza ntibyemerewe gushishikariza impunzi kwinjira mu idini iryo ari ryo ryose.

Hasi aha hari ishusho ry`ikigo gishinzwe gutuza. Urabona iki?
Ni iki ureba?

Hari impamvu nyinshi zifatika zituma uguma mu gace watujwemo.

Iyo uteganya kwimukira mu kandi gace, ubimenyesha ikigo cyawe gishinzwe gutuza.

KWIMUKIRA MU KANDI GACE

Hari impamvu nyinshi zifatika zituma uguma mu gace watujwemo nibura mu gihe cy`amezi 6 kugera ku mwaka. 1. Wowe n`umuryango wawe muzahabwa za serivise zose za ngombwa, kandi muzabona ubufasha n`inama z`ikigo cyanyu gishinzwe gutuza. Ibi bizabaha igihe mukeneye ngo mutangire kwiga iby`ubuzima muri Amerika. Nyamara nimushaka kwimukira mu kandi gace, ikigo cyanyu gishinzwe gutuza ntikirengereye kubimura, kandi ikigo gishinzwe gutuza cyo mu gace mwimukiramo ntigitegetswe kubafasha. Menyesha ikigo cyawe gishinzwe gutuza niba uteganya kwimuka. Niba wanzuye kwimuka, uzirengera iyimuka ryawe na serivise z`ubufasha wakenera mu gace kawe gashya. Ugomba kumenyesha guverinoma y`Amerika aderese yawe nshya mu minsi icumi wimutse.

Nyuma y`ukwezi 1 muri Amerika, Aung Chit ntiyashoboye kubona akazi. Inshuti ye Tun Kyaw yabaga mu yindi Leta noneho abwira Aung Chit ko wenda yabona akazi aho Tun Kywat yakoraga. Tun Kywat nanone yavuze ko Aung Chit n`umuryango we bashoboraga kuba iwe. Aung Chit n`umuryango we bahambira amasaho yabo maze bajya kwa Tun Kywat. Akazu gato ka Tun Kyaw karuzuye, ikigo gishinzwe gutuza abantu cyaho nticyashoboye gufasha Aung Chit, kandi nta kazi ka Aung Chit kahereyeko kaboneka aho Tun Kyaw akora. Uratekereza ko Aung Chit yafashe icyemezo nyacyo? Iyo uza kuba Aung Chit, wari gukora iki?

Tekereza ku nkunga ikigo cyawe gishinzwe gutuza kizajya kiguha.

- ❒ Ni mu buhe buryo ikigo cyawe gishinzwe gutuza kizafasha?
- ❒ Kuki byashobora kugorana kwimukira mu kandi gace nta nkunga y`ikigo cyawe gishinzwe gutuza?

GUSOZA*

Ni byo cyangwa si byo? Uratekereza ko uzi ibingana iki ku gutuzwa muri Amerika? Ikorere igerageza mu mvugo ziri hasi aha. Soma izi mvugo kandi ushyire uruziga iruhande rwa* Ni byo** ***niba ubona ko imvugo ari ukuri, ushyire uruziga iruhande rwa* Si byo** ***niba ubona ko imvugo atari ukuriro.

1.	Ibigo bishinzwe gutuza bitegetswe kukugufasha mu byishurwa ngombwa n`amafaranga yo kubaho mu minsi 30 ya mbere.	**Ni byo**	**Si byo**
2.	Ikigo gishinzwe gutuza kigomba kuguha ibikoresho (intebe, ameza, utubanti, n`ibindi) bishya.	**Ni byo**	**Si byo**
3.	Ikigo gishinzwe gutuza kigomba kukubonera akazi.	**Ni byo**	**Si byo**
4.	Ufite uburenganzira bwo kumenya idosiye yawe mu buryo burambuye.	**Ni byo**	**Si byo**
5.	Abakozi b`ikigo gishinzwe gutuza ni abayobozi bawe mu gace kawe gashya kandi wagombye kwisanga mu kubabaza ibibazo byose ufite.	**Ni byo**	**Si byo**
6.	Iyo uhisemo kwimukira mu kandi gace, ikigo cyawe gishinzwe gutuza kigomba kugufasha kwimuka no kuguhuza na za serivise zo mu gace gashya.	**Ni byo**	**Si byo**

* Ibisubizo by`ukuri byatanzwe ku Mugereka A ku ipaje ya 220.

5

Umutwe wa Gatanu
AMAZU YO GUTURAMO

Amazu yo guturamo muri Amerika akenshi arahenda, no kubona aho kuba bishobora kuruhanya. Mu ikubitiro, uzaba ufite ubushobozi buke, bityo rero inzu yawe ya mbere ishobora kutazaba iyo wifuzaga. Ikigo cyawe gishinzwe gutuza kizakora uko gishoboye ngo kikubonere inzu yo guturamo mu kwezi kwawe kwa mbere muri Amerika. Ikigo cyawe kizashaka inzu isukuye, idahenze, kandi iri mu gace gafite umutekano.

Uyu mutwe uravuga ku

» Kontaro, cyangwa amasezerano y`ubukode
» Umutekano mu rugo no gufata inzu neza.

Ikigo gishinzwe gutuza kizakora uko gishoboye ngo ubone inzu yo guturamo mu kwezi kwawe kwa mbere muri Amerika.

AMAGAMBO FATIZO Y` ICYONGEREZA

Amagambo akurikira y`Icyongereza akoreshwa mu byo gutuza abantu muri Amerika. Aya magambo kuyiga bizakugirira akamaro.

Vuga ijambo mu Cyongereza. Ryandike mu rurimi rwawe kavukire. Noneho shushanya icyo iryo jambo rivuga, andika icyo risobanuye, cyangwa urikoreshe mu nteruro. Icya mbere bakigukoreye.

Mu Kinyarwanda	Mu Cyongereza	Shushanya ishusho rijyanye n`ijambo, andika inyito yaryo, cyangwa se rikoreshe mu nteruro
inzu	apartment	
	bathroom	
	cost	
	furniture	
	home	
	house	
	landlord	
	lease	
	rent	
	room	
	safety	
	utilities	

5 AMAZU YO GUTURAMO

Iyo ukiza, ushobora kubana na bene wanyu bamaze gutuzwa muri Amerika. Cyangwa se ugashyirwa mu nzu, mu ihoteli, cyangwa mu mazu ikigo gicumbikiramo abashyitsi. Niba ukiri ingaragu, ushobora gushyirwa hamwe n`izindi ngaragu.

Amal aritegura kujya muri Amerika. Aziyo abantu babiri. Umwe ni mubyara we, naho undi ni inshuti. Mubyara we abwira Amal ko akigera muri Amerika azaba mu nzu; ariko inshuti ye ivuga ko azaba mu kazu gato. Kuki Amal ari guhabwa amakuru anyuranye n`abantu babiri baba muri Amerika?

Tekereza ku nzu yawe cyangwa amazu yawe ya kera.

- ❒ Iwawe hari hameze hate?
- ❒ Ni iki cyatumaga iwawe hagira agaciro kuri wowe?
- ❒ Kuki wahitaga imuhira?

Shushanya ishusho ry`icyatumaga iwawe (inzu zawe) hagira agaciro kuri wowe.

Bwira mugenzi wawe icyo washushanyije. Ibi bizaba imyitozo myiza mu gihe uzabwira abantu uzahura nabo muri Amerika iby`inzu cyangwa amazu yawe ya kera.

UBWOKO BW` AMAZU YO GUTURAMO

Uduce twinshi two muri Amerika dufite amoko menshi y`amazu yo guturamo.

Huza ubwoko bw`inzu yo guturamo n`ishusho nyaryo.*

1. Inzu

a.

2. Inzu y`umuryango umwe

b.

3. Imodoka iturwamo

c.

4. Icyumba mu nzu

d.

* Ibisubizo by`ukuri byatanzwe ku Mugereka A ku ipaje ya 220.

Ikigo cyawe gishinzwe gutuza cyirengera kuguha ibikoresho [intebe, ameza, utubati n`ibindi] by`ibanze n`ibindi bintu byo mu nzu.

Igiciro cy`amazu yo guturamo kinyurana ukurikije agace.

Iyo ukodesha inzu, ugomba gusinya amasezerano y`ubukode cyangwa kontaro.

Iyo usinya amasezerano y`ubukode, wemera gukodesha inzu mu gihe cy`amezi runaka no kwishyura ubukode ku gihe.

Muri Amerika birasanzwe ko abantu bakodesha inzu. Ubusanzwe inzu iba ifite igikoni kirimo amashyiga, aho kogereza ibyombo na firigo; uruganiriro n`aho kurira; icyumba kimwe cyangwa byinshi; urwiyuhagiriro; n`aho kubika ibintu.

IBIKORESHO BYO MU NZU

Ikigo cyawe gishinzwe gutuza cyirengera gushyira ibikoresho by`ibanze byo mu  nzu, mu nzu baguhitiyemo n`umuryango wawe. Ibikoresho bizaba birimo, ibitambaro byo mu nzu, ibikoresho byo mu gikoni, n`ibikoresho by`isuku yo ku mubiri. Ikigo ntigitetswe kuguha ibintu bishya. Ibikoresho byangombye kuba bimeze neza, ariko si ngombwa ko biba ari bishya.

Bageze mu rugo rwabo rushya, abo mu muryango wa Hadeel batunguwe no gusanga ibikoresho byo mu nzu bidahuje. Bari bazi ko ibikoresho bitari kuba bishya, ariko se kuki bitajyanye?

IBICIRO BY` AMAZU YO GUTURAMO

Ibiciro by`amazu yo guturamo biratandukana bitewe na leta, umujyi, ndetse n`agace urimo. Ariko rero aho uzatura aho ariho hose ubwishyu bw`inzu yo kubamo ni bwo buzafata igice kinini cy`ibyishyurwa byawe bya buri kwezi.

Tekereza ku biciro by`amazu yo guturamo mu gihugu cyawe cyangwa mu gihugu wahawemo ubuhungiro

- ❒ Wigeze wishyura amafaranga y`inzu yo gutramo?
- ❒ Wishyuye angahe ku nzu yo guturamo?
- ❒ Wishyuraga ibikenerwa nk`amazi, gushyushya, cyangwa amashanyarazi?
- ❒ Ibindi wishyuraga byerekeye inzu yo guturamo ni ibihe?

AMASEZERANO Y` UBUKODE (KONTARO)

Iyo ukodesha inzu muri Amerika, ugomba gusinya urupapuro rwitwa kontaro. Kontaro ni urupapuro rwemewe n`amategeko rusobanura uburenganzira n`inshingano z`ukodesha (wowe) n`ukodesheje (nyir`inyubako).

Kontaro ivuga amafaranga y`ubukode bwa buri kwezi ku nzu. Ubukode bushobora kuba bukubiyemo ibikenerwa (gaze cyangwa amavuta yo gushyushya, amashanyarazi, amazi, no gutwara imyanda), cyangwa ibikenerwa bishobora kwishyuzwa ukwabyo. Mbere yo gusinya kontaro, ni ngombwa kubaza ukodesheje niba ibikenerwa bikubiye mu bukode.

INSHINGANO Z`UKODESHA

Iyo usinya kontaro, uba wemeye ibikurikira:

- ❒ Umubare w`abantu bazaba mu nzu.
- ❒ Amafaranga y`ubukode bwa buri kwezi.
- ❒ Umunsi w`ukwezi ubukode bugomba kwishyurwaho.
- ❒ Uko inzu imeze (igomba guhorana isuku kandi ntiyangizwe).
- ❒ Umubare w`amezi uzabamo (ubusanzwe amezi 12).
- ❒ Ingingo zerekeye iseswa rya kontaro.

Durga arajya muri Amerika mu minsi mike none hari ikintu afitiye impungenge. Azi ko azagomba gusinya kontaro nakodesha inzu, kandi mu mahugurwa mbonezamuco yize ko igihe cyose asinye urupapuro yagombye kumva ibintu byose biri muri urwo rupapuro. Ariko ni ibintu byinshi biri muri kontaro. Ni gute azumva buri kintu? Ni iki wabwira Durga ku byerekeye kontaro? Kandi ni he yakura ubufasha bwo gusobanukirwa na kontaro ye?

Ntugakureho utwuma dutaka iyo hari imyotsi. Tubereyeho kukurinda umuriro wowe n`abandi baturanyi.

GUSOHORWA MU NZU

Niba wishe amasezerano ari mu bukode, ushobora gusohorwa mu nzu (gutegekwa kuva mu nzu yawe). Urugero, niba utishyuye ubukode cyangwa ukangiza inzu cyane, ushobora gusohorwa.

INSHINGANO Z`UKODESHEJE

Amategeko agenga amazu yo guturamo areba abakodesheje n`abakodesha. Abakodesheje bagomba gukora ibisabwa kugirango amazu yabo yuzuze ibya ngombwa by`umutekano n`isuku bisabwa ku amazu akodeshwa. Ukodesheje agomba kumenya ko ibizana umuriro, amazi n`ibishyushya mu nzu bikora neza. Bagomba gutanga utwuma dutaka iyo hari umwotsi bakanirukana ikitwa imbeba cyose n`udusimba. Amategeko agenga amazu yo guturamo kandi avuga ko abakodesheje badashobora kwanga gukodesha abantu babitewe n`ubwoko, idini, cyangwa igihugu bakomokamo.

Amaze amezi make mu nzu ye, Kyaw Oo abona inyenzi ziba mu kavure ke ko kogerezamo ibyombo n`iruhande rwako. Inzu ye kandi yahindutse umwanda. Ni nde ushinzwe kugirira inzu isuku? Ni nde ushinzwe kwirukana inyenzi? Ni iki Kyaw Oo ya-saba umukodesheje ko amufasha?

Tekereza uko uburenganzira n`inshingano z`abakodesheje n`abakodesha muri Amerika bisa cyangwa bitandukanye n`ibyo wari usanzwe uzi

- ❒ Hari ubwo wigeze na rimwe ukodesha?
- ❒ Uwo mwakodeshaga yari afite nshingano ki?
- ❒ Wowe nk`ukodesha wari ufite nshingano ki?
- ❒ Uburenganzira bwawe nk`ukodesha bwari ubuhe?

UMUTEKANO MU RUGO

Ni ngombwa gushyira umutekano iwawe.

Huza inama z`umutekano ziri hasi aha n`ishusho nyaryo*

1. Imiryango n`amadirishya

a. Wikuraho cyangwa ngo uzimye utwuma dutaka iyo hari umwotsi mu nzu yawe. Turatabaza iyo hari umwotsi kugirango umenye ko hari ikintu gishobora kuba gishya mu nzu yawe.

2. Abantu utazi

b. Bika kure y`amashyiga ibitambaro n`ibindi bintu bishobora gufatwa n`umuriro. Wijya kure y`amashyiga cyangwa ifuru mu gihe utetse.

3. Utwuma dutaka iyo hari umwotsi

c. Wikwinjiza iwawe abantu utazi. Niba abantu utazi baje ku muryango wawe, babaze abo ari bo n`icyo bashaka mbere yo kubakingurira. Niba udashobora kuvugana nabo kandi baguteye impungenge, wibakingurira.

4. Icyuma kizimya umuriro

d. Kinga urugi rwawe igihe cyose, n`ubwo waba uri imuhira. Niba uvuye imuhira, kinga imiryango n`amadirishya urumye.

5. Amashyiga

e. Koresha icyuma kizimya umuriro kugirango uzimye umuriro woroshye ushobora kwaka mu nzu yawe (urugero, iyo utetse). Ntukagire na rimwe ukoresha amazi mu kuzimya umuriro w`amavuta. Mu gihe cy`umuriro ukomeye sohoka mu nyubako bwangu, kandi uhamagare serivise z`ubutabazi (emergency services) ku nomero 9-1-1. (Reba Umutwe wa 6 ku byerekeye guhamagara 9-1-1.)

Shyira uruziga ku byemezo by`umutekano wigeze gukoresha. Bwira mugenzi wawe uko wakoresheje ibi byemezo. Hanyuma werekane ibishya kuri wowe.

* Ibisubizo by`ukuri byatanzwe ku Mugereka A ku ipaje ya 220.

Bika ibiryo ubipfundikiye kandi muri firigo. Nurekera ibiryo hanze, bishobora gukurura udusimba n`imbeba.

GUFATA INZU NEZA

Ni ngombwa kugirira inzu isuku no kuyifata neza.

- ❒ Pfundikira ibiryo kandi ubibike muri firigo. Gusiga ibiryo ku rutara bidapfundikiye bishobora gukurura udusimba cyangwa imbeba.

- ❒ Shyira imyanda mu ndobo y`imyanda, wabanjemo ishashi y`imyanda. Buri munsi mena imyanda mu kigunguru cy`imyanda cyangwa mu gisanduku niba bishoboka. Imyanda mu nzu yawe ishobora gukurura udusimba, inyenzi, cyangwa imbeba.

- ❒ Mu gikoni, wishyira ibimene by`amagi, amagufwa, cyangwa ibishishwa by`imbuto cyangwa by`imboga mu mu kivure cyogerezwamo ibyombo cyangwa kijyana ibisigazwa. Wishyira ibintu nk`imisatsi mu kivure cy`urwiyuhagiriro cyangwa mu kobo k`ikivure cy`urwiyuhagiriro cyangwa mu musarani. Shyira ibi bintu mu ndobo y`imyanda.

- ❒ Wishyira ibintu (nka kotegisi cyangwa ibyahi by`abana) mu musarani uretse impapuro z`isuku. Igisha abana bawe kudasunikira mu musarani ibitari impapuro z`isuku.

- ❒ Funga neza inzugi z`urwiyuhagiriro, shyira umwenda ukingira mu kivure cy`urwiyuhagiriro, kandi ukoreshe udutapi hasi usohoka mu rwiyuhagiriro nyuma yo kwiyuhagira.

- ❒ Iyo akuma k`umwotsi kawe gatangiye kunnyagira ari nta mwotsi uhari, ibyo bisobunura ko gakeneye ibuye rishya. Herako uhindura ibuye. Ibuka kureba ko akuma gataka iyo hari umwotsi kaka kandi ari kazima.

Ubwo Taw Meh atashye ava ku kazi, hari umunuko uva mu gikoni. Bimwe mu bintu yagombye gusuzuma ngo arebe aho umunuko uva ni ibihe? Bimwe mu bintu Taw Meh yakora ngo atazongera kugira umunuko mu gikoni cye ni ibihe?

Ni gute iwawe hashya muri Amerika hashobora gusa cyangwa gutandukana n`iwawe ha kera? Andika cyangwa ushushanye amashusho y`imisusire n`itandukaniro mu dusanduku turi hasi aha—urugero, umubare n`ubwoko bw`ibyumba, ubwoko bw`ibintu byubatse urwiyuhagiriro, amazi asanzwe cyangwa ashyushye, n`uburyo bwo gukora isuku.

IMISUSIRE	ITANDUKANIRO

Uratekereza ko iyi misusire na/cyangwa iri tandukaniro bizatuma kumenyera byoroha cyangwa bikomera?

Hamwe na mugenzi wawe, mwigane ukodesha avugana n`ukodesheje mu kumenya ibyo mukeneye kumenya ku nzu yanyu nshya. Mushobora kubaza:

- ❒ Ubukode ni angahe?
- ❒ Ubukode bwishyurwa ryari?
- ❒ Ibikenerwa bikubiyemo?
- ❒ Iyo hari ibibazo, ni nde mpamagara?
- ❒ Kontaro ni igihe kingana iki ?

Shaka ibyawe ibibazo!

GUSOZA*

Hitamo ibisubizo byiza kuruta ibindi mu biri hasi aha, uhitamo neza. Dore urugero:

Ni uruhe rurimi ruvugwa n`abantu benshi muri Amerika

a. Igishinwa.

(b.) Icyongereza.

c. Ikidage.

Benshi muri Amerika bavuga Icyongereza, rero igisubizo ni b. Icyongereza.

1. Mu bikorwa bikurikira ni ikihe gishobora gukurura udusimba, cyangwa imbeba mu nzu yawe ?

   a. Gusiga ibiryo bidapfundikiye kandi hanze ku rutara.

   b. Gushyira ibiryo muri firigo.

   c. Kurekera umwanda w`igikoni mu ndobo y`imyanda iminsi myinshi.

   d. Ntoye a na c.

2. Mbese iyo ukodesheje inzu muri Amerika, ni ngombwa ko usinya kontaro cyangwa amasezerano y`ubukode?

   a. Yego

   b. Oya

* Ibisubizo by`ukuri byatanzwe ku Mugereka A ku ipaje ya 220

3. Ni iki wagombye gukora niba ku rugi rwawe haje abantu utazi?

   a. Kingura urugi maze ubareke binjire.

   b. Babaze abo ari bo n`icyo bashaka, niba ugerageza kuvuga Icyongereza

   c. Wibakingurira niba baguteye impungenge.

   d. Ntoye b na c.

4. Iyo usinya kontaro, ubu wemera iki?

   a. Amafaranga y`ubukode ya buri kwezi.

   b. Umubare w`amezi uzaba mu nzu.

   c. Umubare w`abantu bazaba mu nzu.

   d. Ibibanza byose.

5. Mbese ikigo cyawe gishinzwe gutuza gitegetswe kuguha ibikoresho byo mu nzu bishya?

   a. Yego

   b. Oya

6

Umutwe wa Gatandatu
SERIVISE RUSANGE

Uretse ikigo cyawe gishinzwe gutuza, hari ibindi bigo bitanga serivise. Serivise n`uko ziboneka biterwa n`ahantu.

Uyu mutwe uravuga kuri

» Serivise za Guverinoma
» Serivise z`abigenga bafasha
» Serivise rusange

AMAGAMBO FATIZO Y` ICYONGEREZA

Amagambo y`Icyongereza akurikira akoreshwa iyo bavuga kuri Amerika n`umuco w`Abanyamerika. Aya magambo kuyiga bizakugirira akamaro.

Vuga ijambo mu Cyongereza. Ryandike mu rurimi rwawe kavukire. Noneho shushanya icyo iryo jambo rivuga, andika icyo risobanuye, cyangwa urikoreshe mu nteruro. Icya mbere bakigukoreye.

Mu Kinyarwanda	Mu Cyongereza	Shushanya ishusho rijyanye n`ijambo, andika inyito yaryo, cyangwa se rikoreshe mu nteruro
Kureresha umwana	child care	*Fatimah arashaka aho areresha umwana kugirango ashobore kujya kwiga ESL (amasomo y`Icyongereza nk`ururimi rwa kabiri).*
	community	
	emergency	
	library	
	parks	
	public	
	recreation	
	translation	

Ibigo bya guverinoma bitanga serivise ku baturage bifasha abantu bafite ibibazo byihariye.

Guverinoma iha imiryango ikennye imfashanyo y`ibiryo ishingiye ku ngano y`umuryango n`ibyinjira nu rugo.

Tekereza ku bwoko bw`imfashanyo washobora kobona mu gihugu ukomokamo cyangwa wahungiyemo.

IMFASHANYO ZA GUVERINOMA

Ibigo bitanga imfashanyo rusange ya guverinoma bitanga imfashanyo mu bantu bo mu gace. Bifasha abantu bafite ibibazo byihariye, nk`imiryango ikennye, abadafite aho baba, n`abantu bafite ubumuga. Gahunda za guverinoma zigira igihe kibaze ntarengwa n`umurongo ngenderwaho ku bazirimo. Uduce turatandukanye ku bwoko n`ingano ya serivise dutanga. Dore zimwe muri gahunda za guverinoma zifasha impunzi.

GAHUNDA ZIFASHISHA AMAFARANGA. Ku bantu bafite ikibazo cyo kubona akazi, gahunda ebyiri zibafashisha amafaranga: Imfashanyo y`agateganyo ku miryango ikennye (Temporary Assistance to Needy Families [TANF]) igenerwa ababyeyi bafite abana (bato), n`Imfashanyo y`amafaranga ku mpunzi (RCA) igenerwa impunzi zikiri ingaragu n`izashatse zidafite abana.

**GAHUNDA Y`IKIGEGA CYA MATCHING.** Ibigo byinshi bishinzwe gutuza bigira iyi gahunda mu mwanya w`imfashanyo y`amafaranga ku mpunzi zishaka gukora, ariko zikeneye imfashanyo y`amafaranga amambere. Impunzi ziri muri iyi gahunda zisezeranya kubona akazi vuba na bwangu. Nk`ingurane, nazo zigahabwa imfashanyo y`amafaranga, inama zerekeye akazi, na serivise zo kuzirangira akazi mu mezi 4 kugeza kuri 6 yazo ya mbere muri Amerika.

**GAHUNDA Y`IMFASHANYO YO KONGERA IBIRIBWA. (SUPPLEMENTAL NUTRITION ASSISTANCE PROGRAM [SNAP])** Iyi gahunda ya guverinoma nkuru (federal) iha abantu bakennye muri Amerika imfashanyo y`amafaranga yo kugura ibiryo. Umuntu uri muri iyi gahunda ahabwa ikarita ishobora gukoreshwa mu kugura urugero runaka rw`ibiryo buri kwezi. Impunzi zishobora gusaba imfashanyo y`ibiryo mu biro bya guverinoma yo mu karere. Urugero rw`imfashanyo rugengwa n`ingano y`umuryango n`amafaranga yinjira mu rugo.

AMAFARANGA YO KONGERA UMUTEKANO. (SUPPLEMENTAL SECURITY INCOME [SSI]) Iyi ni gahunda ya guverinoma nkuru ifashisha amafaranga abantu b`impumyi, ibimuga, cyangwa barengeje imyaka 65, kandi binjiza duke cyangwa batinjiza na mba.

GAHUNDA Y`IMFASHANYO YO KURERESHA UMWANA. Uduce tumwe na tumwe dufite aho kurerera abana ku mafaranga make cyangwa nta nayo ku bantu bakennye kugirango bashobore gukora cyangwa gushaka akazi (reba Umutwe wa 12, ibirambuye ku kureresha umwana).

Abbas yemera ko azabona imfashanyo ya guverinoma najya gutura muri Amerika. Ubwo ahuye n`umukozi ushinzwe idosiye ye ku kibuga cy`indege, yiteze ko umukozi ushinzwe idosiye ye azamuzanira amafaranga cyangwa sheki, ariko nta na kimwe abonye muri ibyo. Kuki ibi bitabaye? Imfashanyo ya guverinoma ushobora kuyibona mu yihe ntego?

IKUNGA Y` ABIGENGA

Ibigo by`imfashanyo byigenga nabyo bitanga serivise zifasha impunzi. Ingano n`ubwoko bw`izi serivise biterwa n`ahantu, ariko uduce twinshi dutanga ibikurikira:

- ❒ Ubujyanama.
- ❒ Gufasha mu by`inzego z`abinjira
- ❒ Kwigisha Icyongereza
- ❒ Gufasha mu by`akazi (inama z`akazi n`amahugurwa agamije akazi)
- ❒ Serivise zo guhindura ibyanditse mu zindi ndimi.

Gopi azi ko akeneye gutangira kwiga Icyongereza. Asanze ikigo cye gishinzwe gutuza kitigisha Icyongereza, ariko ikigo hari aho kizamufasha kubona ishuri mu gace. Ni he Gopi ashobora kuziga?

Amadini ashobora gutanga imfashanyo n`inkunga. Impunzi si ngombwa ko zijya mu bikorwa by`idini kugirango zihabwe serivise.

Hari ubwoko butatu bwa serivise zihutirwa (emergency services) muri Amerika: Abazimyamuriro, Igipolisi, n`imbangukiragutabara

Ubwoko bubiri bukunze kubaho bw`ibigo byigenga bitanga inkunga ni ibigo bishingiye ku duce n`ibigo bishingiye ku madini.

IBIGO BISHINGIYE KU DUCE (CBOs)

Ibi bigo bishingiye ku duce tw`aho biri kandi bitanga serivise z`imyidagaduro, iz`ubusabane, n`iz`imyigire ku baba mu gace. Ubwoko bumwe bwa CBOs [ikigo gishingiye ku gace] ushobora kubona mu gace kawe ni ubw`amashyirahamwe y`abahuje ubwoko baba mu gace kamwe (ECBOs). Aya mashyirahamwe aba agizwe n`abahoze ari impunzi n`abimukira, bafasha abantu bashya mu duce twabo. Hamwe bafasha mu kwigisha abakuze, bagashyira kuri gahunda amashyirahamwe y`abagore, kandi bagategura ibitaramo mbonezamuco no kwidagadura.

IBIGO BISHINGIYE KU MADINI

Insengero, imisigiti, amasinagogi, n`andi matsinda y`amadini bishobora gutanga serivise zinyuranye. Hamwe bagira amasomo yo kwigisha Icyongereza nk`ururimi rwa kabiri (ESL) ku bakuze, ahandi bagatanga imyambaro yambawe n`ibikoresho byakoze. Nta numwe mu babona izi serivise utegetswe kujya mu bikorwa by`idini. Muri Amerika ufite uburenganzira bwo gusenga uko ubyumva, cyangwa kudasenga rwose.

Urusengero rwa Gikirisitu rwemeye guha Zaw Min n`umuryango we igikarito cy`ibiryo buri cyumweru ku buntu. Zaw Min n`umuryango we bakeneye ibiryo, ariko si abakirisitu kandi ntibashaka kuba bo. Mbese Zaw yakwemera ibiryo? Kuki yego, kuki oya?

SERIVISE RUSANGE Z`AGACE

Buri gace kagira serivise rusange zigenewe gukoreshwa na buri wese mu gace. Wagombye kumenya izi serivise kugirango ushobore kuzifashisha. Dore nke muri serivise zikunze kubaho:

SERIVISE Y`UBUTABAZI NO GUHAMAGARA 9-1-1 (INOMERO ITABAZA). Uduce twose dufite ibigo bizimya umuriro, na serivise ya kiganga itabara abari mu kaga. Kugirango ufashwe mu gihe uri mu kaga, hamagara 911 (inomero itabaza) kuri telefone ubundi ubwire umukozi wo kuri telefone icyo ukeneye ("Polisi", "Umuriro", cyangwa "Imbangukiragutabara") n`aho uri. Niba udashobora gusobanura ikibazo mu Cyongereza, pfa kuvuga ngo "Help" (ntabara) cyangwa "Emergency" (akaga), kandi ntusubizeho (ntufunge) telefone. Telefone ifunguye izafasha umukozi wo kuri telefone kumenya aho uri.

Itabaza ryaka rya Gori Maya riraguye, rifatisha tapi umuriro. Ntaravuga Icyongereza, ariko yibutse guhamagara 9-1-1. Umukozi witaba aritabye, Gori aravuze, "No English. Fire" (Nta Cyongereza. Umuriro). Kuki ari ngombwa ko avuga "Fire" (Umuriro)? Ni iki kindi Gori Maya yagombye kwibuka gukora?

Muri Amerika hari ubwoko butatu bukuru bwa serivise zo mu gihe cy`akaga.

Ca umurongo uva ku izina ry`ikigo ugera ku ishusho ry`imodoka gikoresha*

1.

2.

3.

a. Ikigo kizimya umuriro

b. Polisi

c. Imbangukiragutabara

* Ibisubizo by`ukuri byatanzwe ku Mugereka A ku ipaje ya 220.

Abapolisi barinda kandi bagafasha abantu. Wagombye gukora ibyo bakubwiye gukora kandi ntugire ubwoba.

*Emeza niba ibivugwa hepfo aha ari ibihe by`akaga. Niba ari byo, emeza serivise y`akaga yagombye guhamagarwa.**

Ibi ni ibihe by`akaga?**	Yego, hamagara 911 (inomero itabaza)			Oya, wihamagara 911
	Umuriro	Polisi	Imbangukiragutabara	
1. Urakangutse mu gicuku ubona umuriro mu nzu yo hakurya y`umuhanda				
2. Umwana w`imyaka 8 utuye hepfo y`umuhanda ajyanye umupira w`umwana wawe iwabo				
3. Umukobwa wawe yahanutse mu giti kandi araribwa cyane				
4. Inzogera yawe y`umuriro iri kuvuga, ariko ugenzuye inzu, ubonye nta muriro.				
5. Rimwe ari nijoro ubonye umuntu utazi amenera mu nzu y`umuturanyi wawe wazindutse.				
6. Ugize impanuka witema urutoki uri gukeke imboga, uhagaritse kuva kw`amaraso ushyiraho agapfuko gato.				

* Ibisubizo by`ukuri byatanzwe ku Mugereka A ku ipaje ya 220.

** Igitekerezo cy`uyu mwitozo cyavuye muri "Amerika, Amahugurwa Mbonezamuco, Igitabo cy`Umunyeshuri (*United States Cultural Orientation Student Handbook)*" cyakozwe n'Ikigo Gifasha Gutuza cyo muri Aziya y`Iburasirazuba (Resettlement Support Center in East Asia [International Rescue Committee])".

POLISI. Abapolisi ni abakozi ba rubanda barinda rubanda n`abaturage. Wagombye gukora ibyo abapolisi bakubwiye gukora, kandi ntubatinye. Niba umupolisi akwegereye akagusaba guhagarara, bikore. Kwiruka uhunga bizafatwa nk`ikimenyatso cy`uko hari ikibi wakoze; bishobora no kugukururira ibibazo. Niba udashobora kuvugana n`umupolisi, saba umusemuzi cyangwa uvugane n`ikigo cyawe gishinzwe gutuza.

Tee Reh arajya ku iduka hakurya y`umuhanda. Hanyuma abona inzira yambuka y`abanyamaguru yibuka ko yagombaga kuba yakoresheje. Umupolisi atangira kugenda asanga Tee Reh, nawe yiruka ahunga. Umupolisi yiruka kuri Tee Reh aramufata. Aha Tee Reh itike ryo kwambukira ahatabigenewe n`ihazabu yo guhunga. Ni ibihe bintu bibiri Tee Reh yashoboraga gukora ngo yirinde ihazabu? Ni iki wabwira Tee Reh ku byerekeye abapolisi muri Amerika?

AMASOMERO. Amasomero ya rubanda agira ibitabo n`ibindi bintu, nka za CD (muzika) na DVD (sinema), abaturage bashobora gutira ku buntu. Ugomba gusaba ikarita y`isomero kugirango usohore ibintu mu isomero. Amasomero kenshi atanga amasomo nk`Icyongereza cyangwa kwandikisha imashini, kandi ashobora kugira mudasobwa zo gukoreshwa na rubanda.

**IMBUGA N`IMYIDAGADURO.** Imbuga z`uduce zigira ahantu ho gukorera pikiniki (picnic), ibibuga byo gukiniraho, n`ibibuga bya siporo bya rubanda. Imbuga nyinshi zigira amategeko agenga ibyo abahagenda bashobora cyangwa badashobora gukora. Imbuga zimwe ntizishyuza, izindi zica amafaranga yo kwinjira.

Amina aba mu nyubako y`inzu zikodeshwa itagira imbuga abana bakiniraho. Azi ko adashobora kureka abana ngo bakinire mu muhanda. Ni he abana ba Amina bashobora kuba bakinira?

Gereranya serivise ziboneka muri Amerika n`izo mu gihugu ukomokamo cyangwa icyo wahawemo ubuhungiro.

- ❒ Ni izihe serivise zisa?
- ❒ Ni izihe serivise zitandukanye

Shushanya cyangwa wandike hasi aha ku by` iyi misusire n`itandukaniro

GUSOZA*

Hitamo ibisubizo byiza kuruta ibindi mu biri hasi aha, uhitamo neza. Dore urugero:

Ni uruhe rurimi ruvugwa n`abantu benshi muri Amerika

a. Igishinwa.

(b.) Icyongereza.

c. Ikidage.

Benshi muri Amerika bavuga Icyongereza, rero igisubizo ni b. Icyongereza.

1. Ni irihe tsinda mu yo hasi aha, serivise rusange za guverinoma zidafasha?

   a. Abantu/Imiryango ikennye.

   b. Abantu bafite ubumuga

   c. Abatagira aho baba

   d. Abantu bakize

2. Wagereye muri Amerika rimwe n`umuturanyi wawe. Muba mu nyubako y`amazu yo gucumbika imwe, ariko wabonye umuryango we w`abantu 5 ujya uhabwa amafaranga y`imfashanyo ya guverinoma aruta ay`umuryango wawe w`abantu 3. Mbese guverinoma yaribeshye?

   a. Yego

   b. Oya, kuberako serivise rusange za guverinoma zihinduka bitewe n`ubunini bw`umuryango n`izindi mpamvu.

* Ibisubizo by`ukuri byatanzwe ku Mugereka A ku ipaje ya 220.

3. Niba wiga Icyongereza mu kigo cy`idini, ugomba kuyoboka iryo dini kugirango ukomeze kwiga Icyongereza.

   a. Ni byo.

   b. Si byo.

4. Ni gute Abanyamerika benshi bumva bameze iyo babonye umupolisi?

   a. Bumva bafite umutekano kandi barinzwe.

   b. Bagira ubwoba

   c. Batuka umupolisi

   d. Bariruka

5. Mbese amasomero rusange ni ahantu ushobora gutira ibitabo, CD za muzika, na DVDs ku buntu?

   a. Yego

   b. Oya

UMUTWE WA GATANDATU 6

7

Umutwe wa Karindwi
GUTWARA ABANTU N`IBINTU

Ukigera muri Amerika, hari ubwo uzamara igihe kinini ujya aho ukeneye kujya n`amaguru. Bidatinze uzatangira gukoresha uburyo rusange bwo gutwara abantu n`ibintu. Uburyo rusange bwo gutwara abantu n`ibintu buratandukanye cyane bitewe n`aho uri. Mu bice bimwe, bushobora kukugeza aho ukeneye kujya hafi y`aho ari ho hose.  Ahandi, uburyo rusange bwo gutwara abantu n`ibintu ntibuboneka cyane cyangwa bushobora no kutabaho. Ukigerayo, ikigo cyawe gishinzwe gutuza kizaguha amakuru ku byerekeye uburyo rusange bwo gutwara abantu n`ibintu mu gace kawe gashya.

Uyu mutwe uravuga ku

» Amoko y`uburyo rusange  bwo gutwara abantu n`ibintu
» Ibyapa by`umuhanda n`umutekano mu muhanda
» Gutunga no gutwara imodoka

Itwarabantu-n`ibintu rusange rinyurana bitewe n`agace urimo. Rishobora kuba risakaye mu duce tumwe tumwe, mu tundi ntirihaboneke cyane.

AMAGAMBO FATIZO Y` ICYONGEREZA

Amagambo y`Icyongereza akurikira akoreshwa iyo bavuga kuri Amerika n`umuco w`Abanyamerika. Aya magambo kuyiga bizakugirira akamaro.

Vuga ijambo mu Cyongereza. Ryandike mu rurimi rwawe kavukire. Noneho shushanya icyo iryo jambo rivuga, andika icyo risobanuye, cyangwa urikoreshe mu nteruro. Icya mbere bakigukoreye.

Mu Kinyarwanda	Mu Cyongereza	Shushanya ishusho rijyanye n`ijambo, andika inyito yaryo, cyangwa se rikoreshe mu nteruro
igare	bicycle	
	bus	
	car	
	driver's license	
	road	
	street	
	traffic light	
	transportation	

Akenshi ugomba kugura itike yo gukoresha mu itwarabantu-n` ibintu rusange.

AMOKO Y` UBURYO RUSANGE BWO GUTWARA ABANTU N` IBINTU

Uburyo rusange bwo gutwara abantu n`ibintu butuma abantu bo mu mujyi bagenda mu mujyi hose nta modaka. Muri Amerika, hari amoko atatu manini y`uburyo rusange bwo gutwara abantu n`ibintu: bisi , gariyamoshi zigendera munsi y`ubutaka, na gariyamoshi zisanzwe. Zigendera kuri gahunda kandi akenshi zihagarara ahantu runaka kugirango abagenzi bavemo cyangwa bajyemo. Akenshi uzagomba kugura itike kugirango ukoreshe uburyo rusange bwo gutwara abantu n`ibintu. Tagisi nazo zishobora gukoreshwa, ariko akenshi zirahenda.

Tekereza ku buryo wagendaga mu gihugu ukomokamo cyangwa mu gihigu wahawemo ubuhungiro.

- ❒ Wagendaga n`amaguru, n`igare, cyangwa wakoreshaga ubundi buryo bwo gutwara abantu n`ibintu?
- ❒ Niba warakoreshaga ubundi buryo bwo gutwara abantu n`ibintu, bwari uburyo rusange cyangwa ubw`abikorera ku giti cyabo?
- ❒ Wayobokaga ute?

Shushanya cyangwa wandike mu nziga ziri hasi aho u buryo bwo kugenda wakoreshaga mu gihugu ukomokamo cyangwa mu gihugu wahawemo ubuhungiro.

Wageraga ku isoko ute?

Wasuraga inshuti ute?

Wasuraga bene wanyu ute?

Wajyaga ku kazi ute?

Wakoraga ingendo ndende ute?

Itondere ibyapa by` umuhanda kugirango ugende nta nkomyi mu gace kawe.

Bishobora kuruhanya mu ikubitiro, ariko nufata umwanya, uzabasha kumva imikorere y`uburyo bwo gutwara abantu n`ibintu. Ikindi kandi, wagombye kumenya ko mu duce tumwe ushobora kugomba kugenda umwanya muremure cyangwa gukoresha uburyo burenze bumwe bwo gutwara abantu n`ibintu kugirango uve ahantu hamwe ugere ahandi.

Kumenyera ahantu hashya bitwara igihe, rero ntucike intege. Igihe kizagera umenyere!

IBYAPA BY` UMUHANDA N` UMUTEKANO MU MUHANDA

Uko ugenda ukoresha uburyo bwo gutwara abantu n`ibintu unatembera mu gace kawe, uzabona ibyapa by`umuhanda byinshi. Ibi n`andi mategeko y`umuhanda bifasha kubungabunga umutekano w`abantu iyo bagenda cyangwa batwaye imodoka.

Huza icyapa n`itegeko gisobanura *

1.

2.

3.

4.

5.

a. Iki cyerekena ahantu hatekanye ho kwambukira umuhanda. Igihe cyose ujye wambukira umuhanda ahagenewe kwambuka.

b. Iki gisobanura "Hagarara". Ntihatekanye byo kwambuka.

c. Iki gisobanura "Genda". Haratekanye byo kwambuka.

d. Leta nyinshi zitegeka ko abana bambara ingofero y`igare yabugenewe iyo batwaye igare.

e. Iyo uri mu modoka utwaye, ni ngombwa kwambara umukandara w`intebe. Leta zose zitegeka ko abana bagenda mu ntebe zabugenewe.

* Ibisubizo by`ukuri byatanzwe ku Mugereka A ku ipaje ya 221.

Birahenze gutunga no gutwara imodoka. Gerageza gukoresha itwarabantu-n`ibintu rusange.

Gutwara wanyoye inzoga ni icyaha gikomeye. Ushobora kwamburwa uruhushya rwawe rwo gutwara, kwishyura ihazabu ihanitse, cyangwa gufungwa.

Tekereza ku mutekano mu muhanda wari umenyereye, n`ibyo ushobora gukenera guhindura kugirango ugire umutekano muri Amerika.

- ❒ Ni gute wubahirizaga umutekano mu muhanda kera?
- ❒ Wabigenzaga ute kugirango ugire umutekano mu muhanda?
- ❒ Ni iki utekereza kizaba gitandukanye ku byerekeye umutekano mu muhanda muri Amerika? Kuki?

Niba utazi aho ugiye, hagarara ubundi uyoboze. Itozanye na mugenzi wawe kuyoboza. Dore bimwe mu bibazo ushobora kubaza.

- ❒ Ni gute nagera ku isoko mvuye aha?
- ❒ Icyapa cya bisi hafi aha kiri he?
- ❒ Iyi bisi igera ku isoko?
- ❒ Hari ibiro by`iposita biri hafi aha?

Shaka ibyawe bibazo!

GUTUNGA NO GUTWARA IMODOKA

Ushobora gushaka gutangira gutwara ukigera muri Amerika, ariko hari inshingano n`amafaranga byinshi begendana no gutunga no gutwara imodoka. Gerageza gukoresha uburyo rusange bwo gutwara abantu n`ibintu kugeza ubonye akazi ugashobora kwishyura amafaranga imodoka itwara.

Henri yatwaye imodoka imyaka myinshi mbere yo kugera muri Amerika. Nyuma y`amezi make aje, yaguze imodoka yakoze. Umunsi umwe indi modoka yagonze iye iyiturutse inyuma. Impanuka ntiyari ikosa rya Henri, ariko yari afite ibibazo byinshi kuko yari atwaye nta ruhushya nta n`ubwishingizi. Ni iki Henri yagombye kuba yaributse ku byerekeye gutwara muri Amerika?

URUHUSHYA RWO GUTWARA

Nugera igihe cyo gutwara, ikintu cya mbere uzakenera ni uruhushya rwo gutwara rw`agace urimo. Mbere y`uko ubona uruhushya rwawe, ugomba gukorerwa isuzumwa ry`amaso, gukora ikizami cyo kwandika, n`ikizami cyo gutwara. Niba ufashwe utwaye nta ruhushya rwo gutwara rwemewe ufite, ushobora gucibwa ihazabu, kandi bishobora kukugora kubona uruhushya rwo gutwara mu gihe kiri imbere. Umaze kubona uruhushya rwawe rwo gutwara, ugomba kubahiriza amategeko agenga gutwara. Iyo wishe itegeko, ushobora gutakaza uruhushya rwawe. Urugero, iyo ufashwe utwaye wanyoye inzoga, ushobora gutakaza uruhushya rwawe rwo gutwara. Ushobora kandi kwishyura ihazabu ihanitse, cyangwa ugafungwa.

AMAFARANGA AJYANA NO GUTUNGA IMODOKA

Hari amafaranga menshi ajyana no gutunga imodoka. Icya mbere cyo leta nyinshi zitegeka ko ugura ubwishingizi. Kubera ubwishingizi, igihe kiragera ukishyura ikompanyi y`ubwishingizi. Iyo ukoze impanuka hakagira umuntu ugira icyo aba cyangwa umutungo wangirika, kompanyi y`ubwishingizi yishyura amafaranga yo kwivuza no gusana. Akenshi ubwishingizi burahenda ku bantu batigeze batwara muri Amerika. Ubwoko bw`imodoka utwara, imyaka yawe, n`umubare w`abantu bazajya batwara imodoka yawe nabyo bituma igiciro cy`ubwishingizi gihinduka. Hari andi mafaranga ajyana no gutunga no gutwara imodoka – esanse, guparika, imisoro, kwandikisha imodomka, kuyitaho bisanzwe no kuyikoresha yapfuye.

Tekereza ku itandukaniro hagati yo gukoresha uburyo rusange bwo gutwara abantu n`ibintu no gutunga imodoka muri Amerika.

- ❒ Inyungu ziri mu gukoresha uburyo rusange bwo gutwara abantu n`ibintu aho gutunga imodomoka ni izihe?
- ❒ Uburenganzira n`inshingano byo gutunga no gutwara imodoka muri Amerika bitandukanye bite n`uburenganzira n`inshingano mu gihugu ukomokamo cyangwa mu gihugu wahawemo ubuhungiro?

Yin Nyo arambiwe kumara igihe kirekire ateze bisi ajya kandi ava ku kazi buri munsi. Arashaka kugura imodoka. Icyo ni igitekerezo cyiza? Ni iki wabwira Yin Nyo ku byerekeye itandukaniro hagati yo gukoresha uburyo rusange bwo gutwara abantu n`ibintu no gutunga imodoka muri Amerika?

GUSOZA*

Hitamo ibisubizo byiza kuruta ibindi mu biri hasi aha, uhitamo neza. Dore urugero:

Ni uruhe rurimi ruvugwa n`abantu benshi muri Amerika

a. Igishinwa.

(b.) Icyongereza.

c. Ikidage.

Benshi muri Amerika bavuga Icyongereza, rero igisubizo ni b. Icyongereza.

1. Ni ibihe mu bikurikira bikoreshwa mu buryo rusange bwo gutwara abantu?

   a. Bisi z`umujyi.

   b. Gariyamoshi zigendera munsi y`ubutaka.

   c. Imodoka y`inshuti yawe.

   d. Gariyamoshi zisanzwe.

   e. Ntoye a, b, na d.

2. Muri Amerika, ukenera uruhushya rwo gutwara kugirango utware.

   a. Yego.

   b. Oya.

* Ibisubizo by`ukuri byatanzwe ku Mugereka A ku ipaje ya 221.

3. Iyo ufashwe utwaye wanyoye inzoga, mu bikurikira ni iki gishobora kuba?

   a. Utakaza uruhushya rwawe rwo gutwara mu gihe iki n`iki.

   b. Ucibwa ihazabu ihanitse.

   c. Urafungwa

   d. Byose uko bivuzwe haruguru

4. Leta nyinshi zitegeka ko imodoka igurirwa ubwishingizi.

   a. Ni byo

   b. Si byo

5. Amafaranga ajya ku modoka akubiyemo ibihe mu bikurikira?

   a. Ubwishingizi bw`imodoka.

   b. Kwandikisha imodoka.

   c. Esanse

   d. Kwita ku modoka bisanzwe no kuyikoresha yapfuye.

   e. Byose uko bivuzwe haruguru

8

Umutwe wa Munani
KWITA KU BUZIMA

Ubuvuzi muri Amerika ni urusobe kandi kenshi burahenda. Mw`ikubitiro bishobora kuruhanya kumva iby`ubuvuzi muri Amerika, ariko buhoro buhoro nihashira igihe uzatangira kubimenya. Wibuke ko abakozi b`ikigo gishinzwe gutuza bashobora kugufasha kubona ibisubizo by`ibibazo byawe no kukubonera amakuru uko uyakenera.

Uyu mutwe uravuga ku

- Isuzumwa ryawe rya mbere ryo kwa muganga
- Abakora umurimo wo kwita ku buzima
- Kwishyura ibijyanye no kwita ku buzima bwawe
- Uko ubuzima bwumvwa muri Amerika

Ubuvuzi muri Amerika ni urusobe kandi burahenze.

AMAGAMBO FATIZO Y` ICYONGEREZA

Amagambo y`Icyongereza akurikira akoreshwa iyo bavuga ibyo kwita ku buzima muri Amerika. Aya magambo kuyiga bizakugirira akamaro.

Vuga ijambo mu Cyongereza. Ryandike mu rurimi rwawe kavukire. Noneho shushanya icyo iryo jambo rivuga, andika icyo risobanuye, cyangwa urikoreshe mu nteruro. Icya mbere bakigukoreye.

Mu Kinyarwanda	Mu Cyongereza	Shushanya ishusho rijyanye n`ijambo, andika inyito yaryo, cyangwa se rikoreshe mu nteruro
umuganga w`amenyo	dentist	*Umuganga w`amenyo ni umuganga uvura indwara z`amenyo n`izo mu kanwa.*
	doctor	
	doctor's office	
	health	
	hospital	
	immunization	
	insurance	
	interpreter	
	medicine	
	nurse	
	sick	

Niba hari uburwayi ufite, bumenyeshe muganga kugirango uvurwe hakiri kare.

Hari ubwoko bwinshi butandukanye bw`abantu bakora akazi k`ubuvuzi muri Amerika.

ISUZUMWA RYA MBERE RYO KWA MUGANGA

Guhura kwawe kwa mbere n`ibyo kwita ku buzima muri Amerika bishobora kuzaba igihe cy`isuzumwa rwawe rya mbere ryo kwa muganga. Ukigera yo ikigo cyawe gishinzwe gutuza kizaherako gishaka gahunda y`iri suzumwa ritishyuzwa. Isuzumwa rizabona kandi rivure indwara iyo ari yo yose yabangamira ituzwa ryawe, nk`ubushobozi bwawe bwo gukora cyangwa ubushobozi bw`abana bawe bwo kujya kwiga. Abana bawe bashobora guhabwa inkingo mu gihe cy`isuzumwa kuberako abana bose bandikwa mu mashuri ya Leta bagomba kugaragaza gihamya ko bakingiwe.

Niba hari indwara cyangwa ubumuga ufite, ni ngombwa rwose kubwira muganga kugira ngo uvurwe vuba. Hari ubwo ubuvuzi burambuye butazaherako bukorwa mu byumweru bike bya mbere ukihagera, cyeretse ukeneye kuvurwa ako kanya.

Tekereza ku kibazo cy`ubuzima icyo ari cyo cyose ushobora gukenera kubwira muganga.

Nyuma y`isuzumwa rya mbere ryo kwa muganga, uzagomba gushaka uko uzabona ubuvuzi igihe wowe cyangwa uwawe muzaba mubukeneye. Abakozi b`ikigo gishinzwe gutuza bazagufasha kumenya amahitamo yawe.

Tekereza ku buryo mu bihe byashize wahanganaga n`ibibazo by`ubuzima.

- ❒ Iyo wumvaga urwaye, wakoraga iki?
- ❒ Iyo wakomerekaga/vunikaga, wakoraga iki?
- ❒ Ni ryari wabonanaga na dogiteri?

ABAKORA UMURIMO WO KWITA KU BUZIMA

Muri Amerika hari amoko menshi atandukanye y`abakora umurimo wo kwita ku buzima. Dore bamwe mu bakora umurimo wo kwita ku buzima bamenyerewe:

IKIGO GISHINZWE IMIBEREHO RUSANGE. Ibigo bishinzwe imibereho rusange bikingira abantu indwara bikanatanga izindi serivise zo kurinda ubuzima, zirimo gupima no kuvura igituntu. Serivise zo kurinda ubuzima ni serivise zirinda indwara zitarafata abantu. Ku mpunzi, izi servise ni ubuntu cyangwa zishyurwa make cyane. Akenshi gahunda ni ngombwa. (Menya byinshi ku bwishingizi bw`ubuzima muri uyu mutwe, icyiciro cyiswe "Ubwishingizi bw`ubuzima").

AMAVURIRO Y`AGACE N`AMAVURIRO MATO. Aha batanga serivise z`ubuvuzi bw`ibanze n`inama z`ubuzima. Hamwe na hamwe bavura amenyo bakanasuzuma amaso. Amavuriro amwe n`amwe y`imijyi avura amatsinda yihariye y`abarwayi, nk`abagore batwite cyangwa ababana n`ubwandu bwa Sida. Ushobora gukenera cyangwa kudakenera gahunda mu ivuriro ry`agace cyangwa mu ivuriro rito. Amavuriro yakira ubwishingizi bw`abikorera ku giti cyabo na medikedi [Medicaid] (ubwishingizi bwa guverinoma buhabwa abakene), kandi ashobora guca amafaranga make abarwa hashingiwe ku bushobozi bwo kwishyura bw`uvurwa.

ABAGANGA BIKORERA KU GITI CYABO. Hari amatsinda abiri makuru y`abaganga muri Amerika: abaganga rusange n`abaganga b`indwara zihariye. Abaganga rusange batanga ubuvuzi muri rusange, burimo isuzumwa ngarukamwaka. Abaganga b`indwara zihariye bavura mu gice kimwe cyubuganga. Bamwe mu baganga b`indwara zihariye bavura amatsinda runaka y`abantu, nk`abagore cyangwa abana. Abandi bagira umwihariko mu gice kimwe cy`umubiri, nk`umutima, amaso, cyangwa ibirenge. Gahunda ni ngombwa kugirango ubonane n`umuganga wikorera ku giti cye. Mbere yo kubonana n`umuganga wikorera ku giti cye, ubusanzwe ugomba kugaragaza ko ushobora kwishyura serivise cyangwa ko ufite ubwishingizi.

Ibitaro by`indembe bigenewe indwara zitunguranye, zikomeye.

IBITARO. Abaganga n`amavuriro bohereza abarwayi bafite uburwayi bwihariye mu bitaro kugirango basuzumwe kandi babagwe. Ubuvuzi bwo mu bitaro burahenda, kandi ugomba kugaragaza ko ushobora kwishyura serivise cyangwa ko ufite ubwishingizi.

**IBITARO BY`INDEMBE.** Aha hantu mu bitaro cyangwa se n`ahandi, hagenewe indwara zitunguranye cyangwa zikomeye. Si ngombwa kugira gahunda kugirango ujye ku bitaro by`indembe, ariko ni ahantu haba akazi kenshi; ushobora gutegereza umwanya muremure iyo indwara yawe idakomeye. Ubuvuzi bwo mu bitaro by`indembe burahenda cyane. Niba utarembye cyane, wagombye gufata gahunda ku ivuriro cyangwa ku muganga.

Lubna yitemye urutoki ubwo yakekaga imboga. Umugabo we Emaad yahamagaye tagisi, bajya ku nzu y`indembe y`ivuriro ribegereye. Lubna na Emaad ntibavugaga cyangwa ngo basome Icyongereza, kandi ntibashoboraga kuzuza impapuro. Wakumva umeze ute iyaba wari Lubna cyangwa Emaad? Ni iki Lubna na Emaad bagombaga gukora?

**AMAVURIRO Y`INDWARA ZIHUTIRWA.** Mu duce tumwe na tumwe, haba amavuriro y`indwara zihutirwa. Aya mavuriro ni ayo mu bihe ufite uburwayi cyangwa igikomere (imvune) bikeneye kuvurwa ako kanya, ariko bidakomeye byatuma ujya ku bitaro by`indembe. Ntukeneye gahunda.

Tekereza ku myivurize yawe ya kera.

- ❒ Ni gute wafataga umwanzuro w`icyo gukora?
- ❒ Mbese hari amahitamo yo kwivuza wagiraga?
- ❒ Mbese imikoranire yawe n`abakora umurimo wo kwita ku buzima yari myiza cyangwa yari mibi?

Huza ikibazo cy`ubuzima ibumoso n`icyo wagombye gukora iburyo.*

1. Ufite umuriro umaranye iminsi 3.
2. Urwaye ibicurane.
3. Umaze amezi 2 wumva uhangayitse kandi ushavuye.
4. Urumva unaniwe.
5. Uratekereza ko wavunitse igufa.
6. Uri kuribwa mu nda cyane

a. Ivure.

b. Jya kwa muganga.

c. Jya ku bitaro by`indembe.

* Ibisubizo by`ukuri byatanzwe ku Mugereka A ku ipaje ya 221.

Abanyamerika benshi biringira gahunda z`ubwishingizi bw`ubuzima (health insurance) kuberako ikiguzi cy`ubuvuzi gihanitse.

Tekereza niba uburwayi bwo ku ipaje ya 95 bworoheje (bityo bukazikiza cyangwa bugakenera ubuvuzi busanzwe bwo mu rugo), bushobora gukenera muganga, cyangwa ari injyanamuntu. Huza buri burwayi n`ishusho ry`ukuri hasi aho:*

Niba icyo urwaye:	Wagombye:
1. Cyoroheje	a. Jya ku bitaro by`indembe
2. Gishobora gukenera muganga	b. Cyivurire mu rugo
3. Kiratunguranye kandi kirakomeye	c. Jya kwa muganga

Mu gihe ushidikanya, hamagara inshuti cyangwa umukozi ushinzwe idosiye yawe ubagishe inama.

* Ibisubizo by`ukuri byatanzwe ku Mugereka A ku ipaje ya 221.

Hasi aha hari bimwe mu byapa bimenyerewe muri Amerika bifitanye isano n`ubuzima. Huza icyapa ku murongo ubanza n`igisobanuro nyacyo ku murongo wo hasi.*

1.

2.

3.

4.

5.

6.

a. Ivuriro

b. Farumasi

c. Uburozi

d. Ibitaro by`indembe

e. Ubuvuzi bw`ibanze

f. Akaga

UBWISHYU BW` IBIJYANYE NO KWITA KU BUZIMA

Zirikana ibibazo bikurikira byerekeye kwita ku buzima mu gihugu ukomokamo cyangwa igihugu wahawemo ubuhungiro.

- ❒ Ibijyanye no kwita ku buzima byishyurwaga bite?
- ❒ Byari bihenze?

Kwita ku buzima muri Amerika birahenze, kandi akenshi abantu bake nibo bashobora kwiyishyurira ibijyanye no kwita ku buzima bwabo byose. Gahunda za guverinoma zishyurira abakene bujuje ibisabwa n`izo gahunda. Abandi bantu biringira ubwishingizi bw`ubuzima mu kwishyura ibijyanye no kwita ku buzima bwabo.

UBWISHINGIZI BW`UBUZIMA

Abantu bafite ubwishingizi bw`ubuzima bagira amafaranga bahora bishyura ikompanyi y`ubwishingizi, mu kubitura, ikompanyi y`ubwishingizi ikishyura ikiguzi cy`ibijyanye no kwita ku buzima bwabo. Abakoresha benshi baha abakozi babo ubwishingizi bw`ubuzima, kandi akenshi bishyura igice cy`ikiguzi cya buri kwezi. Igice gisigaye cy`ikiguzi cy`ubwishingizi gikurwa ku mushahara w`umukozi hamwe n`imisoro. Ubusanzwe abakozi bashya bagomba gutegereza igihe mbere yo kwemererwa ubwishingizi bw`ubuzima. Birashoboka ko wigurira ubwishingizi bw`ubuzima, ariko ubusanzwe birahenda cyane.

* Ibisubizo by`ukuri byatanzwe ku Mugereka A ku ipaje ya 221.

Ku bantu bari mu kigero cyo gukora bahembwa umushahara muto, guverinoma ishyiraho gahunda zibishyurira ubuvuzi mu gihe kibaze.

Muri Amerika, ufite uburenganzira bwo guhabwa umusemuzi, no kugirirwa ibanga.

Maria akora amasaha atuzuye, ku $9 ku isaha, kandi yishyurirwa ubuvuzi we n`umuryango we. Umugabo we Luis akora amasaha yuzuye, ariko nta bwishingizi abona. Maria yabonye akazi k`amasaha yuzuye gahemba $13 ku isaha, ariko nta bwishingizi bw`ubuvuzi azaba afite. Ni iki wakora ubaye uri Maria? Kuki ubwishingizi bw`ubuvuzi ari ngombwa?

GAHUNDA IFASHA IMPUNZI KWIVUZA (REFUGEE MEDICAL ASSISTANCE [RMA]), MEDIKEDI (MEDICAID) NA MEDIKERI (MEDICARE)

Impunzi zemerewe gusaba RMA cyangwa Medicaid. Izo gahunda zombi zishyurira abantu bafite imyaka yo gukora bahembwa make, amafaranga y`ibijyanye no kwita ku buzima, ariko zigenewe gukoreshwa gusa kugeza igihe abo bantu bashoboreye kubona ubwishingizi ku mukoresha cyangwa kubwigurira. Impunzi zirengeje imyaka 65 zemerewe Medicare, gahunda ya Leta nkuru ifasha abantu barengeje imyaka 65 kwishyura amafaranga yo kwivuza.

Hasi aha, huza ubwoko bw`ubwishingizi n`abantu bugenewe gufasha. Ibanga: Kimwe mu bisubizo gikora ku bwoko bubiri bw`ubwishingizi.*

1. Medikere
2. Gahunda Ifasha Impunzi Kwivuza
3. Medikedi

a. Ubu bwoko bw`ubwishingizi bugenewe abantu bafite imyaka yo gukora bahembwa make badashobora kubona ubwishingizi ku mukoresha wabo. Impunzi zirabwemerewe.

b. Ubu bwoko bw`ubwishingizi bw`ubuzima bufasha abantu barengeje imyaka 65, kwishyura amafaranga yo kwivuza. Impunzi zirabwemerewe.

* Ibisubizo by`ukuri byatanzwe ku Mugereka A ku ipaje ya 221.

UBURENGANZIRA BWAWE MU BYO KWITA KU BUZIMA

Muri Amerika, ufite uburenganzira bubiri bw`ingenzi mu byo kwita ku buzima. Ufite uburenganzira bwo guhabwa umusemuzi kandi ufite uburenganzira bwo kugirirwa ibanga. Uburenganzira bwo kugirirwa ibanga busobanura ko muganga cyangwa umuforomo badashobora kugira uwo bagira icyo babwira cyerekeye ubuzima bwawe utabitangiye uruhushya.

UMUSEMUZI

Ni ngombwa ko ubasha kumva no kubwira muganga wawe kugirango uvurwe uko bikwiye. Niba wumva ukeneye ubufasha mu by`ururimi kugirango uvugane na muganga wawe, ufite uburenganzira bwo kugira umusemuzi wo kugufasha. Ikigo cyawe gishinzwe gutuza gishobora kugufasha kuvugana n`ibitaro cyangwa ivuriro ku byerekeye umusemuzi.

Paw Mu afite gahunda yo kwa muganga mu cyumweru gitaha. Aracishiriza mu Cyongereza, ariko ubushize abonana n` umuganga we ntiyumvise ibintu byinshi yavuze. Wakumva umeze utu ubaye Paw Mu? Ni iki Paw Mu yagombye gukora?

Itozanye na mugenzi wawe gusaba umusemuzi. Dore inzira ebyiri ushobora gusabomo umusemuzi:

- ❒ I don't understand English. Can I please have an interpreter?
- ❒ I speak Kinyarwanda. I would like to talk to someone in that language.

KUGIRIRWA IBANGA

Mu mategeko ikintu cyose kibaye hagati yawe n`umuvuzi wawe ni ibanga. Umuvuzi wawe ntashobora kubwira bene wanyu, inshuti zawe cyangwa umukoresha wawe iby`ubuzima bwawe utabitangiye uruhushya.

Umma afite ikibazo cyo gusama. Umugabo we ntashaka ko Umma abiganiraho n`umuganga. None muganga yagira undi abibwira? Wakumva umeze ute ubaye mu bihe nk`ibi? Ni iki gikomeye Umma n`umugabo we bagombye kumenya ku byerekeye abaganga muri Amerika?

Abanyamerika benshi bashobora kubonana n`umuganga rimwe mu kwezi kugirango bakorerwe isuzumwa maze bakazamenya uburwayi baba bafite butarakomera.

Isuku ku mubiri ishobora kuba ngombwa cyane cyane mu kubona akazi no kukagumaho.

Vugana na mugenzi wawe ku mpamvu ituma kugirirwa ibanga na muganga wawe ari ngombwa

UKO UBUZIMA BWUNVWA MURI AMERIKA

Shushanya amashusho mu nziga ziri hasi aho, agaragaza icyo utekereza ko ari imyifatire y`ubuzima bwiza.

Abanyamerika bemera ko indwara nyinshi zishobora kwirindwa hakoreshejwe isuku, imirire iboneye, imyitozo ngororangingo, n`ibitotsi bikwiye. Bambara imyenda ibafubika mu gihe cy`imbeho, n`imyenda ibarekuye mu gihe cy`ubushyuhe. Benshi bajya kwa muganga cyangwa ku ivuriro rimwe mu mwaka kwisuzumisha, kugirango bamenye uburwayi baba bafite mbere y`uko bukomera. Bajya kwa muganga w`amenyo kogesha amenyo yabo kabiri mu mwaka kugirango birinde indwara z`amenyo.

UMUTWE WA MUNANI 8

Abaganga bo muri Amerika bashobora kuba batamenyereye uburyo mu bindi bihugu bavura indwara. Ushobora gukenera gusobanurira muganga wawe ubuvuzi wowe n`abana bawe bahawe mu gihe cyashize, kandi ukamurondorera imigenzo n`imiti y`iwanyu ukoresha. Ni ngombwa ko umenya ko abaganga n`abaforomo muri Amerika bashobora gutekereza ko imiti n`imigenzo imwe n`imwe idatunganye. Ndetse imwe muri iyi miti n`imigenzo ishobora kuba inyuranyije n`amategeko yo muri Amerika.

Soe Naing araribwa mu gifu, bityo akoresheje ibyatsi biva mu gihugu cye. Hashize akanya, Soe Naing ntiyorohewe, maze ajya kwa muganga. Muganga aratangaye Soe Naing amubwiye iby`ibyatsi yahoze akoresha. Amubwiye ko yagombye kureka gufata ibyatsi. Kuki muganga amubwiye ngo ahagarike gukoresha ibyatsi? Iyaba wari Soe Naing wakurikije inama ya muganga maze ugahagarika gukoresha ibyatsi? Ni iki Soe Naing yagombye kwibuka ku byerekeye ubuvuzi bw`imiti gakondo muri Amerika?

KWIRINDA UMWANDA NO KUGIRA ISUKU KU MUBIRI

Abanyamerika benshi boga cyangwa biyuhagira buri munsi, boza amenyo kabiri ku munsi, boza imisatsi na shampu kenshi, bisiga amavuta arwanya icyuya rimwe ku munsi, kandi bamesa imyenda yabo kenshi. Amaduka acuruza ibicuruzwa by`ubwoko bwinshi bifasha abantu kwirinda umwanda cyangwa kuba bagira icyuya kinuka. Isuku ku mubiri ishobora kuba impamvu mu kubona akazi.

Umukuru mu kazi mushya wa Mathieu abwiye Mathieu ko agomba kwiyuhagira buri munsi no kwisiga amavuta arinda icyuya. Wakumva umeze ute ubaye Mathieu? Ni gute Mathieu yashoboraga kwirinda ibi bintu?

IMIRIRE IBONEYE

Imirire iboneye isobanura kurya ubwoko bw`ibiryo nyabyo kugirango ugire ubuzima bwiza. Bisobanura kandi gukumira ibiryo bishobora gutera ibibazo by`ubuzima n`indwara zikomeye iyo biriwe kenshi ari byinshi. Bene ibyo biryo birimo ibifite isukari nyinshi, umunyu mwinshi, cyangwa ibinure (urugero: ibiryo bitetse ifiriti, ibiryo bikoreshejwe isukari nyinshi, na za soda).

Shyira uruziga iruhande rw`amashusho ari hasi aho yerekana ibiryo biboneye. Nyuza umusitari mu mashusho yerekana ibiryo bitaboneye.*

a. Bombo

b. Inkoko

c. Imbuto

d. Amafiriti

e. Amata

f. Amavuta

g. Umuceri

h. Ibiryo birimo umunyu nwinshi

i. Soda

j. Imboga

k. Amazi

Mbese ushobora gutekereza ku bindi biryo biboneye cyangwa bitaboneye?

Ibiryo boboneye	Ibiryo bitaboneye

* Ibisubizo by`ukuri byatanzwe ku Mugereka A ku ipaje ya 221.

Isahani y`ibiryo ikurikira iratanga igitekerezo cy`ibiryo byo kurya kugirango umuntu agire ubuzima bwiza.

Ibuka ko uretse kurya indyo iboneye, inoze, imyitozo ngororangingo ya buri gihe nko kugenda iminota 20 buri munsi ari ingenzi mu kugira umubiri na roho bizima.

KWITA KU BUZIMA BWO MU MUTWE

Ubuzima bwo mu mutwe bwerekeza k`uko wumva umeze, uko utekereza, n`uko wifata mu gihe uhangana n`imibereho. Byerekeza kandi k`uko witwara mu bihe by`igihunga.

Tekereza k`ukuntu ubuzima bwo mu mutwe bwafatwaga mu gihugu ukomokamo cyangwa igihugu wahawemo ubuhungiro.

- ❒ Mbese abantu baganiraga ku buzima bwo mu mutwe?
- ❒ Ni nde abantu baganiraga nawe ku byerekeye ubuzima bwo mu mutwe?
- ❒ Abantu babigenzaga bate mu bihe by`igihunga?
- ❒ Uburyo bwari bumenyerewe bwo guhangana n`igihunga bwari ubuhe?

Abanyamerika bemera ko uburwayi bwo mu mutwe bukomeye nk`ubwo mu mubiri.

Abanyamerika bemera ko ubuzima bwo mu mutwe ari ngombwa nk`uko ubw`umubiri ari ngombwa, kandi ko kwita ku buzima bikwiye harimo no kwivuza ku munyamwuga w`ubuzima bwo mu mutwe iyo ari ngombwa. Impunzi n`abandi bakiza bagomba kwitondera cyane ubuzima bwabo bwo mu mutwe kuberako akenshi baba baranyuze mu bihe bigoye mu bihe byabo byashize, kandi akenshi bagira igihunga cyinshi cyane mu gihe bamenyera ubuzima bwo muri Amerika. Nugira ubwo wumva ubuzima buruhije cyane kandi udashobora gukora imirimo ya buri munsi, wagombye gushaka serivise z`ubuzima bwo mu mutwe. Ikigo cyawe gishinzwe gutuza gishobora kugufasha kubona izi serivise, no kukugirira ibanga.

Nyuma y`amezi 6 muri Amerika, Namina atangiye gukumbura iwabo. Aziko ibi bisanzwe, ariko nyuma y`igihe atangiye kugira agahinda kenshi, kandi akava iwe ari uko agiye ku kazi gusa. Ni iki Namina yakora? Kuki ari ngombwa ko Namina yitondera uko amerewe?

Tekereza ku cyo ukora iyo wumva ufite inkeke n`igihunga.

- ❒ Ubigenza ute?
- ❒ Ibindi bintu wakora ni ibihe?
- ❒ Wabwira nde ?

Kina na mugenzi wawe musimburana uburyo bumwe bwo gusaba umuntu ubufasha

- ❒ Umuntu wa 1 : Uraho ! Umerewe ute none?
- ❒ Umuntu wa 2: Nsigaye numva ntameze neza.
- ❒ Umuntu wa 1 : Ni kibazo ki?
- ❒ Umuntu wa 2 : Nsigaye numva ntazi uko meze.
- ❒ Umuntu wa 1 : Ibyo bisobanuye iki?
- ❒ Umuntu wa 2 : Sinkishima. Kandi sinzi icyo nabikoraho? Mbese ushobora kumfasha?

Hamwe na mugenzi wawe, mutekereze ku bundi buryo bwo gusaba ubufasha.

Niba ufite ingorane zo kuvuga uko wumva umeze, reba ku Mugereka C: Amasura y`amarangamutima ku rupapuro rwa 226 baragira inama bakugira.

GUSOZA*

Hitamo ibisubizo byiza kuruta ibindi mu biri hasi aha, uhitamo neza. Dore urugero:

Ni uruhe rurimi ruvugwa n`abantu benshi muri Amerika

a. Igishinwa.

(b.) Icyongereza.

c. Ikidage.

Benshi muri Amerika bavuga Icyongereza, rero igisubizo ni b. Icyongereza.

1. Uzakorerwa isuzumwa ry`ubuzima nugera muri Amerika?

   a. Yego

   b. Oya

2. Bumwe mu buryo abantu bishyuramo amafaranga yo kwivuza muri Amerika ni ubuhe?

   a. Ubwishingizi bw`ubuzima (akenshi butangwa n`umukoresha)

   b. Gahunda za guverinoma zishyurira abakene bimwe mu byo kwa muganga, mu gihe kibaze gusa.

   c. N`uburyo bwabo bwite.

   d. Gahunda za guverinoma zishyurira abantu bose amafaranga yose yo kwa muganga.

   e. Ntoye a, b, na c.

* Ibisubizo by`ukuri byatanzwe ku Mugereka A ku ipaje ya 221.

3. Umuntu yagombye kujya ku bitaro by`indembe (ER) gusa ari uko afite uburwayi bukomeye.

   a. Ni byo

   b. Si byo

4. Mu bintu bikurikira, ibyo Abanyamerika bemera ko bishobora kurinda indwara ni ibihe?

   a. Gukora imyitozo ngororangingo buri gihe.

   b. Kurya ibiryo byuzuyemo isukari n`umunyu.

   c. Gusinzira bihagije nijoro.

   d. Kugira isuku.

   e. Ntoye a, c, na d.

5. Iyo ugize icyo ubwira muganga wawe, muganga wawe ategetswe kukibwira bene wanyu, inshuti zawe, n`umukoresha wawe.

   a. Ibi ni byo

   b. Ibi si byo

9

Umutwe wa Cyenda
ICUNGAMUTUNGO

Ubuzima muri Amerika burahenze cyane. Ngiyo impamvu ituma kubona akazi ako kanya ari ngombwa cyane ku bakuze bose bashobora gukora. Uzagomba gucunga neza amafaranga yawe kugirango udasohora amafaranga udashobora kubona. Abakozi bo mu kigo cyawe gishinzwe gutuza bazagufasha kumenya amafaranga ufite, ayo ushobora gusohora, n`ayo ushobora kuzigama.

Uyu mutwe uravuga ku

» Gukora ingengo y`ibyishyurwa
» Aho guhahira
» Imisoro, gukorana na banki, n`amateka y`inguzanyo.

Kugira bije (ingengo y`amafaranga) bizagufasha kumenya amafaranga ufite, ayo ushobora gukoresha, n`ayo ushobora kuzigama.

AMAGAMBO FATIZO Y` ICYONGEREZA

Amagambo y`Icyongereza akurikira akoreshwa iyo bavuga ku icungamutungo muri Amerika. Aya magambo kuyiga bizakugirira akamaro.

Vuga ijambo mu Cyongereza. Ryandike mu rurimi rwawe kavukire. Noneho shushanya icyo iryo jambo rivuga, andika icyo risobanuye, cyangwa urikoreshe mu nteruro. Icya mbere bakigukoreye.

Mu Kinyarwanda	Mu Cyongereza	Shushanya ishusho rijyanye n`ijambo, andika inyito yaryo, cyangwa se rikoreshe mu nteruro
Kugira ubushobozi bwo kwishyura	afford	*Lilith na Abdul barareba kuri konti yabo muri banki kugirango barebe niba bafite ubushobozi bwo kugura imodoka.*
	budget	
	change	
	cheap	
	coins	
	dollar	
	expensive	
	money	
	sales tax	
	wallet	
	How much does it cost?	

Buri kwezi uzagomba kwishyura amafaranga y` ibintu by` ibanze n` ibyishyurwa by` imibereho yawe.

Niba ufite imigambi y` igihe kirekire nko kwiga, kugura inzu, wagombye gushyira buri kwezi umubare runaka w` amafaranga mu ikonti yo kuzigama.

GUKORA INGENGO Y` IBYISHYURWA

Buri kwezi uzakenera kwishyura ibintu by`ibanze by`imibereho n`ibindi byishyurwa.

Ni ibiki wishyuraga buri gihe mu gihugu ukomokamo cyangwa igihugu wahawemo ubuhungiro?

Muri Amerika ibi ni byo bikomeye uzajya wishyura:

UBUKODE. Ubanza aha ariho uzishyura amafaranga menshi buri kwezi.

Hani yari azi ko ubukode buzaba buhenze muri Amerika, ariko yatunguwe no kwakira fagitire ye ya mbere y`umuriro. Ni ibiki bindi Hani ashobora kwishura bijyanye no kubaho?

IBIKENERWA. Ibi bikubiyemo amashanyarazi, gaze cyangwa amavuta, amazi, no gutwara imyanda. Bimwe muri ibi bishobora kuba bikubiye mu bukode bwawe, ariko hari ubwo ugomba kwishyura kimwe cyangwa byinshi[muri byo] ukwabyo. Mu bice byinshi by`Amerika, fagitire zawe z`amashanyarazi cyangwa amavuta zizamuka mu gihe cy`imbeho no mu mezi y`impeshyi igihe ukeneye gushyushya cyane cyangwa gufutsa (mu nzu).

IBIRYO. Ushobora kuzigama amafaranga ku biryo ushaka amaduka n`ibicuruzwa bigura make kurusha ibindi kandi ugura ibicuruzwa byagabanyijwe.

KURERESHA ABANA (Reba umutwe wa 12 ngo ubone ibisobanuro birambuye ku byerekeye kureresha abana)

INGENDO. Aha hakubiyemo amafaranga yo kujya no kuva ku kazi, guhaha, no muri gahunda (zawe).

TELEFONE. Uzakenera kwishyura amafaranga ya telefone yawe buri kwezi. Ibuka ko guhamagara kure mu bindi bihugu bishobora guhenda cyane. Vugana n`abantu bo mu gace kawe kugirango umenye uburyo bwiza bwo guhamagara hanze y`Amerika.

**INGUZANYO Y`URUGENDO.** Hashize nk`amezi 6 winjiye muri Amerika, uzagomba gutangira kwishyura inguzanyo yawe y`urugendo buri kwezi kugeza uyishyuye yose.

KWITA KU BUZIMA. Numara kubona akazi k`amasaha yuzuye, ushobora guhabwa ubwishingizi ubu n`ubu bw`ubuzima. Ariko imirimo myinshi itangira ntitanga ubwishingizi mu mezi ya mbere y`akazi. Ushobora gukenera kwigurira ubwishingizi.

KUZIGAMA NO GUFASHA BENE WANYU BARI HANZE. Niba ufite imigambi y`igihe kirekire nko kwiga cyangwa kugura inzu, byaba byiza ugize umubare w`amafaranga ushyira buri kwezi muri konti yo kuzigama muri banki. Ushobora kandi gushaka kohererezа amafaranga bene wanyu bakiri mu gihuhu ukomokamo. Numara kubona akazi ukamenya uko ibyishyurwa byawe bya buri kwezi biza bingana, ushobora kwemeza umubare w`ayo ushobora kuzigama cyangwa kohereza iwanyu buri kwezi.

Ca uruziga iruhande rw`ibyishyurwa bikuru byarondowe ku mapaje 110 na 111 wigeze kwishyura mu gihe cyashize.

Dore ingero z`ibiciro wazagomba wenda kuzirikana mu gihe uzaba ukora ingengo muri Amerika.

Ubwoko bw`icyishyurwa	Ibisobanuro n`inyandiko	Igiciro muri Amerika	
		Umuntu 1	Umuryango wa 5
Ubukode			
Ibikenerwa (gaze, amashanyarazi, n`ibindi)	Ikigereranyo cy`amafaranga ya buri kwezi		
Ibiryo	Indyo zatekewe mu rugo ugereranyije no kujya kurya hanze		
Kureresha abana	Igiciro kuri buri mwana		
Ingendo	Gukoresha uburyo rusange bwo gutwara abantu n`ibintu ugereranyije no gutunga iyawe modoka		
Telefone	Mu karere, kure, no hanze y`igihugu		
Inguzanyo y`urugendo	Igomba kwishyurwa mu gihe cy`amezi 36		
Ubwishingizi bw`ubuzima	Bwo ku kazi ugereranyije no kwigurira ubwishingizi ugereranyije no kutagira ubwishingizi bw`ubuzima		
Ibindi byishyurwa	Kuzigama no gufasha umuryango uri hanze, imyambaro, ibikoresho byo mu nzu, ibikoresho by`isuku, ibikoresho by`ishuri.		

Ibindi byishyurwa byo kuzirikanwa:

Ubwoko bw`icyishyurwa	Ibisobanuro n`inyandiko	Igiciro muri Amerika	
		Umuntu 1	Umuryango wa 5
Gusohoka			
Ibikorwa byo kwinezeza			
Televiziyo/ interineti/telefone igendanwa			
Imirimo y`inyongera			

Saw Tun yakoze utuzi tubiri ngo abesheho abana be batatu kandi yoherereze umuryango we uri hanze amafaranga. Yahoraga yumva ananiwe mu gahe gato yagiraga ko kumarana n`abana be. Iyaba wari Saw Tun, ni ibihe bintu watekereza gukora? Ni nde waganirira ibi bibazo?

Amasoko manini niyo masoko y`ibiryo asakaye.

Wowe n`umuryango wawe mushobora kugira ibintu mushaka kugura muri Amerika. Mu rwego rw`ingengo, bizaba ngombwa gutandukanya ibyo umuryango wawe ushaka n`ibyo umuryango wawe ukeneye. Bimwe mu bintu bishakwa bishobora kuba bihenze kandi bidakenewe, kandi bishobora gukurwa mu byo umuryango wawe ukeneye. Hasi aho shyira uruziga iruhande rw`ibintu umuryango ushobora gukenera. Cisha umurongo mu bintu umuryango wawe udakeneye, ariko ushobora gushaka.*

a. Akazi

b. Imyambaro ikwiye

c. Imodoka

d. Ibinyampeke

e. Ibikoresho by`isuku

f. Inzu nini

g. inzu yoroheje

h. Imyitozo ngororangingo ya buri gihe

i. Televiziyo

j. Urwego rwa kaminuza

k. Imboga

l. Amazi

*Ibisubizo by`ukuri byatanzwe ku Mugereka A ku ipaje ya 221.

AHO GUHAHIRA

Amaduka n`amasoko muri Amerika bicuruza ubwoko bwinshi bunyuranye bw` ibintu na serivise.

Tekereza ku hantu wahahiraga mu gihugu ukomokamo cyangwa igihugu wahawemo ubungiro.

- ❒ Ni he waguriraga ibiryo?
- ❒ Ni he wakuraga imiti?
- ❒ Ni he washoboraga kugurira ibindi bikoresho byo mu nzu?
- ❒ Ni he wakuraga imyambaro n`inkweto?

Sumitra yamenye ahantu hatandukanye ho guhahira mu gace ke gashya. Yari azi ko afite ingengo (bije), bityo yakoreshaga igihe kinini ajya mu masoko atandukanye kureba aho bagurisha neza. Ariko byatwaraga umwanya munini, aho Sumitra atangiriye gukora, ntiyari akigira umwanya wo kujya mu masoko menshi atandukanye. Bimwe mu bintu Sumitra yashoboraga gukora ni ibiki?

Dore amwe mu moko y`ahantu ho guhahira muri Amerika:

**AMADUKA MANINI Y`IBIRIBWA.** Aya niyo moko amenyerewe y`amaduka y`ibiryo. Amenshi na none acuruza ibikoresho by`isuku, amavuta yo kwisiga, ibinyamakuru, ibikoresho byo mu nzu, n`imiti isanzwe itagombera urwandiko rwa muganga.

**AMADUKA Y`IMITI.** Aya maduka akenshi aba afite farumasi imiti yanditswe na muganga ishobora kugurirwamo. Ahenshi kandi bacuruza imiti itagombera urwandiko rwa muganga, amavuta yo kwisiga, ibinyamukuru, n`ibyo kurya. Ibyo kurya akenshi biba bihenze kandi ari bikeya mu bwoko kurusha ibicuruzwa mu maduka manini y`ibiryo.

**AMADUKA Y`IBIKORESHO BYO MU NZU.** Aya maduka acuruza imyambaro, inkweto, ibikoresho nk`intebe, amameza n`ibindi nk`ibyo, ibikoresho nka firigo, radiyo n`ibindi nk`ibyo, ibikoresho nk`amasahani , ibirahure n`ibindi nk`ibyo, n`ibindi bintu bitaribwa.

AMADUKA Y`IBIKORESHO BY`UBWUBATSI. Aya maduka acuruza ibikoresho byo gusana cyangwa gutunganya inzu, twavuga nk`inyundo, imetero n`ibindi nk`ibyo, imashini zibaza, izisudira n`ibindi nk`ibyo, imbaho, n`indabyo n`ibiti biterwa.

Ushobora gusanga ibiryo umenyereye byo mu gihugu cyawe mu masokonyoko y`ibiryo.

Imisoro muri Amerika yishyura nyinshi muri za serivise buri wese akoresha.

AMADUKA YA MAKE. Aya maduka acuruza ibicuruzwa kuri make ugereranyije n`amaduka y`ibikoresho byo mu nzu nyirizina. Uretse imyambaro n`ibikoresho byo mu nzu, amaduka menshi ya make acuruza kandi ibikoresho by`amashanyarazi nibyo kurya.

AMADUKA YA CAGUWA. Aya maduka acuruza ibintu byakoze, nk`intebe, ameza n`ibindi nk`ibyo, amasahani, n`imyenda, ku giciro gito. Ku Banyamerika ni ibisanzwe kugura ibintu byakoze.

**AMADUKA-NYOKO Y`IBIRYO.** Akenshi aya aba afitwe kandi akorwamo n`impunzi cyangwa abari impunzi. Mu iduka-nyoko ry`ibiryo, ushobora kuhasanga ibiryo biva mu gihugu cyawe.

Farida yari afite ikibazo cyo kubona mu maduka y`ibiryo yo muri Amerika, bimwe mu biryo yakundaga guteka mu gihugu cye. Ni he ashobora kujya gushaka bimwe muri ibi bintu? Ni nde Farida yagombye gusaba ubufasha?

CYAMUNARA YO MU MBUGA NO MU NZU. Aha ni igihe abantu bagurisha ibintu byo mu mazu yabo, ubusanzwe ku giciro gito cyane. Ni ahantu heza cyane ho kugurira ibikoresho byo mu nzu, intebe, ameza n`ibindi nk`ibyo, n`imyenda. Cyamunara zo mu mbuga no mu nzu zamamazwa mu binyamakuru cyangwa ku byapa bishyirwa mu gace.

Mbere y`uko Basma aba muri Amerika, ntiyari yarigeze atunga ibikoresho byakoze. Arashaka guhindura ibikoresho ikigo cye gishinzwe gutuza cyamuhaye, ariko nta mafaranga yo kugura ikintu gishya na kimwe afite. Iyaba wari Basma, wakumva umeze ute? Ni iki Basma ashobora gukora?

KWISHYURA IMISORO

Muri Amerika, imisoro yishyura nyinshi muri serivise zikoreshwa n`abaturage, barimo n`impunzi. Imisoro yishyura amashuri rusange, gutunganya imihanda mito n`iminini; serivise za polisi, zo kuzimya umuriro, n`iz`ubutabazi bwihutirwa; na gahunda za serivise rusange. Abantu batuye muri Amerika bishyura ubwoko butatu bw`imisoro.

Peter Htoo ntiyari yarieze yishyura imisoro, nta nubwo yumvaga impamvu yayo. Yumvaga arakajwe n`umubare w`amafaranga yakurwaga kuri sheki ye y`umushahara ya buri cyumeru. Ni iki wabwira Peter Htoo ku byerekeye imisoro?

IMISORO KU BYINJIRA. Buri muntu ukora yishyura umusoro ku byinjira ujya muri Leta nkuru, kandi abaturage ba leta zimwe na zimwe bishyura n`umusoro ku byinjira ujya muri leta nto. Iyi misoro ikurwa ku mushara wawe n`umukoresha wawe. Niba uhembwa munsi y`umubare runaka w`amafaranga, guverinoma izagusubiza imwe mu misoro wishyuye.

IMISORO KU MUTUNGO BWITE. Guverinoma zo mu karere zakira imisoro ku mazu, ubutaka, n`inyubako utunze. Uwo mukodesheje yishyura iyi misoro ku mutungo ukodesha. Hamwe na hamwe banasoresha umusoro ku mutungo w`imodoka.

IMISORO KU BYACURUJWE. Muri leta nyinshi abantu bishyura umusoro w`ibyaguzwe ku bintu baguze. Umusoro w`ibyaguzwe winyongera ku giciro cy`igicuruzwa. Muri leta zimwe na zimwe, nta musoro ku byaguzwe ubaho ku bicuruzwa bimwe na bimwe, nk`ibiryo cyangwa imiti. Ku bicuruzwa bimwe na bimwe nk`itabi n`inzoga, umusoro uri hejuru.

Abanyamerika benshi babika amafaranga yabo muri banki kuberako yishingiwe na guverinoma y´Amerika. Ibi bivuga ko iyo amafaranga atakaye cyangwa yibwe muri banki, guverinoma y´Amerika izayishyura.

Ca uruziga iruhande rw`ibintu biri hasi aho, imisoro yo muri Amerika ishobora kwishyura . Ca umurongo hagati y`ibintu imisoro itishyura muri Amerika.*

a. Amashuri rusange

b. Imihanda mito n`imihanda minini

c. Gusana inzu

d. Imodoka y`umuntu ku giti cye

e. Serivise z`ubutabazi bwihutirwa

f. Inzoga cyangwa itabi

g. Isabune zo kumesa

h. Gahunda za serivise rusange

Mu gihugu cyawe cyangwa igihugu wahawemo ubuhungiro, amafaranga wayabikaga he?

*Ibisubizo by`ukuri byatanzwe ku Mugereka A ku ipaje ya 221.

GUKORANA N`AMABANKI

Abanyamerika akenshi babika amafaranga yabo muri banki isanzwe cyangwa ibigo bikora nka banki byitwa, aho kuyabika mu nzu. Amafaranga ushyize muri banki aba afite ubwishingizi bwa guverinoma y`Amerika. Ibi bisobanuye ko iyo amafaranga atakariye cyangwa yibwe muri banki, guverinoma y`Amerika iyakwishyura. Amabanki agira ubwoko butandukanye bw`amakonti bitewe n`ibigamijwe binyuranye. Hari amoko abiri makuru ya konti muri banki:

KONTI ZO KUZIGAMA. Izi ni izo kuzigama amafaranga. Banki zikwishyura inyungu kuri aya makonti nk`ikiguzi cyo kugumana no gukoresha amafaranga yawe.

KONTI ZISANZWE. Izi ni izikoreshwa mu kwishyura ibyishyurwa. Banki iguha sheki ushobora gukoresha mu kwishyura ubukode bwawe n`andi mafagitire. Ugomba kwitondera kwandika sheki z`amafaranga arenze ayo ufite muri konti yawe isanzwe. Iyo ubikoze, banki iguca ihazabu.

Urugero rwa sheki:



Zirikana ibibazo bikurikira:

- ❒ Ni nyungu ki ziri mu gushyira amafaranga yawe muri banki?
- ❒ Kuki kurekera amafaranga muri konti ya banki ari imigirire imenyerewe muri Amerika?
- ❒ Kuki kurekera amafaranga muri banki byizewe?

Mu gihugu cye igihe cyose Malyun yabikaga amafaranga ye ayahishe iwe. None ubu ari muri Amerika, ntashize amakenga gushyira amafaranga ye muri banki, nubwo azi ko abantu benshi muri Amerika bakoresha banki bakunguka. Ni iki wabwira Mlyun? Kuki banki ari ahantu hizewe ho gushyira amafaranga yawe?

Iyo ukoresha gahunda y`ikarita (credit plan) cyangwa ikarita y`inguzanyo (credit card), uba uguza amafaranga maze ukazishyuzwa inyungu ku mubare w`amafaranga urimo.

Kugirango ugire amateka meza y`inguzanyo, ishyurira igihe buri kwezi.

IKARITA Y` INGUZANYO N` AMATEKA Y` IGURIZWA

Abanyamerika muri rusange bakoresha amakarita y`inguzanyo cyangwa inguzanyo mu kugura ibintu bihenze nk`imodoka n`intebe ameza n`ibindi nk`ibyo. Amakarita n`inguzanyo bibashoboza kwishyura mu bice byinshi bito nyuma y`igihe aho kwishyurira rimwe ikiguzi cyose igihe cy`ubuguzi.

Iyo ukoresha inguzanyo cyangwa ikarita y`inguzanyo, uba uguza amafaranga. Banki cyangwa ikompanyi itanga ikarita y`inguzanyo ica inyungu ku mafaranga ugoma, kandi ugomba kwishyura buri kwezi. Iyo usibiye kwishyura, ikompanyi y`amakarita ishobora kuguca ihazabu. Iyo usibiye ubwishyu bwinshi, iduka rishobora kwisubiza igicuruzwa wari waguze.

Niwiyemeza gufata ikarita y`inguzanyo, wagombye kuyikoresha mu bushishozi bwinshi. Biroroshye kugwa mu madeni menshi ukoresheje ikarita y`inguzanyo. Mbere y`uko ugura ikintu ukoresheje inguzanyo, banza umenye ko uzabasha kwishyura ubwishyu bwa buri kwezi bwiyongera ku bindi wishyura.

Ikompanyi y`amakarita y`inguzanyo yemereye U Myint urugendo rw`ubuntu niba yemeye kuyinjiramo, nuko arabikora. Yakoreshaje ikarita ye y`inguzanyo agura ibintu atarafite amafaranga yo kugura. Hashize ukwezi kumwe, abona fagitire. U Myint ntiyari azi ko agomba kwishyura umwenda wose mu kanya gato cyangwa kwishyura inyungu nyinshi. Ni gute U Myint yashoboraga kwirinda uriya mwenda? Ni iki wabwira U Myint ku byerekeye ikoreshwa ry`amakarita y`inguzanyo?

Ku munzani uri hasi aho, shushanya ishusho rigaragaza cyangwa wandike ku byiza n`ibibi byo gukoresha ikarita y`inguzanyo.



Ganira na mugenzi wawe ku byiza n`ibibi.

AMATEKA Y`INGUZANYO

Iyo ufite inguzanyo cyangwa ukoresha ikarita, wubaka amateka yawe y`inguzanyo. Ibigo byigenga bikurikirana iby`inguzanyo, bigira raporo y`inguzanyo yerekana amateka y`inguzanyo yawe, kandi banki ziyirebaho iyo usaba inguzanyo cyangwa ikarita y`inguzanyo.

**AMATEKA MEZA Y`INGUZANYO.** Niwishyurira ku gihe buri kwezi, amateka y`inguzanyo yawe azaba meza, kandi amabanki azemera kukuguriza no kuguha ikarita y`inguzanyo.

**AMATEKA MABI Y`INGUZANYO.** Nusiba kwishyura cyangwa ugakoresha ku ikarita yawe amafaranga aruta ayo ushobora kwishyura, uzagira amateka mabi y`inguzanyo. Ibi bisobanura ko bizaruhanya kugirango ubone inguzanyo cyangwa ikarita mu gihe kiri imbere.

Kwishyura buri kwezi ku nguzanyo yawe y`urugendo ni amahirwe yawe ya mbere yo kubaka amateka meza y`inguzanyo muri Amerika.

Iyo utishyuraga fagitire zawe igihe mu gihugu ukomokamo cyangwa igihugu wahawemo ubuhungiro, byagendaga bite?

INGUZANYO Y`URUGENDO



Ni ngombwa gushyira ku ruhande amafaranga yo kwishyura buri kwezi inguzanyo yawe y`urugendo. Ni yo mahirwe yawe ya mbere yo kubaka amateka meza y`inguzanyo muri Amerika. Ibuka ko gusiba ubwishyu bishobora gutuma ugira amateka mabi y`inguzanyo. Niba ufite ikibazo cyo kwishyura, bibwire ikigo cyawe gishinzwe gutuza ako kanya.

Jasmin yakiriye fagitire ye ya mbere y`inguzanyo y`urugendo. Yakoraga akazi k`amasha make gusa, yumva nta mafaranga afite yo kwishyuraho. Kuki ari ngombwa ko Jasmin yishyura, nubwo yakwishyura make?

KWISHYURA FAGITIRE

Ugomba kandi kwishyurira igihe buri kwezi ubukode bwawe na fagitire z`ibikenerwa. Iyo ukererewe kwishyura, uba wishe amasezerano yawe bikaba byagushyira mu bibazo by`amategeko. Ibibazo bishobora kugaragara kuri raporo y`inguzanyo yawe.

UMUTWE WA CYENDA 9

Naw Gay n`umugabo we ntibashobora gusoma Icyongereza. Umunsi umwe babona ibahasha mu gasanduku k`amabaruwa. Muriyo hari urupapuro ruriho amagambo. Ukwezi gukurikiyeho, babona indi bahasha. Hashize ibyumweru bike, amashanyarazi yabo ntiyakora. Naw Gay ahamagara umukozi ushinzwe idosiye ye, aza iwabo ahasanga amabaruwa. Naw Gay ntiyishyuye fagitire y`umuriro, bityo rero umuriro bawukuraho. Ni iki Naw Gay n`umugabo we bagombaga kuba barakoze? Ni nama ki wabagira?

Uzuza interuro zikurikira ku byerekeye kwishyura fagitire n`ibindi byishyurwa muri Amerika:

- ❒ Ibyishyurwa nzi muri Amerika ni….
- ❒ Fagitire nshya kuri njye ni ….
- ❒ Numva nzi neza …..
- ❒ Ibintu bintera indishyi ni ….

Ganira na mugenzi wawe ku byerekeye ibyishyurwa byo muri Amerika.

GUSOZA*

Hitamo ibisubizo byiza kuruta ibindi mu biri hasi aha, uhitamo neza. Dore urugero:

Ni uruhe rurimi ruvugwa n`abantu benshi muri Amerika?

a. Igishinwa.

(b.) Icyongereza.

c. Ikidage.

Benshi muri Amerika bavuga Icyongereza, rero igisubizo ni b. Icyongereza.

1. Ni ibihe mu bikurikira bifatwa nk`ibikenerwa?

   a. Amashanyarazi

   b. Gaze

   c. Gutwara imyanda

   d. Ibyo byose

2. Birahendutse kugurira ibiryo mu iduka ry`imiti kursha mu iduka rinini ry`ibiryo.

   a. Ni byo

   b. Si byo

* Ibisubizo by`ukuri byatanzwe ku Mugereka A ku ipaje ya 221.

3. Ni iyihe misoro mu ikurikira abaturage baba muri Amerika bishyura?

   a. Imisoro ku byinjira

   b. Imisoro ku mutungo bwite

   c. Imisoro ku byaguzwe

   d. Abantu ntibategetswe kwishyura imisoro muri Amerika.

   e. Ibisubizo a, b, na c

4. Ni he Abanyamerika benshi babika amafaranga yabo?

   a. Imuhira munsi y`uburiri.

   b. Muri banki isanzwe cyangwa muri credit union (yasobanuwe ku ipaje ya 119).

   c. Imuhira mu mutamenwa.

   d. Ku nshuti yizewe cyangwa umuvandimwe.

5. Inshuti yawe nibwo yari agitangira akazi, nyuma y`ukwezi yafashe ikarita y`inguzanyo. Yatangiye kugura intebe, ameza n`ibindi nk`ibyo bishya, imyenda n`ibindi bintu byinshi akoresheje ikarita y`inguzanyo. Ahembwa ahagije kwishyura ubukode no kugura ibiryo, ariko ntahembwa menshi ku buryo yakwishyura ibintu byose yaguze akoresheje ikarita ye y`inguzanyo. Bidatinze ntashobora kwishyura amafaranga ya buri kwezi mu ikompanyi y`amakarita y`inguzanyo. Ni bwoko ki bw`amateka y`inguzanyo azagira?

   a. Amateka mabi y`inguzanyo

   b. Amateka meza y`inguzanyo

10

Umutwe wa Cumi
KUBAHO MU MICO MISHYA NO GUHINDURA INSHINGANO

Kimwe n`abandi bavuye iwabo bagatura mu gihugu cy`amahanga, ushobora kuzagira impungenge n`ipfunwe mu gihe umenyera igihugu cyawe gishya. Kumva umeze gutyo ni ibisanzwe, kandi nyuma y`igihe birashira. Ushobora gukenera kuva ku myaka 2 kugeza kuri 5 ngo umenyere burundu imibereho yo mu gace kawe gashya. Imimenyerere yawe izoroha nukorana n`abari kugufasha kandi nubagirira ukwihangana, ukaberurira kandi ukababwiza ukuri. Ikindi, kwiga Icyongereza udatindiganije bizagufasha kumenyera. Kwiga kuba mu muco mushya ntibyoroshye, ariko bishobora kuba ibihe byiza byo kwiga uko ugenda umenya ibintu bishya ununguka ubuhanga bushya.

Uyu mutwe uravuga ku

» Kubaho mu mico mishya
» Guhangana n`igongana ry`imico n`intugunda
» Guhindura inshingano mu muryango.

Kwiga kuba mu kindi gihugu bifata umwanya. Kumenyera kwawe bizoroha kurushaho nufatanya n`abagufasha kandi ukagererageza kwiga Icyongereza vuba bishoboka.

AMAGAMBO FATIZO Y` ICYONGEREZA

Amagambo y`Icyongereza akurikira akoreshwa iyo bavuga ku kubaho mu mico mishya no guhindura inshingano bibaho mu gihe cyo gutuzwa muri Amerika. Aya magambo kuyiga bizakugirira akamaro.

Vuga ijambo mu Cyongereza. Ryandike mu rurimi rwawe kavukire. Noneho shushanya icyo iryo jambo rivuga, andika icyo risobanuye, cyangwa urikoreshe mu nteruro. Icya mbere bakigukoreye.

Mu Kinyarwanda	Mu Cyongereza	Shushanya ishusho rijyanye n`ijambo, andika inyito yaryo, cyangwa se rikoreshe mu nteruro
Gusigarana abana	child care	*Gusigarana bana ni igikorwa cyo kwita ku bana b`abandi bikozwe n`ikigo cyabugenewe, umuyaya, cyangwa umukozi urera abana.*
	culture	
	culture shock	
	diversity	
	retirement	
	traditions	
	values	

10 KUBAHO MU MICO MISHYA NO GUHINDURA INSHINGANO

Impunzi nyinshi zigumana imigenzo n`ingenagaciro bya kera ari nako ziga imigirire mishya y`Ikinyamerika.

KUMENYERA UMUCO MUSHYA

Nk`umuntu ukiza, uzagomba kwiga iby`imico n`ingenagaciro by`Abanyamerika. Ariko ibi ntibivuga ko ugomba guta iby`umuco wawe bwite byose. Ndetse ahubwo, impunzi nyinshi zibasha kugumana imigenzo n`ingenagaciro byazo ari nako ziga imigirire mishya yo muri Amerika. (Ku bisobanuro birambuye ku ngenagaciro z`umuco w`Amerika, reba umutwe wa 2). Ushobora kandi kugira umwanya wo kugaragaza umuco wawe mu batuye mu gace kawe.

Sabah yumva arimo abantu babiri. Ku kazi, akenshi atanga ibitekerezo bye akanakorana n`abagabo. Imuhira, ni umubyeyi n`umugore gakondo. Arateka agakora isuku, akita ku bana, kandi akemera ibyo umugabo avuze. Iyaba wari Sabah wakumva umeze ute? Wareka ibice byawe byombi bigatandukana, cyangwa washaka uko ubihuza?

Tekereza ku ngenagaciro zimwe na zimwe zishobora kuba zaba zikomeye kuri wowe. Izi zishobora gukubirwamo ko abana bawe biga, kuba mu gace gatekanye, gushobora kuvuga mu bwisanzure, cyangwa gukora iby` idini ryawe.

Andika cyangwa ushushanye mu nziga ziri hasi aho zimwe mu ngenagaciro wumva ko zikomeye cyane. Urugero, zishobora kubamo umuryango wawe, ubuzima, cyangwa imali itajegajega.



Zimwe mu ngenagaciro muri Amerika zishobora kunyurana n`ingenagaciro utekereza ko zikomeye cyane. Bizaba ngombwa ko ushaka uko uhuza (ibyo) bice bibiri by`ingenagaciro.

Myo Myint na Yin Nwe ni umugabo n`umugore. Bageze muri Amerika bagerageje uko bashoboye gushakira umuryango wabo imibereho isa n`iyo bari bafite mu gihugu bakomokamo. Ariko Yin Nwe yabashije kubona akazi mbere, bityo Myo Myint biba ngombwa ko ajya asigara imuhira akarera abana akanatunganya inzu. Hashize igihe, Myo Myint yabonye akazi k`amasaha make, ariko akazi ka Yin Nwe kahembaga menshi rwose. Wakumva umerewe ute ibi bikubayeho?

---

10 KUBAHO MU MICO MISHYA NO GUHINDURA INSHINGANO

Ingorane z`umuco mushya n`igihunga ni ibisanzwe. Uwo ari we wese ubaye ahantu hashya ashobora kubigira.

UMUVIRINGO WA U WO KUBAHO MU MICO MISHYA

Imbonerahamwe iri hasi aho irerekana inzego zimenyerewe zo kubaho mu muco mushya abantu benshi banyuramo iyo bimukiye cyangwa batembereye ahantu hashya.



IGIHE CYA BUKI	IGONGANA RY`IMICO	KUBAHO	KUMENYERA
Ibihe by`ubwuzu n`umunezero, aho byose biba aribishya kandi biteye ubwuzu kandi ari byiza. Akenshi ibi bibaho ako kanya nyuma yo kugera mu gace gashya.	Ibihe by`impungenge no gushoberwa aho umushyitsi agerageza kubaho mu kandi gace atanamenyereye	Ibihe byo gutuza aho umushyitsi asohoka mu igongana ry`imico kandi agatangira kumva afite ubwisanzure mu gace gashya	Ibihe byo kumererwa neza mu buzima n`umuco mushya, nubwo rimwe na rimwe haba hakiri ibihe bigoye.

Ibintu byatangiye neza cyane kuri Tara. Yahereyeko abona akazi, abana be bari bishimiye ishuri, n`Icyongereza cye cyariyongereye uko yakivuganaga n`inshuti ze nshya. Ariko hashize nk`amezi 6 ageze muri Amerika, Tara yatangiye gukumbura iwabo. Umuhungu we atangira kugira ibibazo ku ishuri, kandi atazi uko yamufasha. Ukurikije Umuviringo wa U wo kubaho mumico mishya, ni iki bigaragara ko kizakurikiraho? Uratekereza ko bizafata igihe kingana iki ngo Tara atangire kumva ameze neza? Wakora iki iyaba wari Tara? Wabiganirira nde?

KUBANA N` IGONGANA RY` IMICO N` INTUGUNDA

Iyo uri mu igongana ry`imico, akenshi wumva ari nta cyo ushoboye kandi ugira ipfunwe ryo kuba mu gihugu utumva ibyacyo. Igongana ry`imico rirasanzwe. Uwo ari we wese ubaye ahantu hashya ararigira.

Niba uri mu bihe by`igongana ry`imico, dore kumwe mu kuntu wakumva umeze:

- ❒ Kugira ipfunwe ritewe n`uko utabasha gukora utuntu duto nko guhaha cyangwa gutega ibitwara abantu n`ibintu rusange.
- ❒ Kumva unaniwe ku manywa cyangwa utabasha gusinzira nijoro.
- ❒ Kugira umujinya cyangwa uburakari.
- ❒ Kumva nta kigushishikaje cyangwa kugira ishavu.
- ❒ Kugira agahinda utazi impamvu.
- ❒ Kumva udashaka kurya.

Mary Paw ni umuntu usanzwe anezerewe anakerebutse. Ariko nyuma y`amezi hafi 4 muri Amerika, aracecetse kandi arababaye. Biramugora kubyuka mu gitondo ngo akore imirimo isanzwe nko kwishyura fagitire, guhaha, no gukora. Mary Paw atangiye kuvuga ibyo gusubira iwabo no kutita ku biryo. Ni iki Mary Paw yagombye gukora? Ni nde akwiriye kubiganirira? Iyaba wari uzi Mary Paw, wabasha kumufasha iki?

10 KUBAHO MU MICO MISHYA NO GUHINDURA INSHINGANO

Uburyo bwo guhangana n`ingorane z`umuco mushya zishobora kubamo guhura n`inshuti, gukora siporo, cyangwa kuvugana n`abafasha mu by`idini cyangwa ibya roho.

Tekereza kuri uku kumererwa.

- ❒ Muri ibi ni ibihe byigeze kukubaho?
- ❒ Ubwo wumvise umeze utyo, ni iki cyagufashije kumererwa neza?

Ganira n`inshuti yawe kuri ibi bitekerezo. Baza inshuti yawe ibindi bitekerezo.

Kumva umeze gutya ni ibintu bimenyerewe kandi bisanzwe, kandi akenshi, iyi mimerere nyuma y`igihe irarangira. Abenshi mu bakiza muri Amerika bumvise bameze batyo, baza gukomera kandi biyongera ubushobozi uko bagendaga babibamo.

Ibyishimo bya Grace by`ubuzima bwe bushya birakendera uko ibintu bigenda bikomera n`intugunda ifata icyicaro. Afite indishyi, umujinya we arawutura umuryango we. Abivugana n`umukozi ushinzwe idosiye ye, maze afasha Grace kubona umujyanama abiganirira. Abonana n`umujyanama rimwe mu cyumweru. Inama zabo zitwara igihe, ariko Grace atangiye koroherwa. Bidatinze atangiye kugarurira icyizere agace ke gashya. Ibintu biragenda neza! Ni iki Grace yakoze ubwo yumvaga afite indishyi? Ni ibihe bintu Grace yashoboraga kuba yarakoze mu guhangana n`ikibazo cyo kwinjira mu muco mushya? Kuki byari ngombwa ko Grace abona ubufasha?

Rimwe na rimwe intugunda y`igongana ry`imico ishobora kubyara umwiryane mu muryango ndetse n`indwano imuhira. Ni ngombwa ko utahura intugunda ikurimo, ukamenya aho ituruka, kandi ugashyiraho uburyo bwiza bwo guhangana nayo.

Menya ibigutera igihunga bityo ushake umuti wabyo. Kandi wibuke ibintu bibiri. Icya mbere cyo, kugorwa n`umuco mushya ni ibisanzwe. Abandi benshi bumva bameze nk`uko kwawe. Icya kabiri, ibintu bizatungana!

Bimwe mu bintu wakoraga mu gihugu ukomokamo cyangwa igihugu wahawemo ubuhungiro iyo wumvaga ufite agahinda ni ibiki?

Imico inyuranye n`abantu banyuranye bahangana n`igongana ry`imico mu buryo bunyuranye. Ushobora kuba wararangije gushyiraho uburyo bwawe bwo guhangana na byo, nko:

- ❒ Kurya neza, gukora imyitozo ngororangingo, no gusinzira bihagije.
- ❒ Guhura n`inshuti zange cyangwa kujya mu bikorwa mbonezamubano cyangwa mbonezamuco.
- ❒ Kwiha intego bwite.
- ❒ Kwegera abafasha b`ibidini cyangwa ba roho.
- ❒ Gukora icyo nishimiye cyangwa kumva muzika menyereye.
- ❒ Kujya mu matsinda y`abantu bakomoka mu gihugu cyanjye cyangwa mu bwoko bwanjye.

Ahmed yatunguwe n`ukuntu atatinze guhura n`ikibazo cyo kwinjira mu muco mushya aho agereye muri Amerika. Yakumbuye umuryango we n`inshuti ze, kandi buri kintu cyose cyasaga naho ari gishya kandi atakimenyereye. Ntiyasinziraga neza, kandi igihe cyose yumvaga ananiwe kandi atishimye. Nyuma y`ibyumweru bike, Ahmed abiganirira umukozi ushinzwe idosiye ye, ubwo umukozi ushinzwe idosiye ye afasha Ahmed kubona umujyanama wo kuvugana nawe. Ahmed yari afite impungenge zo kubwira umuntu atazi, uko amerewe, ariko nyuma y`igihe yashize igishyika cy`umujyanama we ubwo ibintu bitangira kugenda neza. Ni iki gikomeye mu buryo Ahmed yitwaye mu kibazo cye? Ni ibihe bintu bindi Ahmed yashoboraga kuba yarakoze ngo yifashe?

Shushanya cyangwa wandike ku byerekeye uburyo bwiza wahanganamo n`igongana ry`imico.

Ibi biganireho na mugenzi wawe.

10 KUBAHO MU MICO MISHYA NO GUHINDURA INSHINGANO

Guhinduka kw` imyanya mu muryango ni cyo cya mbere mu gutera igihunga mu byerekeye gutuzwa

Bakiza, Poe Kyaw, umuhungu wa May Htoo yagiye kwiga mu mashuri akurikira abanza (middle school). Poe Kyaw yamenye Icyongereza vuba kurusha nyina. Poe Kyaw akajya ajyana na May Htoo mu byo ajyamo hanze ngo amufashe mu Cyongereza, akanasemurira May Htoo ibyandikwa byo mu ishuri. Murumva May Htoo amerewe ate muri ibyo bintu? Naho se Poe Kyaw? Ibi byashobora guhindura imibanire yabo? Gute? Wakora iki bimeze bitya?

GUHINDURA URUHARE MU MURYANGO

Ku mpunzi nyinshi, kimwe mu bibazo bikomeye kuruta ibindi muri Amerika, ni uguhindura imyanya mu muryango. Ababyeyi b`abagabo, ababyeyi b`abagore, ingimbi, abana bato, n`abasheshe akanguhe bose basanga imibereho muri Amerika ishobora guhindura imibanire hagati yabo. Iki ni igice gisanzwe kijyanye no gutuzwa, ariko gishobora kubyara ibibazo ubwa mbere.

Pradeep yazanye muri Amerika n`umukobwa we wari ukuze, n`umugabo we [umukwe], n`abana babo bato batatu. Pradeep byaramugoye kwiga ururimi, bityo ntasohoke mu nzu kenshi. Pradeep yababazwaga n`uko abuzukuru be batashakaga kuvuga ururimi rwabo bwite cyangwa kugumana nawe ngo bumve inkuru ze ku buzima bw`iwabo. Rimwe na rimwe ndetse baburiraga ababyeyi babo ikinyabupfura. Pradeep ari kunyura mu bihe bihe? Ni gute imyanya mu muryango wabo iri guhinduka? Iyaba wari Pradeep, wakoze iki?

Shushanya amashusho cyangwa wandike mu mbonerahamwe iri hasi aho, abantu bazabana mu muryango wawe (nawe urimo) muri Amerika. Hanyuma tekereza ku ruhare rwabo rwo hambere n`urw`ubu mu muryango. Zirikana uko uruhare mu muryango rushobora kongera guhinduka ubwo muzaba muba muri Amerika.

Uwo mu muryango	**Uruhare rwahoze ari urw`umuntu mu gihugu ukomokamo ni uruhe?**	**Uruhare rwawe rwari uruhe mu gihugu ukomokamo cyangwa igihugu wahawemo ubuhungiro?**	**Ni gute uruhare rushobora guhinduka muri Amerika?**
Urugero: umubyeyi, umwana, umuvandimwe	*Urugero: umunyeshuri, mukuru wanjye cyangwa mushiki wanjye mukuru*	*Urugero: umutetsi, umusemuzi, mukuru wanjye cyangwa mushiki wanye mukuru*	*Urugero: umwana afite akazi, umugore yiga Icyongereza (ESL)*

10 KUBAHO MU MICO MISHYA NO GUHINDURA INSHINGANO

Abanyamerika bemera uburinganire bw`umugabo n`umugore, kandi baha agaciro ubwigenge bw`abagabo kimwe n`ubw`abagore.

ABAGABO N`ABAGORE

Ari abagabo ari abagore bose bashobora kugira ibibazo byo kumenyera uruhare rw`abagabo n`abagore muri Amerika. Abanyamerika bemera uburinganire bw`ibitsina, kandi baha agaciro ubwigenge bw`abagabo kimwe n`ubw`abagore. Mu miryango myinshi, ari umugabo ari umugore bombi barakora, kandi barasimburana kwita ku bana. Mu miryango imwe n`imwe, umugore akorera meshi kurusha umugabo. Mu yindi miryango, umugore aba afite akazi, umugabo ari nta ko afite. Nk`aha, kwita ku bana mu gihe batagiye kwiga bizaba bireba umugabo. Iyo bimeze bitya, impunzi zimwe na zimwe z`abagabo zumva zaratakaje uruhare rwazo rw`ubutware mu muryango. Zimwe mu mpunzi z`abagore zishobora kugira intugunda mu gihe zifashe uruhare rushya, nko gukorera amenshi mu mafaranga umuryango ukenera. Gufashanya hagati yabo, kimwe no kubwirana byose no kubwizanya ukuri, bishobora kuzana ubwumvikane hagati y`abashakanye.

Adam n`umugore we bombi barakora. Ariko akazi ka Fatima gahemba menshi kandi kishyurira umuryango ubwishingizi bw`ubuzima. Mu mpeshyi, Adam agomba kumara igihe gito ku kazi kugirango yite ku bana imuhira. Iyaba wari Adam, wakumva umerewe ute? Ibi wabyitwaramo ute? Ubaye ufite indishyi, wakora iki?

IBITEKEREZO BIVUYE MU MPUNZI

"Nari mfite intego yo kuza muri Amerika, bityo rero naranezerewe rwose ngeze hano."

"Nta na rimwe mvuga ngo 'Hano byose biratunganye, byose biroroshye', oya. Ubuzima ntibworoshye, ariko nibura wumva utekanye. Ushobora kujya ku kazi ukagaruka nta nkomyi. Ni umugisha ukomeye."

"Iyo natekerezaga uko ubuzima buzaba bumeze muri Amerika, naburaga amahoro…Ariko hano mpabaye umwaka kandi maze kumenyera imibereho yaho."

"Hano, iyo ubonye akazi kandi uvuga ururimi, ubuzima burushaho koroha."

"[T]watekerezaga ko ubuzima buzaba bwiza kurushaho muri Amerika. Twatekerezaga ko bizaba byiza kurushaho, bitari gusa kuri twebwe, ahubwo no ku bana. Byose byabaye byiza kugeza ubu."

"Iwacu dukorera hamwe (mu [ma] itsinda), urabyumva. Turasangira, dukorera …hamwe, kandi tuvuga ururimi rwacu rwa gakondo. Nkumbuye babyara banjye, inshuti zanjye. Kuri njye, ntibyoroshye kuba muri Amerika, ariko ni byiza ku muryango wanjye."

10 KUBAHO MU MICO MISHYA NO GUHINDURA INSHINGANO

Gutuzwa bishobora kugorana cyane ku ngimbi mu gihe bamenyera ubuzima mu muco mushya ari nako basabwa kwitwararika umuco wa kera imuhira no mu nce zabo.

Impunzi zikuze zishobora kumva zititaweho cyangwa zigunze mu gihe zica mu ngorane zo kwiga ururimi rushya n`umuco.

ABAKIRI BATO

Gutuzwa bishobora kugorana ku bakiri bato, cyane cyane ku ngimbi. Bagomba kumenyera ubuzima mu muco mushya, ari nako basabwa kugumana umuco wabo gakondo imuhira no mu gace kabo. Ibi kandi bagomba kubikora mu gihe banyura mu bihe by`impinduka z`imikurire bava mu bugimbi baba abantu bakuru.

Kubera ko akenshi biga Icyongereza vuba kurusha ababyeyi babo, abakiri bato bashobora gusabwa gusemurira ababyeyi, bikabaha urundi ruhare. Akenshi bagomba gukora no kwiga icyarimwe. Ababyeyi babo bashobora kumva batabashije kubafasha bitewe n`imyumvire mike y`imikorere y`amashuri yo muri Amerika.

Gerageza kumva ibihe abana barimo kugirango ushobore kubafasha!

Akenshi ingimbi zumva zidashobora kuvugana n`ababyeyi bazo ku byerekeye intugunda z`ubuzima bwazo. Iyo izi ntugunda zibaye nyinshi birenze, abakiri bato bamwe bajya mu bikorwa bishobora kubagirira nabi cyagwa bikagirira nabi abandi. Bashobora gutangira gusiba ishuri, kujya mu gatsiko, cyangwa kunywa ibiyobyabwenge. Shishikariza abana bawe kukuganirira ku byo bari gukora n`uko bumva bameze. Ikindi, bashishikarize kujya mu bikorwa by`ishuri, nka siporo, cyangwa imirimo rusange aho bashobora kuba bari kumwe n`abandi bo mu kigero cyabo. Ibi bishobora kubafasha kumenyera neza agace kabo gashya.

Bhim umuhungu wa Balaram yari mu mashuri yisumbuye. Bhim yari afite inshuti kandi yiga neza. Yasaga nk`unezerewe. Ariko rimwe, Colleen umuturanyi w`Umunyamerika wa Balaram, abwira Balaram ko yabonye Bhim ari kumwe n`abana bakundaga guteza ibibazo. Colleen yagiriye Balaram inama yo kuvugana na Bhim mbere y`uko nawe atangira kugira ibibazo. Iyaba wari Bakaram, wakoze iki?

Shishikariza abana bawe kuvugana nawe. Uzarushaho kubumva!

ABASHESHE AKANGUHE

Guhindura uruhare kandi bigora abasheshe akanguhe, bashobora kumva batakaje umwanya bahoranye nk`isoko y`ubumenyi n`ubushishozi mu muryango no mu gace. Ibibazo byo kwiga ururimi rushya n`umuco mushya, kimwe n`ingorane z`umubiri, bishobora gutuma bumva batereranywe kandi bari mu bwigunge. Abasheshe akanguhe bashobora gusanga batagifite umwanya w`icyubahiro mu muryango.

Abasheshe akanguhe kandi bashobora kugira ingorane z`ubukungu. Impunzi z`abasaza zimwe na zimwe zagombaga kujya mu kiruhuko cy`iza bukuru no guhabwa pansiyo zishobora gusanga zikigomba gukora, cyane cyane iyo ziri munsi y`imyaka 65. Impunzi zirengeje imyaka 65 zishobora gusanga muri Amerika ibitangwa atari byo zari ziteze, ibihabwa ibimuga bidashobora kwishyura amafaranga yo kwivuza, n`imiryango idashobora kubafasha nkuko yabigiraga mu gihugu bakomokamo.

Alaso yari afite imyaka 61 kandi yari amaze imyaka myinshi agiye mu kiruhuko cy`iza bukuru, ubwo yasangaga abana be muri Amerika. Alaso yari azi ko umuryango we utari ufite amafaramga menshi. Byari hamana ko babona ayo kwishyura ibyishyurwa byabo. Alaso yatunguwe no kuba atarashoboraga kubona imfashanyo ya guverinoma.  Mbese guverinoma yari izi ko yagiye mu kiruhuko cy`iza bukuru? Wari kumva umuze ute iyo uba Alaso? Wari gukora iki?

Izi ngorane zose zishobora gutera abasheshe akanguhe agahinda n`ibindi bibazo byo mu mutwe. Gushishikariza abasheshe akanguhe kujya mu bikorwa no kubonana n`abandi, nk`urugero, kujya mu mashuri y`Icyongereza, bizabafasha kumva bakomeye kandi bafite icyo bakora.

Impunzi zikuze nyinshi zibaho ubuzima bwiza muri Amerika zigira inshuti zikanagira uruhare mu bikorwa by`umuryango n`agace.

10 KUBAHO MU MICO MISHYA NO GUHINDURA INSHINGANO

Niba wowe cyangwa uwo mu muryango wawe hari na rimwe mwumvise mutabashije guhangana n`igihunga cy`ubuzima bushya muri Amerika, nimwihutire gushaka ubufasha.

Subira ku mbonerahamwe ku byerekeye abagize umuryango ku ipaje ya 135.Ushingiye ku bimaze kuvugwaho, mbese ushobora kugaragaza irindi hinduka ry` uruhare cyangwa ihinduka ry`uruhare ritandukanye wowe cyangwa undi wo mu muryango wawe mushobora guhura na ryo muri Amerika? Subira mu mbonerahamwe uko bikenewe.

Ni gute mu muryango wawe mufashanya mu gikorwa cyo gutuzwa?

GUSHAKA UBUFASHA

Niba wowe cyangwa uwo mu muryango wawe hari na rimwe mwumvise mutabashije guhangana n`intugunda z`ubuzima bushya muri Amerika, nimwihutire gushaka ubufasha. Ibibazo byerekeye guhindura uruhare mu muryango bivuge mu Mahugurwa mbonezamuco cyangwa ubiganire n`umukozi ushinzwe idosiye yawe muri Amerika. Ikigo cyawe gishinzwe gutuza gishobora kukubonera abagufasha gushyiraho uburyo bwo guhangana no kugarura mu buryo ibibazo by`intugunda imuhira.

Tekereza ku buryo bwo gusaba ubufasha mu gihe wumva washobewe kandi ufite ipfunwe. Mu mukino wo kwigana, bwirana na mugenzi wawe uko mwumva mumerewe kandi musabe ubufasha

- ❒ Umuntu1: Uraho! Amakuruki yawe none?
- ❒ Umuntu2: Uyu munsi simeze neza?
- ❒ Umuntu1: Ikibazo ni ikihe?
- ❒ Umuntu2: Ndababaye.
- ❒ Umuntu1: Ibyo birambabaje. Ni iki kikubabaje?
- ❒ Umuntu2: Nkumbuye umuryango wanjye.

Niba ufite ingorane zo kuvuga uko umerewe, reba ku Mugereka C: Amasura y`amarangamutima ku ipaje ya 226 hari inama.

GUSOZA*

Hitamo ibisubizo byiza kuruta ibindi mu biri hasi aha, uhitamo neza. Dore urugero:

Ni uruhe rurimi ruvugwa n`abantu benshi muri Amerika?

a. Igishinwa.

(b.) Icyongereza.

c. Ikidage.

Benshi muri Amerika bavuga Icyongereza, rero igisubizo ni b. Icyongereza.

1. Kumenyera burundu agace kawe gashya bishobora gufata kuva ku myaka 2 kugera kuri 5.

   a. Ni byo.

   b. Si byo .

2. Mu bikurikira ni izihe nzira wakoresha mu guhangana n`intugunda n`igongana ry`imico?

   a. Gusangira ibyo kurya n`inshuti.

   b. Kujya mu gikorwa cy`idini

   c. Kumva muzika ukunda.

   d. Kwifungirana mu cyumba cyawe mu gihe cy`iminsi itatu.

   e. Ibisubizo a, b, na/cyangwa c byaba byiza mu guhangana n`intugunda n`igongana ry`imico.

3. Ibiganiro byeruye kandi by`ukuri mu bagize umuryango bizafasha koroshya igikorwa cyo kumenyera.

   a. Ni byo.

   b. Si byo.

* Ibisubizo by`ukuri byatanzwe ku Mugereka A ku ipaje ya 221.

4. 4. Niba uri mu kibazo cy`igongana ry`imico, ni gute ushobora kumva umeze?

   a. Kugira umujinya no kurakara.

   b. Kumva ubabaye.

   c. Kumva unezerewe.

   d. Kumva udashaka kurya.

   e. Ibisubizo a, b, na/cyangwa d.

5. Ni nde ushobora guhindura uruhare rwe mu muryango muri Amerika?

   a. Abagabo n`abagore.

   b. Ingimbi.

   c. Abantu basheshe akanguhe.

   d. Abo bose

Umutwe wa Cumi n`Umwe

UBURENGANZIRA N`INSHINGANO MU MATEGEKO Y`AMERIKA

Amategeko y`Amerika agenewe kurinda uburenganzira bw`abantu bose, kandi wagombye kugira ubumenyi shingiro ku burenganzira uhabwa n`amategeko n`inshingano zawe.

Uyu mutwe uravuga ku

» Uburenganzira n`inshingano byawe
» Amategeko y`Amerika wagombye kumenya
» Urwego rwawe rwemewe n`amategeko n`ubwenegihugu.

Amategeko yo muri Amerika agenewe kurinda uburenganzira bw`abantu bo muri Amerika.

AMAGAMBO FATIZO Y` ICYONGEREZA

Amagambo y`Icyongereza akurikira akoreshwa iyo bavuga ku burenganzira n`inshingano mu mategeko y`Amerika. Aya magambo kuyiga bizakugirira akamaro.

Vuga ijambo mu Cyongereza. Ryandike mu rurimi rwawe kavukire. Noneho shushanya icyo iryo jambo rivuga, andika icyo risobanuye, cyangwa urikoreshe mu nteruro. Icya mbere bakigukoreye.

Mu Kinyarwanda	Mu Cyongereza	Shushanya ishusho rijyanye n`ijambo, andika inyito yaryo, cyangwa se rikoreshe mu nteruro
urukiko	court	
	judge	
	jury	
	law	
	law office	
	lawyer or attorney	
	legal clinic	
	responsibilities	
	rights	
	U.S. Constitution	

11 UBURENGANZIRA N` INSHINGANO MU MATEGEKO Y` AMERIKA

Nk` impunzi, ufite uburenganzira shingiro bumwe n` ubw` undi wese uba muri Amerika.

Muri Amerika, ushobora guhanwa iyo wishe itegeko, n` ubwo waba utari uzi iby` itegeko wishe.

Ni burenganzira ki wari ufite mu gihugu ukomokamo cyangwa igihugu wahawemo ubuhungiro? Inshingano zawe zari izihe? Ganira na mugenzi wawe kuri bumwe muri ubu burenganzira n`izi nshingano.

UBURENGANZIRA BWAWE

Nk`impunzi ufite uburenganzira remezo bumwe n`ubw`undi wese uba muri Amerika. Ubu burenganzira burimo ubwo kutaniganwa ijambo, ubwo kujya mu idini ushaka, n`ubwo kwishyira hamwe n`abandi. Abatuye muri Amerika mu buryo bwemewe n`amategeko, barimo n`impunzi, bafite uburenganzira bumwe mu byerekeranye n`akazi, amazu yo guturamo, amashuri, na serivise za guverinoma.

KURINDWA IVANGURA

Amategeko y`Amerika aziriza ivangura rishingiye ku nkomoko, idini, cyangwa ubwoko. Nuvangurwa cyangwa ukamburwa uburenganzira bwawe bitewe n`uko usa cyangwa ururimi uvuga, ufite uburenganzira bwo kwitabaza amategeko.

UMUTWE WA CUMI N` UMWE 11

Patricia yiteguye kwimukira mu nzu nini bityo avugana na nyir`inyubako iri hafi aho ku byerekeye gukodeshamo inzu. Nyir`inzu abwira Patricia ko adashobora kuba mu nzu kubera ko adakodesha n`impunzi. Patricia abaza impamvu, nyir`inzu amubwirako yigeze kugirana ibibazo n`umuryango w`impunzi mu myaka mike ishize. Kuki iri ari ivangura? Ni iki Patricia ashobora gukora?

URI UMWERE IGIHE CYOSE UTARAHAMWA N`ICYAHA

Iyo ushinjwa icyaha muri Amerika, ufatwa nk`umwere kugeza uhamijwe icyaha. Ufite uburenganzira bwo kugira avoka wo kukuburanira mu rukiko. Iyo udashobora kumwishyura, urukiko rwishyura ukuburanira.

Tekereza ku burenganzira n`inshingano muri Amerika ugereranije no mu gihugu ukomokamo cyangwa igihugu wahawemo ubuhungiro.

- ❒ Uburenganzira muri Amerika no mu gihugu cyawe bifitanye iyihe sano?
- ❒ Bitandukaniye he?
- ❒ Inshingano zifitanye iyihe sano?
- ❒ Zitandukaniye he?

Ganira na mugenzi wawe kuri iyi misusire n`itandukaniro.

INSHINGANO ZAWE

Muri Amerika, ushobora guhanwa iyo wishe itegeko, n`ubwo waba utari uzi itegeko wishe. Igihano ku byaha bimwe na bimwe gishobora kuba gusubizwa mu gihugu ukomokamo. Kubera iyi mpamvu ni ngombwa rwose kumenya no kubahiriza amategeko.

Hari ubwoko butatu bw`amategeko muri Amerika:

AMATEGEKO YO KU RWEGO RWA LETA NKURU, nk`amategeko yo kurwanya icuruzwa ry`ibiyobyabwenge, areba umuntu wese uba muri Amerika.

AMATEGEKO YO KU RWEGO RWA LETA NTO anyurana bitewe na leta. Urugero, muri leta zimwe na zimwe ushobora kubona uruhushya rwo gutwara ufite imyaka 16, ariko mu zindi, ugomba kugira imyaka 18.

AMATEGEKO YO MU GACE agenga umujyi cyangwa intara (county) runaka.

11 UBURENGANZIRA N` INSHINGANO MU MATEGEKO Y` AMERIKA

Abantu muri Amerika ntibanywa cyangwa ngo bagure inzoga kugeza bagize imyaka 21.

Kirazira gusiga abana (bato) nta muntu mukuru ubasigiye.

Ugomba kumva amategeko y`Amerika kuberako amenshi muri yo atandukanye n`amategeko yo mu gihugu ukomokamo. Hasi aho hari ibintu bya ngombwa wagombye kumenya ku mategeko y`Amerika.

Iri tegeko rigenga:	Igisobanuro cy`itegeko:	Mbese mu gihugu ukomokamo cyangwa mu gihugu wahawemo ubuhungiro, hari itegeko risa n`iri?
Ibiyobyabwenge	Kirazira kugura, kugurisha, cyangwa gukoresha (ibiyobyabwenge) imiti imwe n`imwe, nka heroyine na kokayine. Niwica iri tegeko, ushobora gukatirwa gusubizwa iwanyu.	
Kunywa itabi	Ahantu hamwe na hamwe, kirazira kunywa itabi mu ruhame nko mu nzu za sinema cyangwa z`ibiro, no mu maresitora menshi. Niba unywa itabi, baza ikigo cyawe gishinzwe kwimura ibyerekeye amategeko mu gace kawe.	
Inzoga	Muri Amerika abantu ntibemerewe kunywa cyangwa kugura inzoga batarageza ku myaka 21. Ahantu henshi kandi, kirazira kunywera ibinyobwa bisindisha ku muhanda cyangwa hanze, uretse ahantu runaka, nk`utubare cyangwa za resitora. Ikindi, gutwara wanyoye (DUI) bishobora kukuviramo gutakaza uruhushya rwawe rwo gutwara, no/cyangwa gufungwa.	
Gutwara	Kirazira gutwara imodoka udafite uruhushya rwo gutwara rw`Amerika, cyangwa wanyoye inzoga. Ikindi , leta nyinshi zifite amategeko agenga kwambara umukandara wo mu modoka. Ababyeyi bategetswe kwambika abana umukandara wo mu modoka na cyane cyane gushyira impinja mu dutebe twabugenewe two mu modoka. Hariho bene ayo mategeko agenga umukandara wo mu modoka ku bakuze.	

Iri tegeko rigenga:	Igisobanuro cy`itegeko:	Mbese mu gihugu ukomokamo cyangwa mu gihugu wahawemo ubuhungiro, hari itegeko risa n`iri?
Gushakana n`abantu benshi	Gushyingiranwa n`abarenze umwe (polygamy) birabujijwe.	
Ihohoterwa ryo ku mubiri	Kirazira gukorera uwo mwashakanye cyangwa umwana ihohoterwa ryo ku mubiri (gukubita). Ikigo gishinzwe kurinda abana ihohoterwa gishobora gutwara umwana ukubitwa.	
Kurera abana	Kirazira gusiga abana ari nta muntu mukuru ubareba. Nubwo leta nke cyane zashyizeho imyaka amategeko yemera ko umwana ashobora gusigara imuhira wenyine, abana bayingayinga imyaka 12 no musi ntibagombye gusigara bonyine. Mu bihugu bimwe na bimwe, abana bakuze bita ku bana bato kuri bo, ariko muri Amerika, abana bato bagomba gusigaranwa n`umuntu mukuru. Gusiga umwana ntawe umusigiye bifatwa nko kumutererana kandi bishobora kuvamo ko umwana atwarwa n`ikigo gishinzwe kurinda abana ihohoterwa.	
Imibonano mpuzabitsina n`abana & ihohoterwa rishingiye ku gitsina	Imibonano mpuzabitsina n`abana (uwo ari we wese utaragira imyaka 18) irabujijwe muri leta nyinshi. Ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikorewe umwana rishobora kuvamo gukatirwa igifungo no gusubizwa iwanyu.	

11 UBURENGANZIRA N` INSHINGANO MU MATEGEKO Y` AMERIKA

Iri tegeko rigenga:	Igisobanuro cy`itegeko:	Mbese mu gihugu ukomokamo cyangwa mu gihugu wahawemo ubuhungiro, hari itegeko risa n`iri?
Ihomera rishingiye ku gitsina	Amagambo cyangwa imyifatire isesereza biganisha ku gitsina mu kazi (ihomera rishingiye ku gitsina) birabujijwe.	
Imbunda	Hari amategeko agenga imigurire, imigurishirize, n`imikoreshereze y`imbunda. Aya mategeko ahinduka bitewe na leta.	
Guhiga no kuroba	Ahantu henshi, kirazira guhiga cyangwa kuroba utabifitiye uruhushya.	
Ibidukikije na za parike kamere	Hari amategeko arinda ibidukikije na za parike kamere. Urugero, muri parike zimwe, kirazira gucana umuriro cyangwa kunywa isegereti. Muri parike zose, abaje gukambika bagomba gutwara imyanda yabo iyo batashye.	
Ubugome ku nyamaswa	Leta zimwe na zimwe zifite amategeko abuza kugirira nabi inyamaswa. Baza ikigo cyawe gishinzwe gutuza ibyerekeye amategeko yo mu gace kawe	

UMUTWE WA CUMI N` UMWE 11

Ganira na mugenzi wawe ibyerekeye amategeko y`Amerika yavuzwe ku mapaje abanza.

- ❒ Ayakorohera kubahiriza ni ayahe?
- ❒ Ayakugora kubahiriza ni ayahe ?

Zirikana ibyabaye bikurikira:

Othman ashyize *mayirungi* mu isaho rye mbere yo kurira indenge aza muri Amerika. Ageze ku cyambu cy`urwinjiriro, mayirungi ikuwemo na Othman ajyanywe mu cyumba kubazwa. Othman yari azi ko atashoboraga kuzana ibiyobyabwenge muri Amerika, ariko ntiyari azi ko mayirungi itemewe muri Amerika. Ni iki Othman yagombaga kuba yarakoze mbere yo guhaguruka ajya muri Amerika?

Nway Meh afite abana batatu bato. Kenshi abaturanyi baba bari hafi aho, bityo Nway Meh asiga abana be mu kibuga cy`imodoka iruhande rw`inyubako irimo inzu ye, bakina, iyo agiye ku isoko ry`ibiryo. Rimwe agaruka imuhira hari umupolisi. Abaza Nway Meh impamva abana basigaye bonyine. Nway Meh biramuyobera. Hari abaturanyi benshi aho. Ikibazo ni ikihe hano? Ni iki Nway Meh agomba gukora ngo yubahirize amategeko yo muri Amerika agenga kurera abana no kubatererana?

Ebaid aguze ihene ku muhinzi-mworozi, ayizana mu nyubako irimo inzu ye. Ayibagiye mu mbuga maze atumira abaturanyi be kuza gusangirira ihene hanze. Ariko abapolisi baraje, bategeka Ebaid gukura ihene mu mbuga. Ikibazo ni ikihe? Ikibi Ebaid yakoze ni iki?

Naw Baw yarobaga mu kiyaga kiri hafi y`iwe. Umupolisi yamubwiye ko kuroba aho bitemewe n`amategeko. Ajugunya mu mazi ifi yari yarobye kandi amuca ihazabu. Naw Baw yavuze ko atazabyongera ukundi, maze atakambira umupolisi ngo ntamuce ihazabu kuberako atari azi ko atashoboraga kuroba mu kiyaga. Uratekereza ko umupolisi yashubije iki?

11 UBURENGANZIRA N` INSHINGANO MU MATEGEKO Y` AMERIKA

Umwaka wawe wa mbere muri Amerika, uzaba ufite urwego rw` ubuhunzi.

Mu gihe ukiri mu rwego rw` ubuhunzi, ntushobora gusohoka muri Amerika.

URWEGO RWAWE RWEMEWE N` AMATEGEKO N` UBWENEGIHUGU

URWEGO RW`UBUHUNZI

Mu mwaka wawe wa mbere muri Amerika, uzaba ufite urwego rw`ubuhunzi. Muri iki gihe wagombye kwitwaza I-94 yawe n`ikarita yawe ya EAD igihe cyose nka gihamya y`urwego rwawe rwemewe n`amategeko. Bika impapuro z`umwimerere zawe ahantu hizewe. Nk`impunzi ushobora gukora ibikurikira:

- ❒ Kujya aho ushaka hose muri Amerika. (Ibuka, niba wimutse utegetswe kubimenyesha Serivise y`Amerika ishinzwe ubwenegihugu n`abinjira [U.S. Citizenship and Immigration Services] mu minsi icumi uhinduye aderese yawe.)
- ❒ Kugura umutungo
- ❒ Gukora
- ❒ Kwiga
- ❒ Kuzana uwo mwashakanye n`abana bawe batarashaka bari munsi y`imyaka 21. Niwifuza ko uwo mwashakanye n`abana bawe bagusanga muri Amerika, ikigo cyawe gishinzwe gutuza gishobora kugusobanurira ibyo usabwa gukora.

Tekereza kuri ubu burenganzira. Butandukaniye he n`uburenganzira wari ufite mbere y`uko uza muri Amerika? Ca uruziga iruhande rw`uburenganzira bwarondowe haruguru buzaba ari bwo bukomeye kuri wowe n`umuryango wawe.

UMUTWE WA CUMI N` UMWE 11

IBINTU UDASHOBORA GUKORA MU GIHE UGIFITE URWEGO RW`UBUHUNZI

Ntushobora kubona pasiporo y`Amerika, kujya mu gisirikare, gutora, cyangwa gukora akazi ka guverinoma kagomba ubwenegihugu bw`Amerika. Mu gihe ugifite urwego rw`ubuhunzi, ntushobora kujya hanze y`Amerika udafite uruhushya rwa Serivise y`Amerika ishinzwe ubwenegihugu n`abinjira (U.S. Citizenship and Immigration Services [USCIS]) , ishami rya guverinoma rishinzwe abinjira. Niba ugomba kujya hanze y`igihugu, ikigo cyawe gishinzwe gutuza gishobora kugusobanurira uko usaba uruhushya. Nusubira mu gihugu ukomokamo ukiri impunzi, ushobora kutemererwa kongera kwinjira muri Amerika.

Mu nama ya mbere ya Saw Eh Do n`umujyanama w`akazi, umujyanama abaza Saw Eh Do ubwoko bw`utuzi yifuza gusaba. Saw Eh Do avuga ko ashaka kuba umusirikare nk`uko se na se wabo (nyirarume) babibaye iwabo. Ni iki umujyanama w`akazi abwiye Saw Eh Do? Mbese Saw Eh Do ashobora kujya mu gisirikare cy`Amerika? Kuki yego, kuki oya? Azigera akijyamo?

KWIYANDIKISHA MU GISIRIKARE

Muri Amerika abantu b`igitsina gabo bose bari hagati y`imyaka 18 na 25 bagomba kwiyandikisha muri Selective Service ishami rya guverinoma rishobora guhamarira abantu kujya mu gisirikare, ubusanzwe mu gihe cy`intambara. Ibi n`impunzi z`igitsina gabo birazireba. Muri iki gihe abagize igisirikare cy`Amerika bose ni abakorerabushake. Abagabo batiyandikishije bashobora kugira ibibazo mu kubona uruhushya rwo gutura burundu na/cyangwa ubwenegihugu.

Leonce umuhungu wa Thom nagira imyaka 18, afite amashyushyu yo kuba umuntu mukuru. Leonce abwira Thom iby`uburenganzira nk`umuntu mukuru muri Amerika. Iyaba wari Thom, ni iki wabwira Leonce ku byerekeye inshingano ze?

11 UBURENGANZIRA N` INSHINGANO MU MATEGEKO Y` AMERIKA

Nyuma y`umwaka 1 muri Amerika, ugomba gusaba kuba umuturage wemewe wa burundu (LPR)

URUHUSHYA RWO GUTURA BURUNDU

Nyuma y`umwaka 1 muri Amerika, ugomba gusaba kuba burundu umuturage wemewe n`amategeko (LPR), cyangwa kugira Girini kadi (Green Card). Abaturage ba burundu bashobora kujya hanze y`igihugu (nubwo atari byiza kumara hanze igihe kirenze umwaka 1) no kujya mu gisirikare cy`Amerika, ariko ntibashobora gutora mu matora y`Amerika  cyangwa gukora akazi ko muri guverinoma y`Amerika kagombera ubwenegihugu. Ikigo cyawe gishinzwe gutuza kizagusobanurira uburyo bwo kuba burundu umuturage.

Leyla amaze hafi amezi 9 muri Amerika, kandi azi ko mu gihe gito azagomba gusaba ubuture bwa burundu. Ariko ntazi uko bikorwa. Ni nde Leyla yagombye kureba ngo amubwire uko uko bikorwa?

UBWENEGIHUGU



Nyuma y`imyaka 4 n`amezi 9 muri Amerika, ushobora gusaba ubwenegihugu. USCIS cyangwa ikigo cyawe gishinzwe gutuza bashobora kukubwira ibyo ugomba gukora kugirango ubone ubwenegihugu. Bimwe muri ibyo, ugomba kugaragaza imyitwarire myiza n`ubumenyi shingiro bw`lcyongereza n`amateka y`Amerika na guverinoma. Abinjira cyangwa impunzi babonye ubwenegihugu bagira uburenganzira n`ibyemerewe abantu bimwe n`iby`abaturage bavukiye muri Amerika.

Andika cyangwa ushushanye mu nziga ziri ku ipaje ikurikira, werekana bumwe mu burengazira uzagira muri Amerika nk`impunzi. Andika cyangwa ushushanye muri mpandenye ziri iruhande rw`inziga werekana zimwe mu nshingano uzagira.

UBURENGANZIRA

Nko kurindwa ivangura cyangwa kujya aho ariho hose muri Amerika.







INSHINGANO

Nko kwiga no kubahiriza amategeko cyangwa kumenya ko abana bawe bato bafite ubarinda.







UBURENGANZIRA N`INSHINGANO BISHINGIYE KU RWEGO RW`UBUHUNZI*

Mu mbonerahamwe iri hasi aho no ku ipaje ikurikira, erekana uburenganzira n`inshingano abantu bari mu nzego zinyuranye z`abinjira muri Amerika bafite.

	Impunzi	**Umuturage wa burundu wemewe n`amategeko (LPR)**	**Umwenegihugu**
Ukwemererwa	Ikinjira muriAmerika	Amaze gusaba, nyuma y`umwaka	Amaze gusaba, nyuma y`imyaka 4 n`amezi 9
Impapuro	I-94	I-551 cyangwa Girini Kadi (Green Card)	Pasiporo y`Amerika
UBURENGANZIRA			
Gusaba kuzanwa kw`abo mumuryango			
Gusaba imfashanyo rusange			
Kwiga no gukora			
Kugenda muri Amerika nta nkomyi			
Kujya hanze y`Amerika nta ruhushya			
Gutora			

* Ibisubizo by`ukuri byatanzwe ku Mugereka A ku ipaje ya 222.

	Impunzi	Umuturage wa burundu wemewe n`amategeko (LPR)	Umwenegihugu
INSHINGANO			
Kumenya no kubahiriza itegeko			
Kwishyura imisoro			
Kwiyandikisha kuba umusirikare niba uri umwenegihugu w`igitsinagabo w`imyaka iri hagati ya 18 na 25			
Kubahiriza uburenganzira bw`abandi			
Kwitaba urukiko igihe uhamagawe kuba umuseseri			
Gufasha no gutunga abana bawe			

GUSOZA*

***Ni byo cyangwa si byo? Uratekereza ko uzi ibingana iki ku gutuzwa muri Amerika? Ikorere igerageza mu mvugo ziri hasi aha. Soma izi mvugo kandi ushyire uruziga iruhande rwa* Ni byo** *niba ubona ko imvugo ari ukuri, ushyire uruziga iruhande rwa* **Si byo** *niba ubona ko imvugo atari ukuriro.*

1. Nk`impunzi, ufite uburenganzira remezo bumwe n`undi wese uba muri Amerika. **Ni byo** **Si byo**

2. Muri Amerika ushobora guhanirwa itegeko utari uzi. **Ni byo** **Si byo**

3. Kunywa itabi biremewe mu nyubako rusange zose. **Ni byo** **Si byo**

4. Mu bice byinshi, ugomba uruhushya kugirango uhige inyamaswa cyangwa urobe. **Ni byo** **Si byo**

5. Kugira abo mwashakanye barenze umwe icyarimwe biremewe muri Amerika. **Ni byo** **Si byo**

6. Nyuma y`umwaka umwe muri Amerika, impunzi zihisemo kuguma mu gihugu zigomba gusaba kuba burundu abaturage bemewe n`amategeko. **Ni byo** **Si byo**

7. Abagabo bafite imyaka hagati ya 18 na 25 batiyandikishije mu gisirikare (Select Service) bashobora kugira ibibazo byo kubona uruhushya rwo gutura burundu no/cyangwa ubwenegihugu. **Ni byo** **Si byo**

8. Ushobora gusaba ubwenegihugu umaze imyaka 2 muri Amerika. **Ni byo** **Si byo**

* Ibisubizo by`ukuri byatanzwe ku Mugereka A ku ipaje ya 222.

21

Umutwe wa Cumi n`Ibiri
AKAZI

Kubona akazi bizaba kimwe mu bintu bya ngombwa uzakora nugera muri Amerika. Abanyamerika bemera ko abantu bakuze bagombye gukora kugira ngo bitunge bo n`imiryango yabo, ko batagombye kwiringira  imfashanyo y`amafaranga ya guverinoma. Kuberako imfashanyo ya guverinoma ibaze mu gihe imara n`umubare w`amafaranga, kubona akazi vuba na bwangu ni ngombwa cyane.

Uyu mutwe uravuga ku

» Kubona akazi
» Umushahara
» Gushobora akazi

Ni ngombwa gushaka akazi bidatinze kuberako imfashanyo za guverinoma zibaze.

AMAGAMBO FATIZO Y` ICYONGEREZA

Amagambo y`Icyongereza akurikira akoreshwa iyo bavuga ku by`akazi muri Amerika. Aya magambo kuyiga bizakugirira akamaro.

Vuga ijambo mu Cyongereza. Ryandike mu rurimi rwawe kavukire. Noneho shushanya icyo iryo jambo rivuga, andika icyo risobanuye, cyangwa urikoreshe mu nteruro. Icya mbere bakigukoreye.

Mu Kinyarwanda	Mu Cyongereza	Shushanya ishusho rijyanye n`ijambo, andika inyito yaryo, cyangwa se rikoreshe mu nteruro
impapuro zisaba akazi	application	*Yi Yi aruzuza impapuro zisaba akazi muri banki*
	career	
	employee	
	employer	
	employment	
	full-time job	
	job	
	part-time job	
	résumé	
	salary	
	volunteer	

Kubona akazi kawe ka mbere bishobora gufata ibyumweru cyangwa amezi, bityo rero ni ngombwa kwemera akazi ka mbere kabonetse.

Kwiga Icyongereza bishobora kugufasha kubona akazi.

Impunzi nyinshi zitangirira akazi mu nzego zibanze z`imirimo.

KUBONA AKAZI

Mu gihe ushaka akazi zirikana ibi bikurikira:

- ❒ Kubona akazi kawe kambere bishobora gufata iminsi mike nk`uko byafata amezi menshi. Kubera ibyo rero ni ngombwa ko utangira gushaka akazi ako kanya.
- ❒ Uzagomba kwemera akazi ka mbere uhawe, n`ubwo akazi kaba katishyura menshi cyangwa atari ibyo wakoragamo mu gihugu cyawe bwite.
- ❒ Akenshi haba abantu benshi basabye akazi kamwe, bityo rero ni ngombwa kwemera gukora akazi mu wundi mwuga.
- ❒ Akazi si ikintu guverinoma cyangwa ikigo cyawe gishinzwe gutuza byishingiye.
- ❒ Serivise ifasha impunzi gushaka akazi izagufasha mu ishaka ryawe ry`akazi, ariko ntuzabona akazi nutaba ari wowe ugashatse.
- ❒ Impunzi zanze akazi zishobora gutakaza imfashanyo za guverinoma.
- ❒ Kwiga Icyongereza bishobora kugufasha kubona akazi. Abakoresha benshi bashaka abasaba akazi bazi kuvuga, gusoma, no kwandika Icyongereza.

Gori Maya yemeye akazi ka mbere ahawe. Ntakunze akazi ke, ariko yiga Icyongereza akanashaka inshuti nziza. Ubwo asabye akazi gashya nyuma y`imyaka 2, Gori Maya yashoboye kubazwa mu Cyongereza, kandi ubu afite abamuzi. Ni gute kwemera akazi ka mbere byafashije Gori Maya?

AMOKO Y` AKAZI

Tekereza ku kazi cyangwa utuzi wakoze mu bihe byahise

- ❒ Kari kazi bwoko ki?
- ❒ Ni bumenyi ki wari ukeneye kugira ngo uhabwe ako kazi?

Muri Amerika, hari amoko atatu rusange y`imirimo: imirimo itagombera ubumenyi, imirimo igombera ubumenyi, n`imirimo y`ababigize umwuga.

Huza ishusho ry`urugero rw`ubwoko bw`akazi riri ibumoso n`igisobanuro kirusha ibindi kwegera ukuri kiri iburyo.

1. imirimo idasaba ubumenyi cyangwa yo mu rwego rubanza

a. Akenshi iyi isaba nibura diporoma ya kaminuza, Icyongereza kinoze, n`urugero ruhanitse rw`ubumenyi bw`umwuga. Iyi mirimo akenshi isaba kuba uyifitiye uruhushya cyangwa seritifika.

2. Imirimo y`amaboko isaba ubumenyi

b. Iyi ntisaba amahugurwa menshi no kumenyera. Iyi mirimo akenshi ihemba ku isaha kandi ntigomba Icyongereza cyinshi. Impunzi nyinshi zikora iyi mirimo mu gihe ziga Icyongereza cyangwa ubundi bumenyi.

3. Imirimo y`ababigize umwuga

c. Iyi isaba amahugurwa, Icyongereza cyinshi, n`urugero runaka rw`ubumenyi mu mwuga. Ubundi iyi mirimo ihemba menshi ku isaha cyangwa mu cyumweru kurusha imyinshi mu mirimo yo mu rwego rubanza, ndetse no kurusha imwe n`imwe mu mirimo y`ababigize umwuga.

Abagabo n`abagore barakorana mu kazi ko muri Amerika kandi rimwe na rimwe abagore bakurira abagabo mu kazi.

Zirikana ibibazo bikurikira:

- ❒ Gukora ubundi bwoko bw`akazi ubivugaho iki?
- ❒ Ubwoko bw`akazi bwakorohera kubona ni ubuhe?
- ❒ Ubwakugora ni ubuhe?
- ❒ Kuba akazi ka mbere benshi mu mpunzi babona ari akazi ko mu rwego rubanza ubivugaho iki?
- ❒ Ni nde wabwira uramutse wumvise akazi kawe kakugoye? Wakora iki?

Mohammed akigera muri Amerika, yamenyanye na Claire, umujyanama w`akazi. Claire agira Mohammed inama yo gusaba akazi ko gukora isuku. Mohammed ntashaka gukora bene aka kazi, yanga gusaba akazi. Nyuma y`amezi atatu, Mohammed agenderera Claire kubera ko n`ubu nta kazi abasha kubona. Umwanya w`ukora isuku warafashwe, ariko Claire abwira Mohammed ko azamutumaho nagira aho yumva akazi. Kuki kwemera akazi ka mbere kabonetse ari ngombwa? Kuki ari byiza kwitegura gukora akazi ako ariko kose?

ABAGABO N`ABAGORE MU KAZI

Abagore kimwe n`abagabo bose barakora muri Amerika. Abagore bagize icyakabiri cy`abakozi, bakora akazi kamwe n`abagabo ku nzego zose, kandi akenshi baba abakuru b`abakozi b`igitsina gabo.

Khin Myint arumva ibazwa rye ry`akazi ryagenze neza, kandi anejejwe na telefone imuhamagaye imuha akazi. Ariko ntiyari azi ko umukuru we mu kazi azaba umugore. Mu gihe cyashize, yakoranye n`abagabo gusa. Iyaba wari Khin Myint, wakumva umeze ute? Ni iki Khin Myint yagombye gukora?

Tekereza ku gitekerezo cy`abagabo n`abagore bakorana urutugu ku rundi.

- ❒ Mu gihugu ukomokamo cyangwa igihugu wahawemo ubuhungiro, byari bimenyerewe ko abagabo n`abagore bakorana?
- ❒ Uratekereze ko gukora ahantu abagabo n`abagore bakorana urutugu ku rundi wabifata ute? Bizaba ibintu bikomeye kumenyera kuri wowe?
- ❒ Nibikugora, uzabiganirira nde?

Aisha ntiyari yarigeze akora hanze y`iwe. Yemeye akazi ko gupfunyika ibiryo mu isoko, kandi asanze buri munsi agomba gukorana n`abagabo benshi batandukanye. Ibi bituma Aisha yumva atisanzuye. Iyaba wari Aisha, wakora iki? Gukorana n`umuntu mudahuje igitsina ubyumva ute?

ABANA MU KAZI

Muri Amerika, abana bari mu myaka 14 no hejuru bashobora gukora akazi k`amasaha atuzuye, ariko bashobora gukumirwa ku mubare w`amasaha y`akazi n`ubwoko bw`akazi bashobora gukora. Muri Amerika, abantu benshi bakiri bato bakora amasaha atuzuye nyuma y`ishuri, muri wikendi, no mu biruhuko.

Tekereza k`uko byaba bimeze abantu bakurikira bo mu muryango wawe baramutse bakora muri Amerika.

Umuntu wo mu muryango	Uyu muntu aramutse akora byahindura bite uruhare rwa buri wese mu muryango?
Wowe	
Uwo mwashakanye	
Abana bawe	
Ababyeyi bawe cyangwa ababyeyi b`uwo mwashakanye	
Abavandimwe bawe	

Ibigo by`abana byita ku bana bato mu gihe ababyeyi bombi cyangwa umubyeyi urera umwana ari umwe, bakora.

Umwarimu wa Dinesh atekereza ko yagombye gufata amasomo y`impeshyi kugirango azamuke mu ishuri, ariko Dinesh arashaka gukora akazi k`impeshyi ngo afashe umuryango we. Ikibazo nk`icyi wacyitwaramo gute? Iyaba wari umubyeyi wa Dinesh, wamubwira iki? Ni iki Danesh yakora kiruta ikindi – gukora cyangwa kuzamuka mu ishuri? Kuki?

Tekereza ku byo wagomba gukora mu rwego rwo kumenyera.

- ❒ Ni nde mu muryango wawe waterwa ibibzo n`izi mpinduka?
- ❒ Ni gute inshigano mu muryango zagomba guhindurwa?
- ❒ Ni nde wakenera kugira ibiganiro kurusha abandi? Umuryango wawe wabigeraho gute ?

KWITA KU BANA

Mu miryango myinshi y`Abanyamerika, ababyeyi bombi bafite abana bato bajya ku kazi. Aba babyeyi bakenera umuntu wo kwita ku bana babo mu gihe baba bakora. Ibigo birera abana ni ahantu bakora ibyo. Ubusanzwe serivise zo kwita ku bana si ubuntu. Abantu ku giti cyabo nabo bashobora kwita ku bana mu ngo zabo.

Ubah n`umugabo we Abdullah bafite uruhinja n`umwana w`imyaka 2. Ubah akora ijoro akazi k`amasaha yuzuye kamuha ubwishingizi bw`ubuzima bw`umuryango. Abdullah akora akazi k`amasaha make ku manywa. Abdullah yashoboraga kubona akazi ka kabiri k`amasaha make nimugoroba. Niyemera akazi, umuryango uragira amafaranga menshi, ariko bazagomba kwishyura usigarana abana. Ni ikiUbah na Abdallah bagomba kuzirikana mu gihe bafata icyemezo cyabo? Wabagira nama ki?

Shushanya cyangwa wandike k`uwita ku bana mu gihugu wakomotsemo cyangwa igihugu wahawemo ubuhungiro.

Tekereze k`uko wakumva umeze abana cyangwa abuzukuru bawe baramutse bitaweho n`umuntu utari uwo mu muryango ubamo, nka:

	Inyungu ziri mu guhitamo ubu buryo ni izihe?	**Igihombo cyaba ikihe?**
Mwene wanyu muturanye		
Ikigo cyita ku bana		
Urugo rusigwamo abana		
Umuntu uza gusigarana abana iwawe		
Ikiburamwaka cy`abana b`imyaka 3 no hejuru		

- ❒ Uburyo bwo kwita ku bana bukurutira ubundi ni ubuhe?
- ❒ Utekereza ko uburyo bwo kwita ku bana buhendutse ari ubuhe?
- ❒ Uburyo bwo kwita ku bana ubona bugukwiriye ugitangira akazi muri Amerika ni ubuhe?

Ikigo cyawe gishinzwe gutuza kizagufasha kubona serivise z`akazi.

Ni ngombwa kubahiriza amasaha mu gihe cy`ibazwa ry`akazi. Mu gihe cy`ibazwa ry`akazi, reba ukubaza mu maso, seka, kandi utange ikiganza.

UBURYO BWO GUSHAKA AKAZI

Tekereza ku buryo abantu bashakamo akazi mu gihugu ukomokamo cyangwa igihugu wahawemo ubuhungiro.

- ❒ Washakira he?
- ❒ Wabikora mu bihe bice?

Umuntu wagufasha kuruta abandi bose ni wowe ubwawe. Ariko hari abandi bashobora kugufasha muri iryo shakisha:

❒ **IBIGO BISHINZWE GUTUZA NA SERIVISE ZIFASHA IMPUNZI KUBONA AKAZI.** Abakozi b`ibi bigo bafashije impunzi nyinshi kubona akazi kazo ka mbere muri Amerika. Tega amatwi inama abakozi b`ikigo cyawe gishinzwe gutuza bakugira. Bamenyereye gufasha impunzi kubona akazi.

❒ **BENE WANYU N`INSHUTI.** Saba inshuti zawe na bene wanyu bakurangire akazi mu ikompanyi bakoramo cyangwa mu yandi makompanyi ari mu gace

❒ **IBINYAMAKURU, INTERINETI, N`IBIGO RUSANGE BIRANGA AKAZI.** Amakompanyi menshi yamamaza ko akeneye abakozi mu binyamakuru no kuri interineti. Kompanyi zimwe na zimwe zinyura ku bigo rusange biranga akazi kugirango bihe abantu akazi. Witondere serivise ziranga akazi zigusaba kwishyura amafaranga kandi zikwizeza kukubonera akazi.

Ca uruziga iruhande rw`ingamba zarondowe ku ipaje y`168 wakoresheje mu gihe cyashize ubwo washakaga akazi.

Zirikana ibazo bikurikira:

- ❒ Nugira ingorane zo kubona akazi muri Amerika ni nde wazisangaho gusaba ubufasha?
- ❒ Kuki wazisanga kuri uyu muntu?
- ❒ Ni nde wundi [nyuma y`uwo] wazasaba ubufasha?

Alberto yabonye itangazo ry`akazi akunze mu kinyamakuru. Yashyiriye itangazo umukozi ushinzwe idosiye ye, umukozi ushinzwe idosiye ye afasha Alberto kuzuza impapuro zisaba akazi. Hashize amajoro make, bari kurya, Alberto abwira inshuti iby`ako kazi. Inshuti ya Alberto ivuga ko yari izi umuntu wakoraga aho, kandi ko uwo muntu yavugiye Alberto neza. Bimwe mu bintu Alberto yakoze ngo abone akazi ni ibihe? Ibintu uteganya gukora ngo ubone akazi ni ibihe? Ni nde wakwisangaho mu gusaba ubufasha bwo gushaka akazi?

INAMA ZO GUTSINDA IBAZWA RY` AKAZI

Mu ibazwa ry`akazi, umuntu wo mu ikompanyi azakubwira ibyerekeye akazi. Muzavugana akubaze ibibazo byerekeye akazi wakoze mbere kugirango amenye niba uzaba umukozi mwiza mu ikompanyi yabo. Ibazwa ry`akazi ni ngombwa cyane. Iyo ubemeje, uba ufite amahirwe yo kubona akazi. Hasi aho hari ibintu ushobora gukora kugira ngo ubemeze :

- ❒ **KUHAGERA KU GIHE.** Igihe kirakomeye cyane ku Banyamerika. Nukererewa igihe cyo gukorerwa ibazwa ry`akazi, umukuru mu kazi azatekereza ko ushobora n`ubundi kuzajya ukererwa buri munsi.
- ❒ **GIRA ISUKU KANDI WAMBARE IMYAMBARO IGENEWE AKAZI.** Umujyanama wawe mu by`akazi ashobora kugufasha kumenya imyambaro yo kwambara.
- ❒ **REBA UKUBAZA MU MASO, SEKA KANDI URAMUKANYE UTANGA IKIGANZA.** Abanyamerika bemera ko kureba umuntu mu maso bigaragaza ko uvugisha ukuri, kandi inseko no guhana ikiganza bigaraganza icyizere n`imitekerereze myiza ku kazi.

Ni ibisanzwe gukora ibazwa ry`akazi incuro nyinshi mbere y`uko uhabwa akazi.

- ❒ **BAZA IBIBAZO BYEREKEYE IBYO UZAKORA MU KAZI.** Ibi byereka umukuru mu kazi ko ubyitayeho.
- ❒ **GERAGEZA KUVUGA ICYONGEREZA, NIBA HARI ICYO UZI.** Nubwo waba uzi gusa Icyongereza gike, kugikoresha byereka umukuru mu kazi ko wiyizeye. Byerekana kandi ko ushishikajwe no kwiga Icyongereza, ari byo bishobora kukongerera amahirwe yo kubona akazi keza.
- ❒ **GERAGEZA GUTUZA.** Buri wese aba afite igihunga mu ibazwa ry`akazi. Menya ko atari wowe wenyine.

Itozanye na mugenzi wawe:

- ❒ Kurebana mu maso.
- ❒ Guseka
- ❒ Guhana ibiganza
- ❒ Kugerageza kuvuga Icyongereza (nubwo byaba ari kuvuga ngo "Hello" gusa)
- ❒ Gutuza

Hamwe na mugenzi wawe, mukine mwigana gusubiza ibisubizo by`umukoresha, urugero:

- ❒ Ushobora kunyibwira?
- ❒ Kuki ushaka kano kazi?
- ❒ Ni ibiki wakoze mbere bizagufasha muri aka kazi?
- ❒ Uzaboneka ryari gutangira gukora?

Noneho nimwitoze kubazanya ibibazo, urugero:

- ❒ Mbese aka ni akazi k`amasha atuzuye, cyangwa ni ak`amasha yuzuye?
- ❒ Mbese akazi gatangira ryari?
- ❒ Nzaba nkora kazi ki?
- ❒ Ni nde uzaba ankuriye mu kazi?
- ❒ Umuntu muzaha akazi azatangira ryari ?

Ushobora kugomba kujya mu ibazwa ry`akazi inshuro nyinshi mbere y`uko uhabwa akazi. Ibi birasanzwe ku basaba akazi bose muri Amerika. Ushobora kumva ucitse intege niba udahawe nyuma y`ibazwa ry`akazi rya mbere, ariko ihangane. Saba umuryango wawe n`umujyanama wawe w`akazi bagushishikaze niba ubikeneye.

Gira ishyaka! Shaka inkunga mu bavandimwe no ku mujyanama w`akazi.

Mu rwego rwo kwitegura ibazwa rye ry`akazi, Ganga yambaye imyenda ifite isuku, araniyuhagira. Yakoresheje Icyongereza gike yari azi, ahana ikiganza n`umukuriye mu kazi, kandi amureba mu maso. Ganga yumvaga ibazwa ryagenze neza, ariko ntibamuhamagaye. Uratekereza ko ibi byatewe n`iki? Uratekereza ko Ganga yumva ameze ate? Ni iki wakora ngo ntucike intege mu gihe ushaka akazi?

IMICO YAWE MYIZA

Abakoresha benshi mu gihe cy`ibazwa ry`akazi babaza imico myiza. Dore urutonde rw`amagambo afite icyo apfana n`akazi ashobora gukoreshwa mu gusobanura imico myiza y`umuntu. Shyira ikimenyetso ku mico itatu myiza kurusha iyindi ufite.

Umuco mwiza	Mu Cyongereza	Shushanya ishusho cyangwa wandike ku cyo ibi bisobanura kuri wowe
	Honest	
	Dependable	
	Flexible	
	Hard worker	
	Good work ethic	
	Cooperative	
	Motivated	

Umuco mwiza	Mu Cyongereza	Shushanya ishusho cyangwa wandike ku cyo ibi bisobanura kuri wowe
	Fast learner	
	Reliable	
	Positive attitude	
	Good listener	
	Punctual	

Itoze gukora ibazwa ryawe ry`akazi riri imbere ubwira mugenzi wawe imico yawe myiza mu Cyongereza.

Wagombye kuguma ku kazi kawe ka mbere nibura amezi 6.

Niba hashize igihe udashobora kubona akazi, tekereza ku buryo wabigenza ugumane ishyaka mu gihe ugikomeje gushaka akazi. Ca uruziga iruhanda rwa bimwe mu bintu biri hasi aho bishobora kugufasha kwishima.

Kujya mu bikorwa by`agace cyangwa by`umuco

Imyitozo ngororangingo

Kugira uruhare mu bikorwa by`ishuri ry`abana bawe

Kumva muzika umenyereye

Kwitoza kuvuga Icyongereza

Gufata amasomo yigisha ubumenyi

Kuvugana n`umuyobozi w`idini

Kuvugana n`inshuti n`umuryango ku byerekeye uko umerewe

Kujya mu mirimo y`ubukoranabushake mu gace kawe

Ibindi bintu ushobora gukora kugira ngo ugumane ishyaka mu ishakisha ryawe ry`akazi ni ibihe?

AMATEKA Y` AKAZI

Tekereza ku kazi ufite ubu cyangwa utuzi wakoze mu bihe byashize.

- ❒ Mbese wakoreraga imuhira, cyangwa hanze?
- ❒ Ni mirimo ki wakoze?
- ❒ Ubumenyi wari ukeneye mu mirimo wakoze ni ubuhe? Ubumenyi wari ukeneye mu mirimo wakoreraga imuhira bwari ubuhe?

Shushanya cyangwa wandike hasi aho ku bikorwa watunganyije mu kazi wakoze hambere.

Poe Hser yahamagawe mu ibazwa nyuma yo gusaba akazi ko gukora isuku. Yari atarigera na rimwe akora hanze y`iwe, ariko yabashije kuvuga ku bumenyi yagize akora isuku anamesera umuryango we. Nyuma y`icyumweru kimwe, Poe Hser yahawe akazi. Ni gute ubumenyi bw`akazi yakoze mbere bwafashije Poe Hser kubona akazi? Ni gute bumwe mu buhanga bwawe bwagufasha?

Akazi kawe ka mbere kazaba intambwe ikomeye mu gutangira amateka y`akazi muri Amerika. Wagombye kugerageza kuguma ku kazi kawe ka mbere nibura amezi 6, nubwo akazi kaba atari ko ushaka gukora. Abakoresha bazakurikiraho bazareba uko wakoze muri ako kazi igihe bazaba biga niba baguha akazi.

Masood na Ali barasaba akazi kamwe. Mu gihe cyashize, Masood yakoze akazi kamwe naho Ali yakoze utuzi tune dutandukanye. Ni nde utekereza ko umukoresha azaha akazi? Kuguma ku kazi bisigura iki ku muntu?

Kongera Icyongereza cyawe ni inzira imwe yo kuzamuka mu ntera, ugakora akazi keza gahemba neza bisumbye.

Niba hari ikintu utumva, baza ibyacyo.

INTEGO Z`AKAZI

Wagombye na none kwiha intego z`akazi no gutahura ibyo uzakenera kugirango uzigereho.

Tekereza ku ntego z`akazi. Shushanya cyangwa wandike ku ntego zawe z`akazi mu nziga ziri hasi aho. Gerageza kureba ibishoboka.

Intego yawe y`akazi mu kwezi 1

Intego yawe y`akazi mu mezi 6

Intego yawe y`akazi mu mwaka 1

Intego yawe y`akazi mu myaka 5

Kugirango uzamuke mu ntera n`umushahara, uzagomba kumenya Icyongereza neza kandi ushobora gukenera kwiga ubumenyi bushya. Niba hari umwuga wakoragamo mu gihugu cyawe, ushobora gukora muri uwo mwuga muri Amerika, ariko ushobora kugomba gufata amasomo no kubona seritifika. Kugera ku ntego zawe bishobora gufata igihe, kandi uzakenera kumenya kwihangana. Mbere ya byose, ibuka ko Amerika izwiho kuba igihugu cy`uburyo ku bakora cyane.

UMUTWE WA CUMI N` IBIRI 12

Nyuma y`amezi 8 muri Amerika, Arzu yatekereje ku ntego ze z`akazi. Yari azeyukijwe n`uko ibintu bitagendaga uko yari yarabiteganyije. Iyaba wari Arzu, wakumva umeze ute? Wakora iki? Ni gute Arzu atacibwa intege n`ibyo amaze kunyuramo muri Amerika?

UMUSHAHARA, AMASAHA, N` AKARUSHO

Mu gihe aguhaye akazi, umukoresha azakubwira ibyerekeye umushahara, amasaha, n`akarusho. Dore ibindi bintu uzabwirwa:

- ❒ Uko umushahara uzaba ungana.
- ❒ Niba uzahembwa umushara ubariye ku isaha cyangwa ku mwaka.
- ❒ Inshuro uzajya uhembwa (mu kwezi).
- ❒ Amasaha uzajya ukora mu cyumweru.
- ❒ Gahunda y`akazi iyo ari yo.
- ❒ Akarusho gatangwa.

Niba hari icyo utumvise, kibaze.

Itozanye na mugenzi wawe kubazanya ku bisobanuro byihariye by`akazi n`ibyo gasaba, urugero:

- ❒ Akazi gafite amasaha angahe mu cyumweru?
- ❒ Akazi gatangira ryari?
- ❒ Nzajya mpembwa inshuro zingahe (mu kwezi)?
- ❒ Akarusho gatangwa ni akahe?

Shaka ibyawe bibazo!

Uzajya uhemberwa ku gihe kidahinduka, gishobora kuba rimwe mu cyumweru, rimwe buri byumweru bibiri cyangwa rimwe mu kwezi. Uzajya uhabwa sheki iriho igipande (pay stub) cyangwa itangazo (statement). Igipande ni icyawe cyo kubika. Kigumane mu gihe ufata amafaranga cyangwa ubitsa sheki muri banki.

Ni ngombwa kwishyura imisoro yawe muri Amerika.

Irinde kugira ibiganiro bwite na bene wanyu, inshuti, na bagenzi bawe mu kazi kandi ntugakoreshe telefone mu byawe bwite mu gihe uri mu kazi.

Ntukikure na rimwe ku kazi utarabona akandi.

IMIRIMO IHEMBA KASHI

Muri Ameika gukorera kashi binyuranyije n`itegeko niba utishyura guverinoma umusoro ku byinjiye. Niba umukoresha wawe akwishyura kashi ntaguhe igipande kigaragaza umushahara wose, ayasigaranywe y`imisoro, n`umushahara nyir`izina, mwembi wowe n`umukoresha murica itegeko. Iyo [m]wishe itegeko, [m]ushobora gucibwa ihazabu cyangwa gufungwa.

Claudia yabonye akazi ko gusukura amazu. Yishyurwaga mu ntoki, kandi kenshi agahabwa tipu. Ni iki wabwira Claudia ku byo kwishyura imisoro? Ni iki imisoro ya Claudia yishyura? Kuki yagombye kuba yishyura imisoro?

Zirikana ku bibazo bikurikira byerekeye imisoro:

- ❒ Kuki ari ngombwa kwishyura imisoro yawe muri Amerika?
- ❒ Utishyuye imisoro byagenda bite?

INAMA ZO GUSHOBORA AKAZI

- ❒ **KUGERERA IGIHE KU KAZI**. Abakoresha bashaka ko abakozi bagerera igihe ku kazi, kandi uzabemeza niba igihe cyose ugererayo igihe. Nukererwa ku kazi, umushahara wawe ushobora kugabanywa. Niba ukunda gukererwa, ushobora kubura akazi kawe.
- ❒ **GUFATA IGIHE CY`UBURWAYI (GUSIBA) ARI UKO KOKO URWAYE.** Na none, ushobora gukenera gusiba iyo hari umuntu wa hafi wo mu muryango (uwo mwashakanye, cyangwa umwana) urwaye kandi ugomba kumujyana kwa muganga. Niba ibi bibaye, bimemenyeshe umukuru wawe mbere y`igihe.

- **HAMAGARA NIBA URI BUSIBE AKAZI.** Igihe cyose uri bukererwe cyangwa uri busibe akazi ku mpamvu iyo ari yo yose, hamagara umukuru wawe mu kazi. Niba uzi ko uzasiba akazi kubera gahunda, bibwire umukuru wawe mbere y`igihe kugirango uhabwe uruhushya rwo gusiba cyangwa gukererwa.
- **GIRA URUGWIRO.** Amasaha y`ifunguro rya kumanywa n`ibiruhuko bishobora kuba ibihe byiza byo kumenyana n`abo mukorana. Ingingo zisanzwe z`ibiganiro aho mukorera zishobora kuba ibihe by`ikirere, ibikorwa byo muri wikendi, ibiryo, na siporo. Uzagira kandi n`uburyo bwinshi bwo kuganirira abo mukorana umuco wawe, cyane cyane mu bihe by`iminsi mikuru gakondo.
- **GIRA UMUSARURO MU KAZI.** Irinde ibiganiro byihariye na bene wanyu, inshuti n`abo mukorana kandi ntutelefone mu masaha y`akazi uvuga ibyawe.
- **BAZA IBIBAZO.** Niba hari icyo utumva, kibaze. Uzakora akazi neza kandi umukoresha wawe azakubahira ko ugerageza kwiga no kwiyungura.
- **IGA GUKORA IMIRIMO MISHYA NO GUFATA INSHINGANO NSHYA IGIHE CYOSE UBISHOBOYE.** Ushobora kuzamuka mu ntera iyo ugaragaje ubushake bwo gufata inshingano zisumbuye.
- **TANGA INTEGUZA MBERE YO KUREKA AKAZI.** Iyo uretse akazi kawe ujya ku kandi ha umukoresha uvuyeho integuza y'ibyumweru bibiri nibura. Ntukave na rimwe ku kazi utarabona akandi.

Ca uruziga iruhande rw`inama zo gushobora akazi zitandukanye n`izo wari usanzwe umenyereye.

Zirikana ibibazo bikurikira:

- Muri izi nama izakorohera gukurikiza kurusha izindi ni izihe?
- Ni izihe nama zakugora gukurikiza kurusha izindi?
- Ni iki wakora kugira ugerageze gushobora akazi?

Sanaa yarakoraga cyane mu kazi ke gashya, ariko rimwe na rimwe ntiyasobanukirwaga ibyo yasabwaga gukora. Sanaa ntiyari azi Icyongereza cyinshi, bityo ntabwire umukuru we mu kazi ko atasobanukirwaga na bimwe mu byo yasabwaga gukora. Ni gute Sanaa yashoboraga gusobanukirwa n`akazi ke biruseho? Iyaba wari Sanaa, iki kibazo wacyitwaramo ute?

Ufite uburenganzira bwo gukorera ahantu hatekanye kandi hatunganye.

Boris yatangiye akazi hashize amezi make ageze muri Amerika. Ntiyavugaga Icyongereza cyinshi, ariko yari umukozi mwiza kandi ubanirana, n`umukuru we mu kazi n`abandi bakozi baramukundaga. Nyuma y`amezi 16, Boris yasabye akazi ahandi, ava mu kazi ke ka mbere ntawe abwiye. Yatunguwe n`uko atabonye akazi gashya. Nyuma yaje kumenya ko umukoresha we wa mbere atamuvugiye neza ku kazi ka kabiri. Ni iki Boris yakoze nabi? Ni iki Boris yagombaga kuba ahubwo yarakoze?

UBURENGANZIRA MU KAZI

Nk`impunzi, ufite uburenganzira mu kazi bumwe n`ubw`undi Munyamerika wese. Umukoresha ntashobora kukuvangura kubera ubuhunzi cyangwa kukwima akazi cyangwa izamurwa mu ntera kubera imyaka, ubumuga, kuba warashatse cyangwa utarashatse, ubwoko cyangwa igihugu, inkomoko, idini, igitsina, cyangwa icyerekezo cy`igitsina (sexual orientation) byawe. Nyamara ariko imirimo imwe n`imwe iharirwa Abanyamerika gusa.

Amategeko y`akazi kandi arinda abakozi gukorerea ahantu hatari umutekano. Abakoresha bagomba kureba ko ahantu ho gukorera hatunganye kandi ari hazima (hubahirije amategeko agenga ubuzima). Amategeko y'akazi kandi arinda abakozi ihomerwa rishingiye ku gitsina aho bakorera. Ihomera rishingiye ku gitsina ni imyifatire iyo ariyo yose yerekeza ku gitsina ituma umuntu yumva atinye cyangwa atisanzuye.

Sangita afite shebuja w`umugabo w`imico myiza, ufashanya, kandi ubanirana. Ariko rimwe na rimwe amukora ku rutugu iyo amuvugisha. Ibi bibuza Sangita amahoro. Ikibazo hano ni ikihe? Ni iki Sangita yakora?

Tekereza ku burengazira mu kazi bwo muri Amerika.

- ❒ Ubu burenganzira buhuriye he n`ubwo wari usanzwe umenyereye?
- ❒ Bitandukaniye he?
- ❒ Iri tandukaniro uzarimenyera ute?

GUSOZA*

Ni byo cyangwa si byo? Uratekereza ko uzi ibingana iki ku gutuzwa muri Amerika? Ikorere igerageza mu mvugo ziri hasi aha. Soma izi mvugo kandi ushyire uruziga iruhande rwa* Ni byo** ***niba ubona ko imvugo ari ukuri, ushyire uruziga iruhande rwa* Si byo** ***niba ubona ko imvugo atari ukuriro.

1.	Kubona akazi kawe ka mbere bishobora gufata iminsi mike nk`uko byafata amezi menshi.	**Ni byo**	**Si byo**
2.	Guverinoma cyangwa ikigo cyawe gishinzwe gutuza bigomba kukobonera akazi.	**Ni byo**	**Si byo**
3.	Kwiga Icyongereza bishobora kugufasha kubona akazi no kukongerera amahirwe y`akazi.	**Ni byo**	**Si byo**
4.	Impunzi nyinshi zitangirira akazi mu myanya ibanza y`akazi.	**Ni byo**	**Si byo**
5.	Mu mirimo yo muri Amerika, kenshi abagore bakurira abagabo.	**Ni byo**	**Si byo**
6.	Iyo ukererewe mu ibazwa ry`akazi, umukoresha ashobora kutaguha akazi kuberako ashobora gutekereza ko ushobora no kujya ukererwa mu kazi.	**Ni byo**	**Si byo**
7.	Umuntu wa mbere wo kugufasha kubona akazi ni wowe ubwawe.	**Ni byo**	**Si byo**
8.	Impunzi ntizitegetswe kwishyura guverinoma y`Amerika umusoro ku byinjira.	**Ni byo**	**Si byo**

* Ibisubizo by`ukuri byatanzwe ku Mugereka A ku ipaje ya 222.

31

Umutwe wa Cumi n`Itatu
KWIGA ICYONGEREZA

Kwiga ururimi rushya bisaba igihe n`akazi. Abanyamerika bemera ko nta muntu uba mukuru cyangwa muto byamubuza kwiga ibintu bishya. Kwiga Icyongereza bizagufasha gukora neza mu kazi, kuvugana n`abandi Banyamerika, no kumenyera vuba ubuzima bwawe bushya muri Amerika.

Uyu mutwe uravuga ku

- Ku kamaro ko kwiga Icyongereza.
- Uburyo bwo kwiga Icyongereza.
- Uko kwiga ururimi rushya bisaba igihe n`umuhate.

Kwiga Icyongereza bizagufasha kubona akazi no kumenyera vuba cyane imibereho yawe muri Amerika.

AMAGAMBO FATIZO Y` ICYONGEREZA

Amagambo y`Icyongereza akurikira akoreshwa iyo bavuga ku byo kwiga Icyongereza muri Amerika. Aya magambo kuyiga bizakugirira akamaro.

Vuga ijambo mu Cyongereza. Ryandike mu rurimi rwawe kavukire. Noneho shushanya icyo iryo jambo rivuga, andika icyo risobanuye, cyangwa urikoreshe mu nteruro. Icya mbere bakigukoreye.

Mu Kinyarwanda	Mu Cyongereza	Shushanya ishusho rijyanye n`ijambo, andika inyito yaryo, cyangwa se rikoreshe mu nteruro
Subiramo	Please say that again.	*Subiramo. Ubwa mbere sinumvise.*
	Can you repeat that?	
	What does _____ mean?	
	Can you speak more slowly?	
	I don't speak English.	
	I don't understand…	
	Can you understand me?	

Uziga Icyongereza byihuse cyane niba ufite ubushake bukomeye bwo kwiga ururimi.

Tekereza ku mpamvu ituma kuvugana n`abandi ari ingirakamaro.

Uvuga izihe ndimi. Zandike hano:

Vugana na mugenzi wawe aho wakoreshaga izo ndimi mu gihugu ukomokamo cyangwa igihugu wahawemo ubuhungiro. Urutonde rwawe rushobora kubaho imuhira, mu isoko, igihe ugerageza gutega bisi hari aho ugiye n`ibindi.

Zirikana ibibazo bikurikira:

- ❒ Indimi ubu uvuga wazize ute?
- ❒ Wavugana ute n`abantu bavuga ururimi rutandukanye n`urwawe ? Urugero, bumwe mu buryo ushobora kuvugana n`Abanyamerika mbere y`uko uvuga Icyongereza ni ubuhe?
- ❒ Ubu uzi Icyongereza kingana iki ?

Gera ubumenyi bwawe bw`Icyongereza ku gipimo kiri hasi aho. 0 ni urugero rutangira rw`Icyongereza (cyangwa nta Cyongereza), naho 5 ni urugero rwisumbuye rw`Icyongerza.

UMUTWE WA CUMI N`ITATU 13

GUPIMA ICYONGEREZA

Niba nta Cyongereza uvuga mbere yo gutangira gufata amasomo y`Icyongereza wigira impungenge. Mbere y`uko amasomo atangira, uzakorerwa ipimwa. Ipimwa ni ubwoko bw`ikizami. Amasomo y`Icyongereza atangwa mu nzego zitandukanye, kuva ku rutangira kugera ku rwisumbuye, kandi ipimwa rizerekana urugero urimo urwo ari rwo.

Amasomo y`Icyongereza atandukanye mu bwoko bw`Icyongereza bigisha. Amasomo amwe n`amwe yigisha Icyongereza cyoroshye, gisanzwe umuntu ukiza akeneye kwiga kugirango agere aho agiye—kugura ibintu mu iduka, gusoma gahunda ya bisi, cyangwa gushaka akazi. Ayandi yigisha Icyongereza gikenerwa mu mirimo runaka—urugero, gukora mu ihoteli cyangwa gukora mu mwuga w`ubuganga. Hari n`amasomo y`Icyongereza ategura abanyeshuri kujya muri kaminuza. Aya masomo yibanda ku gusoma no kwandika.

AKAMARO KO KWIGA ICYONGEREZA

Akigera muri Amerika, Nadia yakeneraga umusemuzi igihe cyose yajyaga kubonana na muganga. Ibi byari bikomeye kuberako umunsi wonyine w`icyumweru umusemuzi w`umugore yabonekagaho wari ku wa kabiri. Ubu, nyuma y`imyaka 3, Nadia yisabira gahunda wenyine kandi ntagikenera umusemuzi. Ibi bivuga ko ashobora kujya kwa muganga ku mu nsi uwo ari wo wose. Ni gute kwiga Icyongereza byafashije Nadia? Bumwe mu buryo ushobora kwitoza Icyongereza ni ubuhe?

Uziga Icyongereza vuba kurushaho nugira ubushake bukomeye bwo kwiga ururimi (kucyiga). Dore zimwe mu mpamvu zituma kwiga Icyongereza ari ngombwa:

- ❒ Kubona akazi.
- ❒ Gukora akazi neza.
- ❒ Kumenya ibyo abana n`abuzukuru bawe bari kuvuga.
- ❒ Kuvugana n`abarimu b`abana bawe.
- ❒ Kugira ubwigenge bwo gukoresha itwarabantu n`ibintu rusange no kwihahira wowe n`umuryango wawe.
- ❒ Kuvugana n`abaturanyi bawe.
- ❒ Kumenya ibiri kuba ku isi ukoresheje televiziyo, ibinyamakuru, na interineti.
- ❒ Gutsinda ikizami cy`ubwenegihugu bw`Amerika bityo ukaba umwenegihugu w`Amerika.

Itoze kuvugana Icyongereza n`abandi biga ururimi cyangwa basanzwe bakivuga.

Naw Ku yigiye Icyongereza mu kazi ke, ariko umugabo we, Soe Thu, yari azi gusa Icyongereza gike. Iyo bajyanaga mu nama z`abana babo zihuza ababyeyi n`abarimu, Naw Ku yagombaga gusemurira Soe Thu ibiganiro byose. Ibi byateraga ipfunwe Naw Ku na Soe Thu. Ubu, nyuma y`imyaka 2, Icyongereza cya Soe Thu cyariyongereye, kandi we na Naw Ku bombi babasha kuvuga mu nama z`ababyeyi n`abarimu. Ni gute kwiga Icyongereza byafashije Soe Thu? Bumwe mu buryo Soe Thu yashoboraga kuba yarizemo Icyongereza ni ubuhe?

Kuki kwiga Icyongereza bizakubera ingirakamaro muri Amerika? Shushanya cyangwa wandike hasi aho kuri zimwe mu mpamvu.

Bhampa ni umusaza wakunze kugira ibibazo byo kwiga Icyongereza. Umuhungu we n`umukazana we barakora bombi, n`abuzukuru be bariga, bityo akamara igihe kinini ari wenyine. Ni iki Bhampa yakora ngo yungure Icyongereza cye?

UBURYO BWO KWIGA ICYONGEREZA

Hari uburyo bwinshi ushobora kwigamo Icyongereza. Hasi aho hari zimwe mu ngero:

GUFATA AMASOMO Y`URURIMI RW`ICYONGEREZA. (bakunda kwita ESL, cyangwa Icyongereza nk`Ururimi rwa Kabiri (English as a Second Language). Mu masomo ya ESL abagabo n`abagore b`imyaka, amashuri, n'ubwoko binyuranye baricarana. Mu rugero rubanza rw`amasomo ya ESL, ubusanzwe abanyeshuri biga Icyongereza bakeneye kugirango babeho mu gace no mu kazi. Mu masomo y`urugero rwisumbuye, abanyeshuri batinda ku kibonezamvugo cy`Icyongereza, ku gusoma no kwandika.

Faadumo yatangiye kwiga Icyongereza, ariko aracyafite ikibazo cyo kuvugana n`abantu ku kazi. Bumwe mu buryo Faadumo ashobora kuvuganamo n`abandi ari nako akomeza kwiga Icyongereza ni ubuhe?

KWIGANA N`UMWIGISHA W`UMUKORERABUSHAKE. Ubu kandi bushobora kuba uburyo bwiza bwo kwiga iby`umuco n`imigenzo y`Amerika. Saba ikigo cyawe gishinzwe gutuza kuguhuza n`umukorerabushake.

KUREBA FIRIMI Z`ICYONGEREZA, ibiganiro bihita kuri televiziyo, cyangwa kumva ibiganiro mu Cyongereza kuri radiyo.

KWITOZA KUVUGANA ICYONGEREZA N`ABANDI bari kwiga ururimi cyangwa basanzwe bavuga Icyongereza.

GUSOMA IBYANDITSWE MU CYONGEREZA. Icyongereza kiragukikije: ku makarito y`ibiryo, ibimenyetso, ibyapa byamamaza, bisi, udutabo twamamaza, n`ibinyamakuru.

KWIGIRA ICYONGEREZA MU KAZI . Nubona akazi, uziga amagambo n`imvugo by`Icyongereza bikoreshwa muri ako kazi. Uzagira abo mukorana ndetse bishobotse n`abakiriya cyangwa abaguzi bavuga Icyongereza. Kuvugana nabo bizungura Icyongereza cyawe.

Abantu bakomoka ku isi hose bigana Icyongereza muri Amerika.

Abanyeshuri mu ishuri ry`Icyongereza bashobora kuba bafite amateka atandukanye, ariko bose bashaka ikintu kimwe: kwiga Icyongereza.

URUVANGE MU ISHURI RYA ESL

Mu ishuri rya ESL ryawe, ushobora kubona abagabo n`abagore bakomoka ku isi hose bari kwigana nawe Icyongereza. Kumenyana n`abantu bashya bavuga indimi zinyuranye kandi bafite imico itandukanye n`uwawe bishobora gushimisha.

Reba ku ikarita y`isi iri hasi aho. Ca uruziga iruhande rw`igihugu ukomokamo.



UMUTWE WA CUMI N`ITATU 13

Ubu noneho ca uruziga iruhande rw`aho uzatuzwa muri Amerika



Zirikana ibibazo bikurikira :

- ❒ Uratekereza ko abimukira bo mu gace kawe bazaba bakomoka he ?
- ❒ Ibindi bintu ushobora gushaka kumenya ku bandi mu ishuri ni ibihe?

Uruvange rushobora kubera abarimu n`abanyeshuri ikibazo. Abanyeshuri banyuranye bashobora kuba barize bitandukanye bakagira n`intego zitandukanye zo kwiga Icyongereza. Abanyeshuri bamwe bashobora kuba ari abantu bakiri bato bizeye kwiga Icyongereza gihagije ngo bajye muri kaminuza, naho abandi bashobora kuba basheshe akanguhe bari kwiga Icyongereza kugirango bashobore kwijyana ku iduka cyangwa kwa muganga. Abanyeshuri bamwe bashobora kuba ari abakuze bakora amasaha yose baza mu ishuri ari ukugirango bungure Icyongereza cyabo mu kazi cyangwa bavugane n`abarimu b`umwana wabo [abana babo]. Ariko uko baba baje bameze kose, abanyeshuri bose baba bashaka ikintu kimwe: kwiga Icyongereza.

Ku munsi wa mbere ubwo Priscilla yazaga kwiga Icyongereza, yatunguwe no kubona abantu bava imihanda yose. Yaratarigera aba hamwe n`abantu b`ubwoko bwinshi butandukanye butya. Iyaba wari Priscilla wakumva umeze ute? Uratekereza ko Priscilla ashobora kubona ibiki bindi bagenzi be mu ishuri batandukaniyeho uko ishuri rikomeza? Iyaba wari mu ishuri rya Priscilla, ni iki wakora kugirango wigushe neza?

Tekereza ku munsi wawe wa mbere wo kwiga Icyongereza. Uzibwira ute itsinda ry`abantu bavanze batyo? Ushobora kuvuga uti:

❒ I come from _____. **SUDAN**
Nkomoka _____.

❒ I speak _____. **ARABIC**
Mvuga _____.

❒ My family has _____ members. **8**
*Umuryango wanjye urimo abantu*_____.

❒ I have been in the United States since _____. **JUNE**
*Muri Amerika mpari kuva*_____.

❒ I would like to learn about
_____. **BUYING FOOD IN THE UNITED STATES AND TAKING THE BUS**
Ndifuza kumenya ibyerekeye _____.

GUKORESHA ICYONGEREZA

Kora imbonerahamwe y`igihe ukoresha Icyongereza, aho ukoresha Icyongereza, ibyo wavuze n`uko byagenze. Byagenze neza? Wagize ingorane? Bibiri bya mbere byujujwe ngo bibe ingero.

Itariki, igihe	Ahantu/ukuntu	Icyo navuze	Ibyakurikiyeho
Kuwa mbere, Itariki ya 19 Werurwe, 2012, isaa 4:30 z`amanywa	*Navuganye n`umwarimu wigisha umwana wanjye imibare*	*Yego, nshobora kuza ku ishuri, mu nama kuwa kabiri, itariki ya 20 Werurwe isaa 4:15 z`amanywa*	*Mwarimu yagize ngo navuze 4:50 z`amanywa. Nagombye gutegereza, ntacyo byari bitwaye.*
Ku wa kabiri, itariki ya 20 Werurwe, isaa 3:30 z`amanywa	*Nasomye gahunda ya bisi*	*Nabonye hari bisi ijya ku ishuri ihaguruka isaa 3:05 z`amanywa, ikagerayo isaa 3:59 z`amanywa*	*Nafashe bisi ngererayo igihe.*

Kwiga urimi rushya bitwara igihe, kandi buri muntu yiga ku rugero rwe.

Itoze kuvuga cyangwa kumva Icyongereza igihe kigenwe buri munsi.

KWIGA URURIMI RUSHYA BISABA IGIHE

Ubwa mbere ushobora kumva kwiga Icyongereza bikomeye ndetse ukagira ipfunwe. Kumva umeze gutyo ni ibisanzwe. Buri muntu yiga ku ntambwe ye no mu buryo bwe. Abantu bamwe bafata vuba kurusha abandi. Abantu bigira mu gukora. Abandi bigira mu kumva cyangwa gusoma. Abantu bamwe bashobora gushaka gutegereza gato mbere yo kuvuga. Abandi bakunda guhera ko bagerageza amagambo n`interuro bishya. Ariko kuri buri wese, kwiga ururimi rushya bisaba igihe n`umuhate.

Kwiga Icyongereza bizagorana kandi bitware igihe, ariko komeza witoze!

Tekereza ku buryo bumwe uzagerageza kwigamo Icyongereza. Biganire na mugenzi wawe.

Urufunguzo rwo kwiga ururimi rushya ni ukurwitoza buri munsi. N`ubwo wakumva radiyo cyangwa ukareba televiziyo mu Cyongereza iminota icumi ku munsi, ibi bizagufasha. Nyuma y`igihe no kwitoza uzarushaho gutinyuka kuvuga Icyongereza.

Akigera muri Amerika, Reza yiyandikishije kwiga Icyongereza. Kwiga byari buri wa kabiri na buri wa kane nimugoroba. Kwiga byagendaga neza kandi yigaga byinshi. Hanyuma Reza abona akazi. Yagombaga kujya akora kuva ku wa mbere kugeza ku wa gatandatu kuva saa kumi z`umugoroba kugeza saa sita z`ijoro. Ikibazo hano ni ikihe? Uratekereza ko Reza yagombye gukora iki?

UMUTWE WA CUMI N` ITATU 13

Niba utewe ipfunwe no kwiga Icyongereza, ni ibihe bintu byubaka ushobora gukora kugirango wige ururimi? Ca uruziga iruhande rw`ibintu ushobora gukora hasi aho.

- ❒ Itoze kuvugana Icyongereza n`abandi bavuga ururimi rw`Icyongereza.
- ❒ Reba televiziyo cyangwa wumve radio mu Cyongereza.
- ❒ Fata amasomo y`Icyongereza.
- ❒ Imenyerezanye n`abantu bo mu gace kawe.
- ❒ Imenyerezanye n`umuntu uvuga Icyongereza ushaka kwiga ururimi rwawe.
- ❒ Ihe intego zishoboka za buri cyumeru.
- ❒ Kora urutonde rw`amagambo mashya wize.
- ❒ Gerageza gusoma Icyongereza ubona iruhande rwawe, ku byapa by`imihanda, kuri bisi, no mu madirishya y`amaduka.

Ni ibihe bintu bindi bishobora kugufasha gutinyuka mu kwiga Icyongereza?

GUSOZA*

Hitamo ibisubizo byiza kuruta ibindi mu biri hasi aha, uhitamo neza. Dore urugero:

Ni uruhe rurimi ruvugwa n`abantu benshi muri Amerika?

a. Igishinwa.

(b.) Icyongereza.

c. Ikidage.

Benshi muri Amerika bavuga Icyongereza, rero igisubizo ni b. Icyongereza.

1. Kwiga Icyongereza ni inzira ngufi kandi yoroshye.

   a. Ni byo.

   b. Si byo .

2. Kuki kwiga Icyongereza ari ngombwa bigeze aho?

   a. Kubona akazi keza.

   b. Gutsinda ikizami cy`ubwenegihugu bw`Amerika.

   c. Kwigenga no kwigira.

   d. Kumenya ibyo abana n`abuzukuru bawe bari kuvuga iyo bavuze mu Cyongereza.

   e. Ibyo byose

* Ibisubizo by`ukuri byatanzwe ku Mugereka A ku ipaje ya 222.

3. Urufunguzo rwo kwiga Icyongereza ni ukucyitoza incuro ebyeri cyangwa eshatu mu cyumweru.

   a. Ni byo.

   b. Si byo .

4. Bumwe mu buryo bwo kwiga Icyongereza ni ubuhe muri ubu bukurikira?

   a. Gufata amasomo y`Icyongereza.

   b. Kureba firimi n`ibiganiro bya televiziyo mu Cyongereza.

   c. Kwitozanya Icyongereza n`izindi mpunzi nazo ziri kwiga Icyongereza.

   d. Ibyo byose.

5. Nyuma y`igige no kwitoza uzarushaho gutinyuka kuvuga mu Cyongereza.

   a. Yego.

   b. Oya.

14

Umutwe wa Cumi n`Ine
KWIGA

Muri Amerika amashuri arahari kuri buri wese, utitaye ku bushobozi, igitsina, imyaka, ubwoko, idini, icyerekezo cy`igitsina [sexual orientation],cyangwa urwego rw`ubutunzi. Abanyamerika benshi kwiga babifata nk`uburyo bwo kubona akazi kisumbuyeho, no kungura urwego rw`imibereho yabo.

Uyu mutwe uravuga ku

» Amashuri y`abana
» Amashuri y`abakuze

AMAGAMBO FATIZO Y` ICYONGEREZA

Amagambo y`Icyongereza akurikira akoreshwa iyo bavuga ku byo kwiga muri Amerika. Aya magambo kuyiga bizakugirira akamaro.

Vuga ijambo mu Cyongereza. Ryandike mu rurimi rwawe kavukire. Noneho shushanya icyo iryo jambo rivuga, andika icyo risobanuye, cyangwa urikoreshe mu nteruro. Icya mbere bakigukoreye.

Mu Kinyarwanda	Mu Cyongereza	Shushanya ishusho rijyanye n`ijambo, andika inyito yaryo, cyangwa se rikoreshe mu nteruro
Gutonda	attendance	*Gutonda bisobanura kuba uri ahantu ku mpamvu runaka, nko ku ishuri cyangwa mu nama.*
	book	
	certificate	
	class	
	degree	
	diploma	
	education	
	math	
	reading	
	school	
	science	
	teacher	

14 KWIGA

Amashuri ya Leta ni ubuntu. Abana bose bafite imyaka 6 kugeza kuri 16 bagomba kujya kwiga.

Ihutire kwandikisha abana mu ishuri. Ikigo cyawe gishinzwe gutuza kizagufasha kubikora.

Tekereza k`uko amashuri rusange yari ameze mu gihugu ukomokamo cyangwa igihugu wahawemo ubuhungiro.

- ❒ Mbese hari amafaranga y`ishuri?
- ❒ Amashuri yari ari kure kungana iki uvuye aho wari utuye?
- ❒ Abana bawe bageragayo bate?
- ❒ Abanyeshuri bajyana iki ku ishuri?
- ❒ Abanyeshuri bigishwaga iki?
- ❒ Ibyigwa byari ibihe?
- ❒ Ishuri ryamaraga amasaha angahe?
- ❒ Mbese abakuze bajyaga kwiga?

Shushanya cyangwa wandike ku mashuri mu gihugu ukomokamo cyangwa igihugu wahawemo ubuhungiro.

Vugana na mugenzi wawe ku byo wanditse cyangwa washushanyije. Ibi ni ukwitoza kwiza, kandi muri Amerika ushobora gushaka kugira uwo ubwira iby`amashuri mu gihugu ukomokamo cyangwa igihugu wahawemo ubuhungiro!

UMUTWE WA CUMI N`INE 14

AMASHURI Y`ABANA

Amashuri rusange ni ubuntu. Abana bose kuva ku myaka hafi 6 kugeza kuri 16 bagomba kujya kwiga. Amashuri rusange ubusanzwe abereyeho abana kuva ku myaka 5 kugeza kuri18. Ababyeyi bashobora na none kujyana abana mu mashuri yigenga, ariko muri aya mashuri amafaranga y`ishuri ashobora kuba menshi.

Zirikana ibibazo bikurikira:

- ❒ Umwaka w`amashuri watangiraga ryari ukarangira ryari mu gihugu ukomokamo cyangwa mu gihugu wahawemo ubuhungiro?
- ❒ Mbese abana bagombaga kujya kwiga?
- ❒ Mbese hariho amashuri y`ubuntu ku bana bose?

Mu mashuri y`Amerika, abana b`inkomoko, amoko, n`indimi binyuranye barigana kandi bagakina. Mumashuri menshi, abahungu n`abakobwa barigana. Abana bafite ubumuga bw`umubiri cyangwa mu mutwe bafite uburenganzira ku mashuri bungana n`ubw`abandi bana bafite.

Arale yari afite abakobwa batatu n`umuhungu umwe. Umuhungu yagenderaga mu igare ry`ibimuga kandi yari afite ubumuga bwo mu mutwe. Mu gihugu Arale akomokamo abana b`ibimuga ntibajyaga kwiga, n`abakobwa benshi ni uko ntibajyaga kwiga. Arale yatunguwe no kumva ko muri Amerika abana bose bagombaga kujya kwiga. Iyaba wari Arale, wakumva umeze ute ? Ni nde waganirira uko umeze ?

Ni ngombwa kwandikisha abana bawe mu ishuri aka kanya. Ubusanzwe abana biga ku mashuri ari hafi y`aho batuye. Henshi mu mashuri bazashaka kureba impapuro z`ubwishingizi z`umwana n`izo yivurijeho. Ikigo cyawe gishinzwe gutuza kizabigufashamo. Niba umwana hari impapuro zo kwa muganga cyangwa z`amashuri afite, zizane muri Amerika.

Iyo abana basibye ishuri, ababyeyi bagomba kwandika akandiko basobanura impamvu.

Muri Amerika hari inzego enye z`amashuri y`abana :

IKIBURAMWAKA
Uru rwego ni urw`abana bafite imyaka 3-5. Ntirutegetswe n`amategeko, kandi ubusanzwe ni ubuntu.

AMASHURI ABANZA
Uru rwego rutangirana n`incuke (imyaka 5), rugakomeza kugeza mu mwaka wa 5 cyangwa wa 6 (imyaka 12).

AMASHURI ABANZIRIZA AYISUMBUYE
Uru rwego ubusanzwe rukubiyemo imyaka kuva ku wa 6 kugeza ku wa 8 (imyaka 12 kugeza kuri 14).

AMASHURI YISUMBUYE
Uru rwego ubusanzwe rukubiyemo imyaka kuva ku wa 9 kugeza ku wa 12 (imyaka 14 kugeza kuri 18). Abanyeshuri barangije uru rwego bahabwa diporome y`amashuri yisumbuye.

UMWAKA W`AMASHURI

Umwaka w`amashuri utangira muri Kanama cyangwa Nzeri ukarangira muri Gicurasi cyangwa Kamena. Abana benshi batonda ishuri hafi amasaha 6 ku munsi, kuva kuwa mbere kugeza kuwa gatanu. Abanyeshuri bafite ikibazo cyo gukurikira mu ishuri bashobora gufata amasomo y`impeshyi muri Kamena na Kanama.

UMUTWE WA CUMI N`INE 14

GUTONDA

Gutonda ishuri ni ngombwa cyane. Iyo abana basibye ishuri, ababyeyi bagomba kwandika akandiko gasobanura impamvu, n`umunyeshuri agomba gukora imikoro atakoze.

Umukobwa wa Isabel yari asigaye agira ibibazo ku ishuri. Rimwe Isabel yamusibije ishuri ngo aruhuke. Nyuma muri icyo gitondo, ishuri ryarahamagaye ngo ribwire Isabel ko umukobwa we atari yaje kwiga uwo munsi. Isabel yarashobewe. Yabwiye ishuri ko uwo munsi yari yasibije umukobwa we ishuri. Kuki ishuri ryahamagaye? Kuki byari ikibazo ko Isabel asibya umukobwa we ishuri? Ni iki Isabel yagomba kuba yakoze ngo yirinde iki kibazo?

IBYISHYURWA BIJYANYE N`ISHURI

Nubwo amashuri ari ubuntu, ababyeyi bishyura ibyishyurwa bimwe na bimwe, nk`amafaranga y`ibikoresho by`ishuri n`amafaranga y`ibikorwa byihariye. Abana bashobora kujyana ifunguro ry`amanywa ku ishuri cyangwa bakagura ifunguro ry`amanywa, ridahenze, ry`indyo yuzuye muri resitora y`ishuri.

Sonam, umukobwa wa Arjun w`imyaka 10, ntiyakunze impamba Arjun yamupfunyikiye yo kujyana ku ishuri kubera ko ibiryo byari bitandukanye n`ibyo inshuti za Sonam zazanagaho impamba. Bamwe mu bandi bana bannyegaga ibiryo bya Sonam. Sonam yashakaga kugura ibiryo mu resitora y`ishuri. Iyaba wari Arjun, wakumva umeze ute? Ni iki wakora kuri iki kibazo?

Ni ibihe byishyurwa imiryango yishyuraga mu mashuri rusange mu gihugu ukomokamo cyangwa igihugu wahawemo ubuhungiro?

Abana bamwe batuye hafi y`amashuri ku buryo bagenda n`amaguru.

Amashuri menshi afite amasomo yihariye y`Icyongereza ahabwa abana batazi Icyongereza cyinshi.

UBURYO BWO GUTWARA ABANTU N`IBINTU

Abana bamwe batuye hafi y`ishuri ku buryo bagenda n`amaguru. Niba ishuri riri kure y`iwawe ku buryo umwana atagenda n`amaguru, bisi z`ishuri zishobora kumujyana ku ishuri ku buntu. Ubuyobozi bw`amashuri buzemeza uburebure bwo kuva ku ishuri butuma hatangwa uburyo bwo gutwarwa ku buntu.

INTEGANYANYIGISHO

Nta nteganyanyigisho y`igihugu iriho muri Amerika. Buri leta, akarere k`amashuri cyangwa ishuri ubwaryo byemeza ibyigishwa. Abanyeshuri benshi biga Icyongereza, imibare, amasomo mbonezamubano, na siyansi. Amasomo y`inyongera nk`ubukorikori, muzika, uburere ngororangingo, n`indimi z`amahanga nayo ashobora kwigishwa.

IMYIGISHIRIZE Y`AMERIKA

Muri Amerika abarimu bashishikariza abana kwiga batekereza kandi basesengura, babaza ibibazo kandi baza mu rubuga rw`impaka n`ibikorwa.

Ubwo Hanan yategaga amatwi umukobwa n`umuhungu we bavuga ibyerekeye ishuri ryabo rishya, yarashobewe. Ni burere ki abana be bariho bahabwa? Umwarimu ntiyavugaga byinshi, kandi abana basabwaga kubaza ibibazo byinshi no gutanga ibyabo bitekerezo. Bashoboraga ndetse no guhinyuza mwarimu n`igitabo! Kandi aho gutega amatwi mwarimu, bamaraga igihe kinini bakorana n`inshuti zabo. Ubu buryo bw`imyigishirize butandukaniye he n`uko abarimu bo mu gihugu ukomokamo cyangwa wahawemo ubuhungiro bigisha? Bihuje iki? Uratekereza ko impamvu abarimu b`Abanyamerika bakoresha ubu buryo ari iyihe? Ni iki Hanan yashoboraga gukora kugirango asobanukirwe neza ibyariho biba mu mashuri y`abana be?

KWIGA ICYONGEREZA

Amashuri menshi afite amasomo yihariye y`Icyongereza ku bantu bakiza. Andi mashuri atanga ubufasha abinyujije ku mwarimu wihariye cyangwa umwigisha.

UMUTWE WA CUMI N`INE 14

Umunsi umwe ku ishuri bahamagaye Victoria bamubwira ko umuhungu we Joseph yari mu ngorane zitewe no gukererwa ishuri kenshi. Joseph atashye, Victoria yamubajije uko ku ishuri bari bamuhannye. Joseph yavuze ko yategetswe kujya kuvugana n`umukuru w`ishuri no kumusobanurira icyamuteye kuba yakererwaga. Victoria yarashobewe. Yumvaga umuhungu we atahanwe na mba. Ni gute umunyeshuri yahanwaga mu gihugu ukomokamo cyangwa wahawemo ubuhungiro? Iyaba wari Victoria, wakumva umeze ute mu kibazo nk`iki? Wabyitwaramo ute?

KUMENYERA

Abanyeshuri bakiza benshi bafata igihe cyo kumenyera, cyane cyane mu myaka yabo ya mbere y`ishuri. Ubwa mbere abana bashobora kumva bagize irungu, ariko uko Icyongereza cyabo cyiyongera, bagira inshuti kandi bakarushaho gutinyuka ku ishuri.

Zirikana ibibazo bikurikira birebana n`abana bawe:

- ❒ Ni izihe mbogamizi utekereza ko abana bawe bashobora kugira mu kumenyera ubuzima bwo ku ishuri muri Amerika?
- ❒ Ni gute wafasha abana bawe kurenga izi mbogamizi?

IMYITWARIRE ITARI KU MURONGO Y`ABANYESHURI B`ABANYAMERIKA

Abanyeshri benshi bakiza n`ababyeyi babo batangazwa n`imyitwarire n`imyambarire y`abanyeshuri b`Abanyamerika. Amashuri rusange y`Amerika aha abanyeshuri ubwigenge bwo guhitamo, ariko na none basabwa kubahiriza amategeko y`ishuri. Iyo bishe amategeko, abanyeshuri bashobora gutegekwa kugumayo nyuma y`ishuri, cyangwa guhagarikwa mu gihe cy`iminsi mike. Ibihano byo ku mubiri ntibyemewe mu mashuri y`Amerika.

Tekereza ku myitwarire y`abana ku ishuri mu gihugu ukomokamo cyangwa igihugu wahawemo ubuhungiro.

- ❒ Mbese bambaraga imyenda y`ishuri isa?
- ❒ Mbese babazaga ibibazo, bakoreraga mu matsinda, cyangwa igice kinini cy`umunsi bategaga mwarimu amatwi ?
- ❒ Mbese abanyeshuri baragendagendaga, cyangwa igice kinini cy`umunsi bakimaraga bicaye mu ntebe z`ishuri?

Muri Amerika, abarimu bemera ko ababyeyi bagombye kugira uruhare mu myigire y`abana babo.

IMBOGAMIZI ZO KWIGA

Amashuri amwe n`amwe, by`umwihariko amanini yo mu mijyi migari, agira ibibazo by`uduco tw`urubyiruko n`imirwano hagati y`udutsiko dushingiye ku nkomoko cyangwa ubwoko. Mu bice bimwe, hagiye habaho ibibazo by`abanyeshuri bakoresha ibiyobyabwenge bakanazana intwaro ku ishuri. Umwana wumva atewe ubwoba n`umuntu yagombye kwirinda uwo muntu kandi agaherako abibwira umwarimu cyangwa umujyanama w`ishuri.

Niba utekereza ko abana bawe baba bakeneye inkunga ku kibazo ku ishuri, gira uwo ubibwira ku ishuri!

Ganira na mugenzi wawe ku ishusho riri hejuru aha ryerekana icyumba gisanzwe cyo mu mashuri abanza muri Amerika.

- ❒ Ni misusire ki ubona hagati y`iki cyumba cy`ishuri ryo muri Amerika n`icyumba cy`ishuri cyo mu gihugu ukomokamo cyangwa igihugu wahawemo ubuhungiro?
- ❒ Bitandukaniye he?
- ❒ Uratekereza ko iyi misusire n`itandukaniro bivuga iki ku buryo umwana wawe azamenyera muri Amerika?

UMUTWE WA CUMI N`INE 14

URUHARE RW`ABABYEYI MU MYIGIRE Y`ABANA

Muri Amerika abigisha bemera ko ababyeyi bagombye kugira uruhare mu myigire y`abana babo kubera ko bibifasha abana gutsinda mu ishuri. Amashuri agereageza gufasha ababyeyi kumva imyigire y`abana babo, kandi amenshi atanga amakuru ku babyeyi batavuga Icyongereza.

Tekereza ku ruhare rw`ababyeyi mu gihugu ukomokamo cyangwa igihugu wahawemo ubuhungiro.

- ❒ Ababyeyi bagiraga uruhare mu buhe buryo?
- ❒ Mbese ababyeyi basuraga ishuri? Bafashaga mu mikoro y`imuhira?
- ❒ Byari ibisanzwe kuvugana n`abarimu cyangwa abayobozi? Gukorana inama n`abarimu?

INAMA ZA MWARIMU N`UMUBYEYI

Ishuri rizashyiraho uburyo bwo kuganira n`abarimu ku byerekeye imyigire y`abana mu nama zihuza umubyeyi na mwarimu. Nyamara ariko, ushobora gusaba kubonana n`abarimu b`abana bawe igihe icyo ari cyo cyose ufite ibibazo cyangwa impungenge.

Benshi mu Banyamerika babona ko kwiga ari iby`igihe cyose.

Ca uruziga iruhande rw`amashusho ari hasi aho yerekana uburyo ushobora kugira uruhare mu myigire y`abana bawe.

Kujyana abana kuri bisi y`ishuri

Gukorana n`abana bawe imikoro yabo y`imuhira

Guherekeza umwana wawe mu rugendo-shuri

Kujya mu nama z`umubyeyi na mwarimu cyangwa ijoro ry`ababyeyi ku ishuri.

Gutega amatwi abana bawe igihe bavuga iby`ishuri kandi babaza ibibazo

Gutanga umuganda ufasha mu byumba by`ishuri by`abana bawe cyangwa mu gihe cyo gukina cyangwa mu gihe cy`ifunguro ryo ku manywa

Kuvugana n`umwarimu cyangwa umuyobozi w`ishuri

Gufasha mu gikorwa cya nyuma y`amasomo, cyangwa mu ikipe ya siporo y`ishuri

Gutanga ikiganiro mu ishuri ry`abana bawe ku byerekeye igihugu ukomokamo

Kujya mu ishyirahamwe ry`ababyeyi n`abarimu (PTA) cyangwa kujya mu nama z`ubuyobozi bw`ishuri

Kugira uruhare mu bikorwa byihariye, imirimo, cyangwa gushaka amafaranga

Ibyavuzwe haruguru byose ni uburyo bwiza bwo kugira uruhare mu myigire y`abana bawe.

UMUTWE WA CUMI N`INE 14

Vugana n`abarimu b`abana bawe ku buryo wagira uruhare mu myigire y`abana bawe!

Zirikana ibyo wize byerekeye amashuri muri Amerika. Shushanya cyangwa wandike ku itandukaniro riri hagati y`amashuri mu gihugu ukomokamo cyangwa igihugu wahawemo ubuhungiro no muri Amerika.

AMASHURI Y` ABAKUZE

Abanyamerika benshi bafata amashuri nk`ikintu abantu bashobora kwishimira ubuzima bwabo bwose, kandi abakuze benshi igihe kiragera bakiyandikisha gufata amasomo. Bakomeza gukora amasaha yuzuye, bakiga ikigoroba cyangwa muri wikendi. Impunzi nazo, zishobora gukomeza amashuri yazo kandi zinakora. Ikigo cyawe gishinzwe gutuza gishobora kugufasha kubona uburyo bwo kwiga mu gace kawe, kuva ku masomo y`Icyongereza no kwigira kubona diporome y`amashuri yisumbuye, kugeza ku mahugurwa y`akazi n`imyuga. Ni byiza kugira amahugurwa yiyongera ku mashuri yisumbuye, nka seritifika cyangwa diporome.

Farah yari yarazigamye amafaranga yo kuziga mu ishuri rikuri ryo mu gace. Ariko amasomo ashaka kwiga atangwa nimugoroba, igihe aba ari ku kazi. Ni iki Farah yakora?

Amashuri makuru ashobora guhenda cyane.

Dore uburyo buke bwo kwiga ku bakuze ushobora kubona mu gace kawe:

**AMASOMO Y`URURIMI RW`ICYONGEREZA N`AYO KWANDIKA NO GUSOMA.** Aya masomo agufasha kwiga Icyongereza. (Reba Umutwe wa 13 ku byerekeye amasomo y`Icyongereza).

ANDI MASOMO YO KWIGISHA ABAKUZE. Gahunda zo kwigisha abakuze zitanga amasomo anyuranye kuri rubanda. Ibyigwa bikubiyemo icungamutungo n`icungamari, ubumenyi bw`ubunyamabanga, ubumenyi bwa mudasobwa, n`indimi z`amahanga.

AMASOMO ATEGURIRA GUKORERA DIPOROME Y`AMASHURI Y`UBUMENYI RUSANGE (GENERAL EDUCATIONAL DEVELOPMENT [GED]). Aya masomo afasha abakuze batigeze barangiza amashuri yisumbuye kubona diporome y`amashuri yisumbuye. Impunzi zikuze zitari zarize amashuri yisumbuye mu bihugu byazo, cyangwa zidafite diporome y`amashuri yisumbuye, zishobora kwigira diporome ya GED.

**AMASHURI Y`IMYUGA NA TEKINIKI.** Aya mashuri atoza abantu imirimo y`ubumenyi, nk`abakanishi b`imodoka, abakora porogaramu za mudasobwa, n`abafasha ba muganga (usanzwe n`uw`amenyo). Mu kigwi cya diporome, aya mashuri aha abayarangijemo seritifika.

Moe Win yari umukanishi mu gihugu akomokamo. Muri Amerika, yemeye akazi ka mbere yabashije kubona, kumanika ibicuruzwa mu iduka. Moe Win yamenye ibya gahunda y`amahugurwa y`abakanishi, ariko yagombaga gukora amasaha make mu gihe yiga. Iyaba wari Moe Win, bimwe mu bintu wagombye kuzirikana mu gufata icyemezo ni ibihe?

KAMINUZA. Muri Amerika hari ubwoko bubiri bukuru bw`amashuri makuru: kaminuza z`uduce (zigira gahunda y`imyaka 2) na kaminuza (zisanzwe) z`imyaka 4. Kwemererwa bishobora kuruhanya, guhenda, no gufata igihe. Kaminuza z`uduce ntizihenda cyane, ariko kaminuza z`imyaka 4 zishobora guhenda cyane. Kaminuza nyinshi zifite ibiro byihariye bitanga amakuru ku buryo bwo kubona imfashanyo y`amafaranga ku banyeshuri bayikeneye. Abanyeshuri benshi ba Kaminuza bagomba kwiyishyurira ibyishyurwa by`imibereho yabo.

Ca uruziga iruhanda rw`uburyo bw`imyigire y`abakuze burondowe ku ipaje iheruka bushobora kugushishikaza cyangwa bugashishikaza undi wo mu muryango wawe.

Ni gute bumwe mu buryo bw`imyigire muri Amerika bushobora kukugirira akamaro cyangwa bukakagirira undi muntu wo mu muryango wawe?

GUSOZA*

Hitamo ibisubizo byiza kuruta ibindi mu biri hasi aha, uhitamo neza. Dore urugero:

Ni uruhe rurimi ruvugwa n`abantu benshi muri Amerika?

a. Igishinwa.

(b.) Icyongereza.

c. Ikidage.

Benshi muri Amerika bavuga Icyongereza, rero igisubizo ni b. Icyongereza.

1. Mbese amashuri rusange y`abana ni ubuntu muri Amerika?

   a. Yego

   b. Oya

2. Uburyo bw`imyigishirize muri Amerika, ubusanzwe bukubiyemo ibihe mu bikurikira?

   a. Kubaza ibibazo.

   b. Kujya impaka.

   c. Amasomo maremare.

   d. Ibisubizo a na b

* Ibisubizo by`ukuri byatanzwe ku Mugereka A ku ipaje ya 222.

3. Amashuri rusange yose muri Amerika atageka ko abanyeshuri bambara umwambaro w`ishuri usa.

   a. Ni byo.

   b. Si byo.

4. Inshuti yawe irumva yatinye kujya mu nama ya mwarimu n`umubyeyi y`umukobwa we kuberako itavuga Icyongereza. Yagombye gupfa kujya mu nama?

   a. Oya, yagombye kubanza kwiga Icyongereza mbere yo guhura na mwarimu w`umwana we.

   b. Yego, si ngombwa ko amenya kuvuga Icyongereza cyinshi mu nama kuberako amashuri atanga amakuru ku babyeyi batavuga Icyongereza

5. Abanyamerika bemera ko ushobora kwiga gusa iyo ukiri muto.

   a. Ni byo.

   b. Si byo. Abanyamerika bemera ko nta narimwe usaza ku buryo utakwiga ibintu bishya.

1

Umutwe wa Cumi n`Itanu
URUGENDO RURAKOMEJE

Ku mpunzi nyinshi, akenshi gutuzwa ni inzira ndende kandi irimo imbogamizi, ariko ugize ukwihangana n`imyumvire yubaka ushobora kugira ubuzima bwiza kandi bushimishije mu gace kawe gashya. Hari impunzi nyinshi zataye byose zitangira bundi bushya muri Amerika. Ubu zivuga Icyongereza, zifite amazu yazo, kandi ziyobora imirimo. Ibuka ko nubwo hazabaho imbogamizi nyinshi imbere, uzagira na none uburyo bwinshi.

UMUTWE WA CUMI N`ITANU 15

Mu mutwe wa 1, wagaragaje bimwe na bimwe mu bintu wari warumvise ku byerekeye ubuzima bwo muri Amerika. Ni iki cyari ukuri? Ni iki kitari ukuri? Ubu wavuga iki ku buzima bwo muri Amerika?

Subira ku ipaje ya 8 wuzuze umukoro.

Nk`uko ubibona, hari ibintu byinshi byo gutekerezaho no kuzirikana : gukorana n`ikigo cyawe gishinzwe gutuza no gukoresha izindi serivise zo mu gace, kwiga Icyongereza, kubona akazi gatuma witunga wowe n`umuryango wawe, guhangana n`umuco mushya, gukomeza amashuri yawe, kumva no gukoresha uburyo bwo kwita ku buzima, kumenya kwijyana ahantu, kuba mu nzu n`ahantu hatekanye kandi hatunganye, kwiga ibyerekeye Amerika no gukoresha uberenganzira bwawe no kubahiriza inshingano zawe… urutonde rurakomeza.

Kuri wowe, hazabaho uburyo bwinshi bushya kandi bushamaje!

Mu mbonerahamwe ikurikira, uzuza mu nkingi yo hagati ushushanya cyangwa wandika ibitekerezo n`ibisubizo byawe ku bibazo.

	None turi itariki zingahe ? _____	Nyuma y`amezi 6-12 wanditse muri iyi mbonerahamwe, none turi itariki zingahe? _____
1. Intego zawe n`ibikorwa byawe by`ibanze mu kwezi kwawe kwa mbere muri Amerika ni ibihe?		
2. Intego zawe n`ibikorwa byawe by`ibanze mu mezi 6 yawe ya mbere muri Amerika ni ibihe?		
3. Intego zawe n`ibikorwa byawe by`ibanze mu mwaka wawe wa mbere muri Amerika ni ibihe?		
4. Intego zawe n`ibikorwa byawe by`ibanze mu myaka 2 yawe ya mbere muri Amerika ni ibihe?		
5. Intego zawe z`igihe kirekire ni izihe?		

UMUTWE WA CUMI N`ITANU 15

Mu mezi 6 cyangwa umwaka uhereye ubu, uzongere urebe kuri iyi mbonerahamwe. Urebe aho uzaba uri, hanyuma wuzuze mu nkingi y`iburyo. Hanyuma utekereze ku bikurikira:

- ❒ Intego zahindutseho iki?
- ❒ Ubwa mbere wuzuza iyi mbonerahamwe wumvaga umeze ute ku byerekeye ituzwa?
- ❒ Ubu urumva umeze ute?
- ❒ Ni iki cyahindutse k`uko wumvaga umerewe ku birebana no gutuzwa?

Guhora wibuka izi nyigisho bizagufasha gutunganirwa mu ituzwa ryawe:

- ❒ **BA MUGABO-ARIGIRA.** Kugira uruhare rufatika mu ituzwa ryawe bwite bizagufasha kumenyera vuba
- ❒ **IGA ICYONGEREZA.** Kuvuga Icyongereza bizagufasha kwivuganira n`abantu muri kumwe kandi bizaguha uburyo bwo gusaba serivise ukeneye.
- ❒ **EMERA AKAZI KA MBERE UHAWE.** Kugira akazi, n`ubwo kaba katari umwuga wawe, bizagufasha gukorera no kuzigama amafaranga ku buryo ushobora kwitunga no gutunga umuryango wawe bidatinze.
- ❒ **GIRANA UBUFATANYE N`IKIGO CYAWE GISHINZWE GUTUZA.** Abakozi b`ikigo gishinzwe gutuza bafashije impunzi nyinshi mbere yawe gutunganirwa mu gace kabo. Bafite ubumenyi n`uburambe mu gukorana n`impunzi, bityo rero tega amatwi ibyo bakubwira kandi ubabwire impungenge n`ibyifuzo byawe.

Iruhande rwawe hari abantu benshi bashaka kukubona utunganiwe. Aba bantu barimo umuryango wawe, abantu bo mu gace urimo, n`ikigo cyawe gishinzwe gutuza.

Ufite inkunga nini iva mu bantu benshi. Barashaka ko utera imbere !

Shushanya amashusho y`urugendo rwawe rwo gutuzwa mu tuzu turi hasi aho.

Nkiri umwana mu gihugu nkomokamo…	**Ndi mukuru mu gihugu nkomokamo…**
Mu gihugu nahawemo ubuhungiro…	**Ukwezi kwanjye kwa mbere muri Amerika…**
Umwaka wanjye wa mbere muri Amerika…	**Imyaka itanu yanjye ya mbere muri Amerika…**

GUSOZA*

Hitamo ibisubizo byiza kuruta ibindi mu biri hasi aha, uhitamo neza. Dore urugero:

Ni uruhe rurimi ruvugwa n`abantu benshi muri Amerika?

a. Igishinwa.

(b.) Icyongereza.

c. Ikidage.

Benshi muri Amerika bavuga Icyongereza, rero igisubizo ni b. Icyongereza.

1. Ni gute ushobora kuba mugabo-arigira?

   a. Shaka akazi.

   b. Baza ibibazo niba hari ikintu utumva.

   c. Temberera ibigukikije, nk`iguriro ry`aho utuye cyangwa isomero.

   d. Kimwe muri byo cyangwa byose.

2. Hasi aho hari uburyo ushobora kwitozamo Icyongereza. Ubwo wumva bwakoroha kurusha ubundi ni ubuhe?

   a. Gufata amasomo y`Icyongereza.

   b. Kwigana n`umukorerabushake.

   c. Kureba ibiganiro bya televiziyo cyangwa firimi mu Cyongereza.

   d. Kwitoza kuvuga, gusoma cyangwa kumva Icyongereza iminota icumi buri munsi.

* Ibisubizo by`ukuri byatanzwe ku Mugereka A ku ipaje ya 222.

3. Kuki ari ngombwa kwemera akazi ka mbere uhawe?

   a. Hashobora gushira igihe nta kandi kazi kaboneka.

   b. Gutunga umuryango wawe.

   c. Kugufasha kwishyura ibyishyurwa byawe.

   d. Kimwe muri byo cyangwa byose

4. Hasi aha hari uburyo bw`imikoranire n`ikigo cyawe gishinzwe gutuza. Ni ubuhe wumva bukomeye kuruta ubundi?

   a. Kugerera muri gahunda ku gihe.

   b. Kubaza ibibazo.

   c. Gutega amatwi ibyo abakozi b`ikigo gishinzwe gutuza bakubwira.

   d. Kubwira abakozi b`ikigo gishinzwe gutuza impungenge, ubwoba, n`ibyifuzo byawe.

URUFUNGUZO RW` IBISUBIZO

UMUTWE WA 1

» **GUSOZA ku ipaje ya 12:** **1.** Ni byo **2.** Ni byo **3.** Si byo **4.** Ni byo **5.** Ni byo **6.** Si byo **7.** Ni byo **8.** Si byo **9.** Ni byo **10.** Ni byo **11.** Ni byo **12.** Ni byo

UMUTWE WA 2

» **GUSOZA ku ipaje ya 23:** **1.** b **2.** e **3.** e **4.** c **5.** b

UMUTWE WA 3

» **IGIKORWA CYO GUHUZA ku ipaje ya 34:** **1.** c **2.** a **3.** b

» **GUSOZA ku ipaje ya 41:** **1.** a **2.** b **3.** e **4.** b **5.** d **6.** b

UMUTWE WA 4

» **GUSOZA ku ipaje ya 55:** **1.** Ni byo **2.** Si byo **3.** Si byo **4.** Ni byo **5.** Ni byo **6.** Si byo

UMUTWE WA 5

» **UMUKORO KU BWOKO BW`AMAZU YO GUTURAMO ku ipaje ya 59:** **1.** b **2.** d **3.** a **4.** c

» **UMUKORO KU MUTEKANO W`AMAZU YO GUTURAMO ku ipaje ya 63:** **1.** d **2.** c **3.** a **4.** e **5.** b

» **GUSOZA ku ipaje ya 66:** **1.** d **2.** a **3.** d **4.** d **5.** b

UMUTWE WA 6

» **UMUKORO KU GUHUZA SERIVISE Z`UBUTABAZI ku ipaje ya 73** **1.** c **2.** a **3.** b

» **UMUKORO KU BIHE BY`INGORANE ku ipaje ya 74:** **1.** yego, gusaba abazimyamuriro. **2.** Oya. Igikwiye ni uguhamagara ababyeyi b`umukobwa cyangwa kujya iwabo kuvugana nabo kuri icyo kibazo. **3.**Yego, gusaba imbangukiragutabara. **4.** Oya. Niba nta muriro ubonye umaze gusuzuma neza, ushobora kuba ukeneye ibuye rishya mu kuma kawe gatabariza umuriro. **5.** Yego, saba polisi. **6.** Oya. Niba ushobora kwivuriira mu rugo nko muri uru rugero, nta mpamvu yo guhamagra 911 (inomero itabaza).

» **GUSOZA ku ipaje ya 77:** **1.** d **2.** b **3.** b **4.** a **5.** a

IMIGEREKA A

UMUTWE WA 7

» **UMUKORO KU BYAPA BY`UMUHANDA ku ipaje ya 85:** **1.** c **2.** e **3.** b **4.** a **5.** d

» **GUSOZA ku ipaje ya 88:** **1.** e **2.** a **3.** d **4.** a **5.** e

UMUTWE WA 8

» **UMUKORO KU GUHUZA IBIBAZO BY`UBUZIMA 1 ku ipaje ya 95:**
1. b **2.** a **3.** b **4.** a **5.** c **6.** c

» **UMUKORO KU GUHUZA IBIBAZO BY`UBUZIMA 2 ku ipaje ya 96:** **1.** b **2.** c **3.** a

» **UMUKORO KU GUHUZA IBIMENYETSO BY`UBUZIMA ku ipaje ya 97:**
1. f **2.** a **3.** d **4.** b **5.** c **6.** e

» **UMUKORO KU GUHUZA UBWISHINGIZI ku ipaje ya 98:** **1.** b **2.** a **3.** a

» **UMUKORO KU NDYO ITUNGANYE ku ipaje ya 102:**
Indyo itunganye (ca uruziga): b c e g j k
Indyo idatunganye (camo umurongo): a d f h i

» **GUSOZA ku ipaje ya 106:** **1.** a **2.** e **3.** a **4.** e **5.** b

UMUTWE WA 9

» **UMUKORO KU GUKENERA NO GUSHAKA ku ipaje ya 114:**
Ibintu umuryango wawe ushoboroa gukenera (ca uruziga):
a b d e g h k l
Ibintu umuryango wawe udakeneye, ariko ushobora gushaka (camo umurongo): c f i j

» **UMUKORO KU MISORO ku ipaje ya 118:**
Imisoro ishobora kwishyura (ca uruziga): a b e h
Imisoro ntishobora kwishyura: c d f g

» **GUSOZA ku ipaje ya 124:** **1.** d **2.** b **3.** e **4.** b **5.** a

UMUTWE WA 10

» **GUSOZA ku ipaje ya 141:** **1.** a **2.** e **3.** a **4.** e **5.** d

IMIGEREKA A

UMUTWE WA 11

» **UMUKORO KU BURENGANZIRA N`INSHINGANO (BIJYANA) N`URWEGO RW`ABINJIRA MU GIHUGU ku ipaje ya 156:**

- **<u>UBURENGANZIRA:</u>**

  Gusaba kuzana umuryango wawe: Bose (Impunzi, LPR, umwenegihugu)

  Gusaba imfashanyo rusange: Bose

  Kwiga no gukora: Bose

  Kugenda muri Amerika imbere ntamususu: Bose

  Gutembera hanze y`Amerika nta ruhushya: LPR & umwenegihugu

  Gutora: Umwenegihugu

- **<u>INSHINGANO:</u>**

  Kumenya no kubahiriza amategeko: Bose

  Gutanga umusoro: Bose

  Kwiyandikisha mu by`igisirikare niba uri uw`igitsina gabo w`imyaka hagati ya 18 na 25: Bose

  Kubahiriza uburenganzira bw`abandi: Bose

  Kuba umuseseri mu rukiko: Umwenegihugu

  Gufasha no gutunga abana bawe: Bose

» **GUSOZA ku ipaje ya 158:**

1. Ni byo **2.** Ni byo **3.** Si byo **4.** Ni byo **5.** Si byo **6.** Ni byo **7.** Ni byo **8.** Si byo

UMUTWE WA 12

» **UMUKORO KU GUHUZA UBWOKO BW`IMIRIMO ku ipaje ya 163:** **1.** b **2.** c **3.** a

» **GUSOZA ku ipaje ya 181:** **1.** Ni byo **2.** Si byo **3.** Ni byo **4.** Ni byo **5.** Ni byo **6.** Ni byo **7.** Ni byo **8.** Si byo

UMUTWE WA 13

» **GUSOZA ku ipaje ya 194:** **1.** b **2.** e **3.** a **4.** d **5.** a

UMUTWE WA 14

» **GUSOZA ku ipaje ya 210:** **1.** a **2.** d **3.** b **4.** b **5.** b

UMUTWE WA 15

» **GUSOZA ku ipaje ya 217:** **1.** d **2.** Kimwe muri byo cyangwa byose **3.** d **4.** Kimwe muri byo cyangwa byose

IMIGEREKA B

INKORANYA Y` AMAGAMBO AKUNDA GUKORESHWA MW` ITUZWA

Amagambo akurikira yerekeranye no gutuza impunzi muri Amerika:

**UBWISHINGIZI BW`IMODOKA** (CAR INSURANCE): Amaserano yerekeye amafaranga hagati y`umushoferi n`ikompanyi y`ubwishingizi. Mu masezerano, umushoferi yemera kwishyura ikompanyi y`ubwishingizi umubare runaka w`amafaranga buri kwezi, naho ikompanyi y`ubwishingizi ikemera kwishyura ikiguzi cy`ibyangirikiye mu mpanuka umushoferi yagizemo uruhare. Muri leta nyinshi abashoferi bagomba kugura ubwishingizi.

UMUKOZI USHINZWE IDOSIYE (CASE MANAGER/CASEWORKER): Umuntu ufasha impunzi kubona serivise zikeneye mu kigo gitanga serivise.

INYIGISHO MBONEZAMUCO (CULTURAL ORIENTATION [CO]): Igikorwa cyo kwiga ibyerekeye ubuzima muri Amerika. Igikorwa gitangirira hanze, kigakomereza muri Amerika.

UBUYOBOZI BUTANGA SERIVISE Z`UBUZIMA N`IZA KIMUNTU (DEPARTMENT OF HEALTH AND HUMAN SERVICES [HHS]): Urwego rwa guverinoma rutanga amafaranga ya serivise z`ubuzima n`iza kimuntu, cyane cyane ku bantu batifashije.

UBUYOBOZI BWA LETA (DEPARTMENT OF STATE): Urwego rwa leta rukuriye Gahunda yo Kwinjiza impunzi muri Amerika (U.S. Refugee Admissions Program) harimo na Gahunda yo Kwakira no Gutuza.

GUTWARA WASINZE (DRIVING UNDER THE INFLUENCE [DUI]/DRIVING WHILE INTOXICATED[DWI]): Igikorwa cyo gutwara imodoka cyangwa ikindi kinyabiziga gifite moteri, mu gihe wanyoye inzoga cyagwa ibindi biyobyabwenge.

**SERIVISE Z`UBUTABAZI** (EMERGENCY SERVICES): Serivise zifasha abantu mu bihe by`amage, nk`umuriro, urugomo, n`indwara zikomeye zitunguranye. Ubwoko butatu bwa serivise z`ubutabazi zimenyerewe ni polosi, abazimyamuriro, n`imbangukiragutabara.

**IKARITA Y`UBURENGANZIRA BWO GUKORA** (EMPLOYMENT AUTHORIZATION DOCUMENT [EAD]): Ikarita itangwa na guverinoma yemerera uyifite gukora muri Amerika igihe runaka akiri mu rwego ruzwi rw`abinjira. Rimwe na rimwe ikarita ya EAD bayita uruhushya rwo gukora (work permit).

AMASOMO Y`ICYONGEREZA NK`URURIMI RWA KABIRI (ENGLISH AS SECOND LANGUAGE [ESL] CLASSES): Amasomo y`icyongereza ku bakuze n`abana bafite ururimi kavukire rutari Icyongereza.

AMASHYIRAHAMWE Y`UDUCE DUSHINGIYE KU BWOKO (ETHNIC COMMUNITY-BASED ORGANIZATIONS

[ECBOs]): Amashyirahamwe ashingiye ku duce yashinzwe n`abahoze bari impunzi n`abinjira, kugirango atange serivise zifasha abakiza mu duce.

GAHUNDA Y`AMAKARITA Y`IBIRYO (FOOD STAMP PROGRAM): Gahunda ya guverinoma ifasha imiryango ikennye kugura ibiryo. Izina ryayo ryemewe ni Supplemental Nutrition Assistance Program (SNAP).

DIPOROME Y`AMASHURI Y`UBUMENYI RUSANGE (GENERAL EDUCATIONAL DEVELOPMENT [GED] DIPLOMA): Diporome y`abakuze ubusanzwe ifatwa nka diporome y`amashuri yisumbuye.

GIRINI KADI (GREEN CARD): Nanone bita ikarita yo gutura burundu (Permanent Resident card), iyi karita itangwa na USCIS (reba paje ya 225) igahabwa abatari abenegihugu nka gihamya ko umuntu afite urwego rwo gutura burundu muri Amerika byemewe n`amategeko. Ufite iyi karita bamwita umuture wa burundu (Lawful Permanent Resident [LPR]).

**UBWISHINGIZI BW`UBUZIMA** (HEALTH INSURANCE): Amasezerano yishyura amafaranga akomoka ku burwayi cyangwa igikomere. Ikiguzi cy`ubwishingizi cyishyurwa n`umukoresha, n`umuntu, cyangwa bombi.

UWINJIRA (IMMIGRANT): Umuntu wimukira mu gihugu kubayo burundu.

UMURYANGO MPUZAMAHANGA WITA KU BIMUKIRA (INTERNATIONAL ORGANIZATION FOR MIGRATION [IOM]): Umuryango mpuzamahanga uteza imbere imyimukire y`abantu mu bihugu ikozwe mu buryo bwa kimuntu no kuri gahunda.

MEDIKEDI (MEDICAID): Gahunda ya guverinoma iha ubwishingizi bw`ubuzima abantu bakennye bujuje ibisabwa.

MEDIKEYA (MEDICARE): Gahunda ya guverinoma iha ubwishingizi bw`ubuzima abantu barengeje imyaka 65, n`abantu bari munsi y`imyaka 65 bafite ubumuga runaka.

IBIRO BYO GUTUZA IMPUNZI (OFFICE OF REFUGEE RESETTLEMENT [ORR]): Ibiro bya guverinoma, biyoborwa n` ubuyobozi butanga serivise z`ubuzima n`iza kimuntu, biha impunzi n`andi matsinda runaka, imfashanyo binyuze muri za gahunda n`imishinga yabyo.

GUSHAKANA NA BENSHI (POLYGAMY): Gushakana n`abarenze umwe icyarimwe. Gushakana na benshi muri Amerika binyuranyije n`amategeko.

**ICYAMBU CY`URWINJIRIRO** (PORT OF ENTRY): Ahantu umuntu yinjirira mu gihugu mu buryo bwemewe n`amategeko.

**AMASEZERANO Y`UBWISHYU** (PROMISSORY NOTE): Inyandiko uruhande rumwe rusezerana kwishyura urundi umubare w`amafaranga wumvikanyweho. Ubusanzwe amasezerano y`ubwishyu ni ayo kwishyura inguzanyo.

GAHUNDA YO KWAKIRA NO GUTUZA (RECEPTION AND PLACEMENT PROGRAM): Gahunda y`Ubuyobozi bwa Leta iha impunzi zikiza serivise za ngombwa n`inkunga ikenerwa mu gutangira ituzwa mu gace gashya.

IMIGEREKA B

IMPUNZI (REFUGEE): Umuntu wagombye kuva mu gihugu cye ngo ahunge itotezwa. Igisobanuro cyuzuye cy`impunzi gitangwa n`Ishami ry`Impunzi ry`Umuryango w`Abibumbye (The UN Refugee Agency) ni umuntu "ufite ishingiro ryo gutinya itotezwa ku mpamvu z`inkomoko, idini, ubwenegihugu, ubunyamuryango mu itsinda mpuzabantu runaka cyangwa ibitekerezo bye bya politiki, uri hanze y`igihugu cy`ubwenegihugu bwe, kandi adashobora, cyangwa kubera ubwo bwoba, adashaka kwiringira kugira umutekano muri icyo gihugu."

**IMFASHANYO Y`AMAFARANGA KU MPUNZI** (REFUGEE CASH ASSISTANCE [RCA]): Gahunda ya guverinoma iha by`agateganyo impunzi z`ingaragu n`izashatse zidafite abana bazanditseho, imfashanyo y`amafaranga.

GUTUZWA (RESETLLEMENT): Igikorwa cyo gutura burundu mu gihugu

IKIGO GISHINZWE GUTUZA (RESETTLEMENT AGENCY): Ikigo gitanga serivse shingiro zo Kwakirwa no Gutuza, impunzi zibona. Ikigo gishobora gutanga serivise ziyongereye [kuri izo].

IKIGO GIFASHA MU GUTUZA (RESETTLEMENT SUPPORT CENTER [RSC]): Ikigo gifasha impunzi gusaba gutuzwa muri Amerika. Ibigo bya RSCs binayobora imirimo ibanziriza urugendo, nk`inyigisho mbonezamubano (Cultural Orientation).

**SERIVISE Y`ITORANYWA** (SELECTIVE SERVICE): Ishami rya guverinoma rishobora guhamagarira abantu kujya mu gisirikare, ubusanzwe mu gihe cy`intambara. Abagabo bafite imyaka hagati ya 18 na 25 bagomba kwiyandikisha muri Serivise y`itoranywa.

UTANGA SERIVISE (SERVICE PROVIDER): Ikigo cyangwa umuryango utanga serivise [imwe], cyangwa serivise nyinshi ku bantu.

IHOMERA RISHINGIYE KU GITSINA (SEXUAL HARASSMENT): Imyifatire iyo ari yo yose iganisha ku gitsina ituma umuntu yumva atinye cyangwa atisanzuye.

**IKARITA Y`INOMERO BWITE** (SOCIAL SECURITY CARD): Ikarita itangwa na guverinoma yanditsweho inomero bwite y`umuntu. Inomero bwite ni ngombwa kubera ko ikenerwa mu kubona akazi, no kubona zimwe mu mfashanyo na serivise, zitangwa na guverinoma.

**IMFASHANYO Y`AGATEGANYO KU MIRYANGO IKENNYE** (TEMPORAR Y ASSISTANCE TO NEEDY FAMILIES [TANF]): Gahunda ya guverinoma iha by`agateganyo ababyeyi bafite abana babanditseho imfashanyo y`amafaranga.

ISHAMI RY`UMURYANGO W`ABIBUMBYE RYITA KU MPUNZI (THE UN REFUGEE AGENCY [UNHCR]): Ikigo mpuzamahanga cyita ku mutekano w`impunzi kandi gishakira umuti ibibazo bireba impunzi ku isi yose.

SERIVISE Y`AMERIKA ISHINZWE UBWENEGIHUGU N`ABINJIRA (U.S. CITIZENSHIP AND IMMIGRATION SERVICES [USCIS]): ishami rya guverinoma rishinzwe ibyo kwinjiza abantu muri Amerika mu buryo bwemewe n`amategeko. USCIS

kandi iha abakiza amakuru n`ibikoresho bakenera kugira ngo babe abature ba burundu (Lawful Permanent Residents [LPRs]) n`abenegihugu.

IMIGEREKA C

AMARANGAMUTIMA

Hari ubwo rimwe na rimwe bitakorohera kuvuga uko umerewe. Amasura ari hasi aho ashobora kugufasha kugaragaza amwe mu marangamutima yawe mu gihe cy`ituzwa.


Ndarakaye


Narambiwe


Ndashobewe


Mfite amatsiko


Sindwambaye


Ndi aho


Ndishimye


Murantindiye


Murantutse


Mfite igishyika


Mfite ishema


Ndababaye


Mfite ubwoba


Ndatangaye


Ndashimiye


Mfite impungenge

Ikaze muri AMERIKA

Ikaze muri Amerika: Igitabo gitegura impunzi gikubiyemo amakuru y`igiciro yo gufasha impunzi kwitegura amezi yazo ya mbere muri Amerika. Kiravuga ku byo kwitegura mu gihe impunzi zitura iwazo hashya, zishaka akazi, zihura n`abantu muri Amerika, kandi zimenyera Umuco n`abantu by` Amerika. Ibivugwaho bikubiyemo:

Urugendo rwo gutuzwa

Amerika n`Umuco w`Amerika

Kujya muri Amerika

Ikigo gishinzwe gutuza abantu

Amazu yo guturamo

Serivise Rusange

Gutwara abantu n`ibintu

Kwita ku buzima

Icungamutungo

Kubaho mu mico mishya no guhindurirwa inshingano

Uburenganzira n`inshingano mu mategeko y`Amerika

Akazi

Kwiga Icyongereza

Kwiga

Urugendo Rurakomeje

Iki gitabo kandi gikubiyemo imirimo, isuzumwa uwiga yikorera, n`amagambo n`interuro z`Icyongereza bikunda gukoreshwa.

CAL **Cultural Orientation Resource Center** | Funded by the U.S. Department of State, Bureau of Population, Refugees, and Migration ©2013 | **www.culturalorientation.net**
ISBN: 978-0-87281-075-4